
# DUKIZWA N'UBUNTU BW'IMANA


Mwakijijwe n'ubuntu ku bwo kwizera, ntibyavuye kuri mwe, ahubwo ni impano y'Imana. Ntibyavuye no ku mirimo kugirango hatagira umuntu wirarira.
Abefeso 2 : 8




Nyakamwe Christine

# DUKIZWA N'UBUNTU BW'IMANA

Mwakijijwe n'ubuntu ku bwo kwizera, ntibyavuye kuri mwe, ahubwo ni impano y'Imana. Ntibyavuye no ku mirimo kugirango hatagira umuntu wirarira.
Abefeso 2 : 8




## Nyakamwe Christine

# IBIRIMO


**Igicye cya I :** Ijambo ry'ibanze ....................................................4

**I.1.** Gushimira ..............................................................5

**I.2.** Iriburiro ...............................................................6

**Igicye cya II :** Dukizwa iki ? ....................................................8

**Igicye cya III :** Dukizwa n'ubuntu bw'Imana ...........................20

III.1. Ijambo ry'Imana......................................................22

III. 2. Imbabazi z'Imana..................................................36

III. 3. Imbaraga z'Imana..................................................49

**Igicye cya IV :** Gukizwa ni iki ? ..............................................75

IV. 1. Gukizwa ni uguhinduka................................................75

IV. 2. Gukizwa ni ukugira undi mutima..................................76

IV. 3. Gukizwa ni ukuva muri kamere y'umubiri .....................80

IV. 4. Gukizwa ni uguhinduka umunyetorero..........................81

IV. 5. Gukizwa ni ukurokoka ..................................................83

IV. 6. Gukizwa ni uguhindura ubwami....................................85

**Igicye cya V :** Umwanzuro ......................................................86

# IJAMBO RY'IBANZE

Ijambo ry'Ibanze ni irya nyiri Ijambo Imana ihoraho. Iryo Jambo mbandikiye uko Imana yarimpaye, ni ryo rifunguye inyigisho ziri muri iki gitabo gisobanura ku **"GUKIZWA"**. Ni ryo rikwiriye kubanziriza Ijambo ryose nakwandika kuri uno murimo wavanye Yesu mw'Ijuru, kuko ni ryo nanjye ubwanjye ryakinguye amaso yanjye n'amatwi yanjye, ndetse n'ubwenge bwanjye ntangira gusobanukirwa. Aha ni ho natangiriye kumva ko dukizwa ku bwo kwakira imbabazi z'Imana, Ijambo ry'Imana, na ryo, rikaba riherekezwa n'Umwuka Wera wo kuridusobanurira no kurikomeza mu mitima yacu kugirango rituyobore. Nta gukeka rero mfite ko riza gusubiza ibibazo namwe mwibazaga.

**Uwiteka Imana yacu atuvugishije muri aya magambo ati:**

Ntegereje ku bana banjye kumenya kurusha ijambo ryanjye. Kuki mudasoma ijambo ryanjye ngo muryumve kandi murisobanukirwe?. Amagambo abasha guhindura ibintu. Ibaze icyo Ijambo ryanjye ryakora iyaba ryumvikana neza. Ryabasha kuyobora ubuzima bwa buri muntu. Rifite ubushobozi bwo kubahindura kuko Ijambo

ryanjye riherekezwa n'Umwuka wanjye Wera. Urizi rero, nta gihombo yagira. Ndi kubwira abarisoma ntibarishyire mu bikorwa. Ndi kubwira abarisoma bakarigoreka kandi bakarisobanura uko bishakiye kuko batagira Umwuka wanjye Wera kugirango ubayobore kandi ubasobanurire.

Ndi kubwira abasomesha amaso y'umubiri. Mwese mwahamagariwe kuba abera, kandi mubihabwa no kwiyeza no kwihana. Mube abera nkanjye. Mube abera de nk'abana banjye, ni ho umunsi umwe muzaba iruhande rwange.

Ntimukiyemeze ngo mwishyiremo ko kuba abera de bidashoboka, kuko kubera ko Yesu yabapfiriye, mwejejwe mu maraso ye, mwebwe icyo mugomba gukora gusa, ni ukumusanga, mukamwiyegurira hanyuma mukihana. Nanjye kuko ndi Imana y'imbabazi, nzabafungurira amaboko yanjye kugirango mbababarire.

Ubutumwa bwanjye bugamije kubahamagarira kubabarira nk'uko mbibakorera buri munsi. Nta mwana wanjye n'umwe unsaba imbabazi ngo nzimwime. Na mwe, abe ariko mubikorera bagenzi banyu. Kuko, ni ku bw'urukundo Umwami Yesu yabapfiriye, kugirango namwe muzarukwize mw'isi. Amen

Aya magambo y'Imana muyasome mwitonze arababafasha gusobanukirwa neza n'ubu butumwa. 1Abakorinto13,1 Yohana2 na 3, 1Petero 2:1-3, Abaheburayo10, Matayo20:6-16, Yakobo 2:13, 2Samuel 22: 7

## I.1. GUSHIMIRA

Mbanje gushimira Imana Data wa twese wo mw'Ijuru, we wangiriye ubuntu akampa Agakiza, yarangiza akantera iteka ryo gukwiza hose inkuru nziza y'Agakiza. Iyo mbitekereje birandenga bigasiga n'ubwenge bwange, kuko, mu mibereho narimo, nta mpamvu nimwe mbona yatumye Imana inkunda by'ako kageni. Ntacyo mfite nayitura atari ukuyikunda nkayiha umutima wanjye, narangiza nkayihamiriza abatarayimenya kugirango na bo bayimenye ibakize.

Nshimiye abakozi b'Imana bose banshyigikiye kugirango kino gitabo kibashe kujya ahabona. Kandi mbaye nshimiye abo bose

bazagira uruhare mu kugikwiragiza hose kugirango gisomwe na benshi. Imana ibampere umugisha.

Nshimiye Umuyobozi w'Itorero ryanjye ryitwa "Living World Church" rikorera i Kanombe, ndetse n'abakristo dusengana, kuko badasiba kuntera ingabo mu bitugu, kugira ngo umurimo Imana yampaye ujye imbere.

Nshimiye umuryango wanjye, umutware wanjye nkunda Ambasaderi Polisi Denis n'abana bacu bose bo batigeze bambangamira muri ino nzira y'Agakiza, ahubwo bamfashe mu mugongo bampa n'uburyo nkoresha mu murimo w'Imana. Imana izabibibukireho mu minsi mibi ibatatabare, Kandi ndasaba Imana iri mw'Ijuru kubahoza ku mutima wayo.

Nongeye gushimira Umubyeyi wacu, ari we Data wa twese wo mw'Ijuru, kandi sinzamushimira uko bikwiriye, we utigera udutererana, ahubwo atubereye maso kugirango dukizwe tuzabashe kubana na we mw'Ijuru. Ashimishwa n'uko dukizwa kuko yishimira kuduha Ubwami bwe, ni cyo gituma atuburira ubutitsa atubwira ko Umwami Yesu ari bugufi bwo kuza gutora Itorero rye, ndetse akanadufasha kumenya uburyo twamwitegura. Twihane, tube maso kandi dusenge ubutitsa.

## I.2 IRIBURIRO

Inyuma y'ibitabo bibiri maze gushyira ahagaragara, icya mbere kikaba ari icyasobanuye ubuhamya bw'uburyo nakijijwe, n'imibanire mfitaniye na Yesu, icya kabiri kikaba cyarasobanuye ko Agakiza ari Yesu wenyine, ko Agakiza tutagomba kugafata nk'ibigezweho cyangwa ngo tugafate nk'agakingirizo, cyangwa igikinisho; kandi ko Agakiza tutagomba kukitiranya n'amadini cyangwa imirimo myiza ; byari ngombwa ko dusobanura neza icyo dukizwa icyaricyo n'uburyo ako Gakiza kadukiza.

Ni yo mpamvu yatumye nandika iki gitabo cya gatatu nise ngo **''DUKIZWA N'UBUNTU BW'IMANA''.**

Mu by'ukuri, iyo witegereje neza ukagerageza kuganira n'abantu b'ingeri nyinshi ku Gakiza, usanga abantu benshi bumva ubutumwa buvugwa ku Gakiza, abandi nabo ugasanga amagambo kurokoka no gukizwa ajya abagwa mu matwi, ariko, ntibabashe gusobanukirwa ku Gakiza ngo bamenye neza uburyo babona Agakiza, ibyo bakizwa ibyaribyo n'uburyo bakizwa.

Ndetse n'abitwa ko bakijijwe, ni bake wabaza ibyo bibazo ngo babashe kubigusobanurira. Bahora buri munsi babwira abatarakizwa ngo nibakizwe, ariko ntibababashe kubaha ibisobanuro bikwiriye, byatuma na bo binjira mu Gakiza bazi neza ibyo bemeye ibyaribyo. Ni na cyo ahanini nanjye cyari cyarambujijje kwinjira mu Gakiza, kuko abakizwa ntibasiba kuza kumbwira ngo ninkizwe. Noneho nababaza nti mbe mwebwe mukizwa ibiki? Ni ibihe byaha mwebwe mukora mugomba gukizwa?. Ko ntiba, sinice, sinsambane, mushaka ko nkizwa iki?. Ntacyo bansubiza baransekaga gusa. Nkahita numva umujinya uzamutse ngatangira kubabwira nabi, noneho nkababonamo injajwa zitazi ibyo zirimo, bigatuma n'ako Gakiza kabo ngasuzugura. Abantu batari bazi no kunsobanurira ko Agakiza ari Yesu ? Urumva bari bazi iki ?

Iyi ni yo mpamvu nyamukuru yatumye nandika rero iki gitabo. Ni ukugirango umuntu wese azagisoma azamenye icyamurokora mu nzara za Satani, n'uburyo yabasha kurokoka. Birahagije ko abantu bakomeza kurimburwa no kutamenya. Ko abantu barimbuka aribyo bihitiyemo, ibyo ntacyo nabikoraho, ariko kubona abantu barimbukira mu bujiji bwo kutamenya inzira ijyana mw'Ijuru, ibyo simbasha kubyihanganira, n'Imana irabizi ko nyiririra amanywa n'Ijoro kugirango itwiyigishirize kandi itwiyoborere tudakomeza kujijwa. Uko nasobanuriwe n'Uwiteka, ni ko nanjye ngiye kugerageza kubasobanurira kugirango namwe aboba batarasobanukirwa basobanukirwe, basobanurire n'abandi.

Iki gitabo rero kiradusobanurira impamvu dukizwa ko ari uko turwaye. Kikadusobanurira indwara turwaye iyariyo, ikiyidukiza icyaricyo n'uburyo dukira.

## Igicye cya II
## DUKIZWA IKI ?

Umwami wacu Yesu-Kristo we Gakiza kacu ni we wadusobanuriye mw'Ijambo rye icyo yaje kudukiza ko ari ibyaha. Amaze guhamagara Lewi umukoresha w'ikoro mwene Alufayo ngo amukurikire, bajyanye iwe gusangira. Noneho abanditsi n'abafarisayo batangira kumwibazaho cyane uburyo asangira n'abanyabyaha, noneho Yesu abyumvise arababwira ati : *Abazima sibo bifuza umuvuzi, keretse abarwayi, sinazanywe no guhamagara abakiranutsi, keretse abanyabyaha.* **Mariko 2:13-17** Umwami wacu Yesu-Kristo, yazanywe no guhamagara abanyabyaha kugirango abakize. Aha birumvikana ko indwara turwaye ari ibyaha.

Umwami wacu we ubwe, yarongeye aranadusobanurira igice cy'umuntu gifite iyo ndwara ko atari umubiri ahubwo ko ari umitima. Adusobanurira n'umutima w'umuntu icyari cyo n'ikiwurwaza icyari cyo.

Umwami Yesu yabitubwiye neza igihe Abafarisayo bamukwenaga ngo nuko ariye adakarabye intoke, noneho arababwira ati : "*Ibijya mu kanwa si byo bihumanya, bijya mu nda, bikanyura mu nzira yabyo. Ahubwo, ibihumanya ni ibiva mu kanwa kuko biba bivuye mu mutima. Kuko*

*mu mutima w'umuntu, ni ho haturuka ibitekerezo bibi : Kwica, no gusambana no guheheta, kwiba no kubeshyera abandi n' ibitutsi, ibyo ni byo bihumanya ".* **Matayo 15 : 18-20** Muri **Mariko 9 : 22,** ho hagaragaza ko n'uburyo tureba ko bituruka mu bitekerezo.

Muri rino Jambo Yesu yagaragaje ko umutima ari icyicyaro cy'ibitekerezo, kandi ko urwazwa n'ibitekerezo bibi biwubamo. Ibyo bitekerezo bibi ni byo bituma ingingo z'umubiri wacu zikora ibyaha. Nk'uko yabivuze ati : Mu mutima w'umuntu, ni ho haturuka ibitekerezo bibi, kandi n'ibyiza ni ho bituruka. Ibyo bitekerezo rero ni byo bituyobora kuko ni byo bidukoresha ibibi cyangwa ibyiza. Kwica no gusambana n'ibindi byose ukora, ubikora aruko wabanje kubitekerezaho.

Umuntu rero avuga uko atekereza, akora uko atekereza, areba uko atekereza, agenda uko atekereza, uko atekereza ni ko ari. Umwami Yesu yabivuze neza aho yavuga ko bazatumenyera ku mbuto twera. Umuntu, uwo twita umuntu w'imbere ni umutima kuko ni wo wicawemo n'ibitekerezo bye bimuyobora. Noneho twavuga ko ibitekerezo ari byo muntu. Uwo muntu rero tumumenyera ku byo agaragarisha ibihimba by'umubiri we. Ni zo mbuto yera. Ibi byose ni ibitwereka ko umubiri utigenga, ugengwa n'umutima wicawemo n' ibitekerezo.

Ubwo rero uko umuntu ateye, ni ko kugaragaza uko atekereza. Imana, mu butumwa yampaye kubagezaho, yagejeje kure icyo gitekerezo aravuga ati: *Muneshereza mu bitekerezo kandi mu bitekerezo ni ho munesherezwa.* Ni ukuvuga ko iyo utabasha gutekereza neza, ntushobora gukora ibyiza ukora ibibi. Kandi iyo ukora ibisunitswe n'impwemu zawe utatekerejeho neza, ukora amakosa kuko uba uhubutse. Ikindi, iyo uticara ngo utekereze neza ku bibazo byawe ngo ube umuntu uzi kwigira inama ntacyo wageraho.

Umuntu yakwibaza noneho inkomoko y'ibitekerezo iyariyo. Ibitekerezo bikomoka ku magambo twumva, ku byo turebesha amaso, ndetse no ku mirimo dukorerwa n'Imana cyangwa abandi bantu . Ibyo bintu iyo ubyakiriye neza ukabona ko ari iby'ukuri, bihinduka ibitekerezo wari ufite binyuranyije n'ibigaragazwa n'amagambo wumvise cyangwa imirimo wabonye.

Hano natanga ingero ntoya. Umuntu ashobora kuza akakubwira uburyo incuti yawe runaka ikwanga, ndetse akanamubeshyera akubwira ibibi yaba yarakuvuzeho. Iyo uhise ubyemera ukabifata nk'ukuri, na we utangira kumutekereza nabi, noneho urukundo wari umufitiye rukagenda ukumva umwanze. Ariko, iyo uwo muntu akweretse ineza akaza agukorera ibintu byiza, usubiza umutima inyuma ugatangira kwibaza niba koko ibyo bamuvuzeho byari ukuri, wasanga koko nta buryarya abikorana, ibitekerezo wari umufiteho bigahinduka, urukundo rukagaruka.

Umuntu muri kamere ye, nk'uko bibiliya ibitubwira mu **Itangiriro 6:5,** atekereza nabi. Ni cyo gituma muri kamere yacu turi abanyabyaha. Imana ijya kurimbura abantu mu gihe cya Nowa, yavuze ko impamvu aruko yabona batekereza nabi iteka ryose, noneho ingeso zabo zikaba mbi. Ijambo ry'Imana ihoraho ribitubwira riti : *"Uwiteka abona yuko ingeso z'abantu zari mbi mw'isi, kandi ko kwibwira kose imitima yabo itekereza ari kubi gusa iteka ryose. Uwiteka yicuza yuko yaremye abantu mu isi, bimutera agahinda mu mutima».*

Twarabisobanuye ko Imana yagerageje gukirisha abantu amategeko mu gitabo nanditse cyitwa ngo : «**Agakiza ni Yesu**» bikananirana, akarinda kwohereza Umwana we Yesu-Kristo kugirango dukizwe kuko Imana itishimiye guhora irimbura abantu yaremye ahubwo yishimira kuduha ubugingo buhoraho.

Hano, navuga rero ntashidikanya ko Yesu yazanywe no kudukiza ibitekerezo bibi byo bidukoresha ibyaha, bigatuma duhorana ingeso mbi zizaturimbura.

Ijambo ry'Imana riri muri **Yohana 3:16** ribitubwira neza : «*Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga Umwana wayo w'ikinege kugirango umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho. Kuko Imana itatumye Umwana wayo mu isi gucira abari mu isi ho iteka, ahubwo yabikoreye kugirango abari mu isi bakizwe na we*».

Mw'Ijambo **gukizwa,** harimo **«Gukira»**. Kandi, ukira ni uwari arwaye nk'uko twabibonye ko Yesu yazanywe n'abarwaye. Kandi tumaze kubona ko imitima yacu irwaye ibitekerezo bibi. Gukizwa rero, ni ugukira kw'imitima yacu yicawemo n'ibitekerezo bibi, noneho tukagira ibitekerezo byiza. Mu magambo make, gukizwa ni ugukizwa ibitekerezo bibi.

Twebwe abantu tuvukana imitima irwaye nk'uko Ijambo ry'Imana ribitubwira muri **Yeremiya 17 : 9-10** *riti «Umutima w'umuntu urusha ibintu byose gushukana, kandi ugira indwara ntiwipfuze gukira. Ni nde ushobora kuwumenya uko uri ? Njye Uwiteka ni njye urondora umutima nkawugerageza»*

Umwami wacu Yesu-Kristo, ntabwo rero yavanywe mw'Ijuru no gukiza imibiri yacu nk'uko bamwe bajya babyibaza gutyo. Naho yakoreye abantu benshi ibitangaro akabakiza indwara nyinshi zari zarananiranye, akabakiza n'abadayimoni, ntiyariyo ntego. Intego y'ibyo yakora, kwari ukugirango ahindure ibitekerezo bibi abantu bari bafite ku Mana. Ibyo turaza kubisobanura neza mu mirongo ikurikira.

Kandi mu by'ukuri, ibi turi kuvuga, bihamirizwa n'uko abo yakijije bose, nta n'umwe tubona yazamutse mw'ijuru ari muzima. Ni ukuvuga ko ibyaribyo byose ko basubiriye bakarwara bagapfa. Ndetse na Razaro yari yazuye, yarasubiriye arapfa. Yesu rero yazanywe no gukiza imitima yacu kugirango ihabwe ubugingo buhoraho, ntabwo yazanywe no gutanga ubugingo buhoraho bw'imibiri yacu. Kandi umutima ni we muntu nk'uko twari twabivuze, naho umubiri, ni igifuniko cy'umuntu w'imbere. Ni cyo gituma ku bwo gukizwa, ntitugipfuye. Hano, tugomba kwumva urupfu rw'umuntu ari we mutima. Umutima ntugipfuye, umubiri ni wo uzapfa. Ni ukuvuga ko umubiri wawe uzapfa, ariko ibitekerezo by'umuntu byo bizahoraho iteka ryose.

Nakomeje kubaza Imana inkomoko y'indwara turwaye iyariyo. Imana yaje kumpishurira ko ibitekerezo bibi ari yo ndwara tuvukana mu mitima yacu ko ituruka kuri «KAMERE YO KWIKUNDA «tuvukana (EGOISME EN FRANÇAIS). Dushobora kuba twikunda mu ngero zitandukanye, ariko nta muntu n'umwe utikunda.

Umuntu ku bwo kwikunda ntanyurwa n'ukwo ari, kandi ntanyurwa n'ibyo afite. Ahorana kwipfuza mu mutima we ariko kurarikira. Kandi, ntituba twaramenye ko kwipfuza ari icyaha, iyo Imana itabitubuza iti: «**Ntukipfuze». Abaroma 7,7** Umuntu rero ahora yifuza, ahorana mu mutima we irari ry'ibinezereza umubiri we kuko yikunda. Ibinezereza umubiri we ni byo ahoza mu bitekerezo bye. Kuko tuzi ko tuyoborwa n'ibitekerezo byacu, ku bwo guhora tubitekerezaho, ni byo bituyobora, ni byo bidukoresha. Ni ukuvuga ko intego y'ubuzima bwacu, iba ari iyo gushimisha imibiri yacu. Turaza kubisobanukirwa neza twifashisha ingero y'uburyo umwana akurikiwe yitwara.

**NONE IYO KAMERE YO KWIKUNDA KO TUYIVUKANA TWAYIVANYE HEHE ?**

Ibyo bitekerezo bibi byo kwikunda uwo byagaragayeho wa mbere ntabwo ari umuntu, ni umumarayika yari yariswe Rusiferi ari we wahindutse Satani. Ni ukuvuga ko rero ibyaha bya mbere byakorewe mw'Ijuru ntabwo byakorewe muri ino si.

Satani yarirebye yumva arikunze cyane, noneho, bimuviramo kutanyurwa n'uko Imana yamuremye, ahinduka indashima yo mu rwego rwo hejuru. Atangira kwifuza kuba ari we aba Imana. Ararikira Ubumana ; ni byo byamuviriyemo gushyarika Imana. Yumva ntiyahwema atabonye ubwenge, ububasha n'ubushobozi by'Imana.

Nyamara, Imana mu kurema  Rusiferi ngo yari yaramuremanye uburanga butangaje, amugira umumarayika ukomeye mw'i Juru. Ngo ni we wayoboraga abaramya Imana.  Yari mu Bamarayika bagize ibyegera by'Imana. Ariko, ibyo byose, ku bwo kwikunda ntibyatumye anyurwa. Ni ko kugambanira Imana agambira we n'icya gatatu cy'abamarayika bamukurikiye guhirika Imana ngo bayikure ku Ngoma.

Ariko Imana ntiyabyihanganiye, yamujugunye mw'isi we n'abambari be. Bibiliya itubwira ko uwo munsi, ijuru ryagize amahirwe, naho isi yabonye ishyano kuko yinjiwemo n'icyaha. "Nuko wa Juru we namwe abaririmo nimwishime. Naho wewe wa si we, ubonye ishyano kuko Satani yabamanukiye afite umujinya mwinshi, azi y'uko afite igihe gito" ***Ibyahishuwe 12 : 12.***

Imana ikimara kujugunya Satani mw'isi yamubwiye muri **Ezekiyeli 28:15-17** iti:«Wari utunganye bihebuje mu nzira zawe zose uhereye umunsi waremweho, kugeza umunsi wabonetsweho gukiranirwa. Wuzuyemo urugomo ruzanywe n'ubugenza bwawe bwinshi bugutera gucumura, ni cyo cyatumye nkwirukana nk'uwanduye nkagukura ku musozi w'Uwiteka. Narakurimbuye wa Mukerubi utwikira we, ngukura hagati ya ya mabuye yaka umuriro. Ubwiza bwawe ni bwo bwateye umutima wawe kwishyira hejuru, kubengerana kwawe ni ko kononnye ubwenge bwawe, nakujugunye hasi ngutangariza imbere y'abami kugirango bakwitegereze....»

Umuzi w'ishyari wari waramaze kumera muri uwo mwanzi w'Imana, ntiwamukundiye kwihanganira kubona Adamu na Eva bakundana n'Imana, babana n'Imana, ari abana b'Isumbabyose.

Ntiyabyihanganiye kuko yarazi ibyiza n'umunezero biri mu kubana n'Imana, kandi yarabona uburyo Imana inezererewe abana be bikamurya mu mutwe , noneho agakubita agatoki ku kandi. Yagambiriye kubatandukanya n'Imana akoresheje uburiganya bwo kubinjizamo nabo wa muzi mubi wo kwikunda, kugirango abakururire mu byaha, abone uko abatesha amahirwe yose Imana yari yarabahaye.

Satani yakoresheje ka karimi ke kabi k'uburyarya avuga Imana uko itari. Abeshyera Imana, yonona ishusho y'Imana imbere y'abantu mu kuyita umubeshyi n'umugome.

Yabumvishije ko ni barya urubuto Imana yababujije ko batazapfa, ko Imana yababeshye, ahubwo ko bazahindurwa nk'Imana. Mu **Itangiriro 3:1-7** Ijambo ry'Imana rirabitubwira riti : "Inzoka yarushaga uburiganya inyamaswa zo mu ishyamba zose. Ibaza Eva iti : "Ni ukuri koko Imana yaravuze iti : "Ntimukarye ku giti cyose cyo muri iyi ngobyi? Uwo mugore arayisubiza ati: "Imbuto z'ibiti byose byo muri iyi ngobyi twemerewe kuzirya, keretse imbuto z'igiti kiri hagati y'ingobyi ni zo Imana yatubwiye iti : " Ntimuzaziriye, ntimuzazikoreho, mutazapfa. " Iyo nzoka ibwira uwo mugore iti : Gupfa ntimuzapfa kuko Imana izi yuko ku munsi mwaziriyeho, amaso yanyu azahweza mugahindurwa nk'Imana, mukamenya icyiza n'ikibi." Uwo mugore yemera ibyo inzoka imubwiye, asoroma ku giti Imana yababujije ahaho n'umugabo barasangira. Noneho amaso yabo arahweza bamenya ko bambaye ubusa, kuko ubwiza bw'Imana bwari bubatwikiriye bwahise bubavaho ku bwo kutumvira Imana, bakumvira Satani".

Satani buriya agira uburiganya bwinshi. Iyo yakwitumye udafite ukuri muri wowe kuvuguruza ibinyoma bye, agutwaza uburyarya. Aho kwegera Adamu ngo abe ari we abaza, yasanze Eva, kuko Eva si we wari warahawe amabwiriza n'Imana. Imana yari yayahaye Adamu kugirango ayashikirize umugore we. Byari byoroshe gushyiramo Eva gushidikanya ku byo Imana yavuze kurusha kubishyiramo Adamu yari yarivuganiye n'Imana. Kandi Satani yarazi ko nabona umugore, azaba abonye n'umugabo. Ni ko kumubwira ngo n'ukuri koko ni byo ko Imana yavuze gutya ? Buriya Eva yatangiye kwibaza niba koko ariko Imana yavuze, niba Adamu ataba yarumvise nabi. Ibyo byatumye Eva yemera vuba ibyo Satani amubwiye ko Imana ari umubeshyi. Ibitekerezo byiza yarafite ku Mana birasibangana, yemeza umutima we ko Imana ari umunyabinyoma.

Satani ntiyagarukiyaho ngo yumvishe gusa Eva ko Imana ari umubeshyi, yanamwumvishije ko Imana ari ingome itabakunda. Ko ibabeshya ngo ni abana bayo nyamara atariko bimeze, abereka ko Imana iyaba yari Se ko iba yarabaremye nk'uko imeze. Noneho ko urwo rubuto yababujije ko barya ko arirwo rufite ubushobozi bwo kubahindura bakaba nk'Imana. Eva amaze kwemera ibyo Satani yamubwiye byose, ajya kubisobanurira Adamu na we arabyemera. N'uko bose bakoze icyaha cyo gusuzugura Imana, bakora icyo yari yababujije.

Bakimara kwemera amabwire ya Satani, bumvise batakinyuzwe n'uko Imana yabaremye, bumva nabo bifuje kuba Imana. Bashyaritse Imana, kuko nabo umuzi wo kwikunda wari umaze kubameramo. Buriya, Ijambo ryose wemeye ko ari ukuri rihindura ibitekerezo byawe nk'uko twari twabivuze. Ni uko Adamu na Eva batakaje urukundo bakunda Imana bumva banze Imana n'ukwizera bari bafitiye Imana kuba kuratakaye ku bwo kwemera ko Imana ari umunyabinyoma.

Ku bwo kwumvira Satani bakanga ibyo Imana yari yarabategetse, biyunze na Satani baruzura, baba basezeranye na we kuzarimbukana iteka ryose.

Ku bwo gukomoka kuri Adamu na Eva, iyo mitima imeze gutyo, idakunda Imana kandi itizera ni yo tuvukana, ni wo murage baduhaye. Ntituvuka dukunda Imana, nta n'ubwo tuvukana ukwizera mu Mana. Tuvuka twikunda kandi tugahorana ubwoba bwo kudashyikira ibyo twifuza ku bwo kutizera. Ikindi, ya masezerano bagiraniye na Satani yo kurimbuka, ni yo tuvukiramo.

Ikitwemeza ko tuvukana kamere yo kwikunda, uzarebe umwana muto iyo akurikiwe, ukuntu amererwa. Ugirango biramunezereza gukurikirwa ? Biramubabaza kuko ibyo yahora akorerwa na Maman we biri gukorerwa undi. Ntabwo aba acyonka, ntabwo aba agihekwa nk'uko yabikorerwaga n'ibindi…. Kandi ku bwe, yumva ibyiza byose byakorerwa we. No mw'ishule, batwigishije ko mu miterere y'Umwana ko ari egocentrique. Ni ukuvuga ko ku bwo kwikunda, yumva iby'isi byose byaba ibye . Mu by'ukuri, aba ashaka kwishyiraho ibyiza byose.

Ni cyo gituma arizwa no kubona maman we yitaho umwana muto. Amugirira ishyari akumva amwanze no kumukubita akamukubita. Ugirango hari uwamwigishije kuba umugome, gushyarika no

kugomera murumunawe amukubita?, reka da, biri muri we, biri mu maraso ye ni ko yavutse, ku bwo kwikunda. Umwana iyo amaze kumenya gutambuka, usanga yiba agasukari akakarigata ntawakamuhaye, ugasanga arakurura ijana mw'isakoshi ya nyina atarisabye akajya kugura bombon. Ibi byose ntawigeze abimwigisha, ni ku bwo kwikunda gutuma ararikira ibiryohereye umubiri we, agakora icyaha cyo kwiba akiri uruhinja ku bw'umururumba umubamo wo kunezeza umubiri we, no kutizera ko maman we ajya kumuha ibyo yifuza. Ubwoba bwo kutabasha kubishyikira mu nzira nziza bugatuma yiba.

Iyo dufatiye kuri runo rugero, duhita tubona neza ko kwikunda ko ari yo nkomoko y'ibyaha byose. Uwikunda agira irari ry'umubiri n'iryiby'isi, agahora akurura yishyira, kandi akumva nta wamuruta, ndetse, ntanuwamurusha ibintu. Ahora ashaka kuba uwa mbere muri byose. Ntanyurwa, ahorana kwifuza mu mutima we. Abo ni bo Bibiliya itubwira ngo : *"Bararya ntibahaga, barambara ntibashira imbeho"*. Uwikunda rero ntacyo atakora kugirango arengere inyungu ze, kuko ni zo ashyira imbere ya byose na bose.

Ni cyo rero amadini yise icyaha cy'inkomoko mu Kinyarwanda, cyangwa icyaha cy'inyanduruko mu Kirundi. N'ukuvuga ko ari icyo dukura kubo dukomokaho kandi ni cyo gikomokwaho n'ibyaha byose. Pawulo we yawise umutima wa Kamere aho avuga ati *: " Umutima wa Kamere utera urupfu, kuko umutima wa kamere ari umwanzi w'Imana kuko utumvira amategeko y'Imana, ndetse ntushobora kuyumvira. Aranavuga ati : Erega buriya abari mu butware bwa Kamere ntibashobora kunezereza Imana"*. **Abaroma 8:6-8.** Kamere rero Pawulo avuga hano, ni kamere yo kwikunda.

Umuntu uri mu butware bwa Kamere, ntabasha gutegeka umubiri we, ahora ararikiye iby'isi binezereza umubiri we ku bwo guhora yitekerezaho we ubwe. Agahora ari njye njye. Ndetse n'abantu bashobora kumufasha guhaza irari ry'umubiri we na bo arabararikira. Ibyo umuntu ararikiye ni byo ahoza mu bitekerezo bye, byaba abantu cyangwa ibintu. Ibyo umuntu ahora atekerezaho, ni byo biba byuzuye mu mutima we, ni ukuvuga ko ari byo aba yaragize ibya mbere mu buzima bwe ku bwo kubikunda kurusha byose na bose. Ni byo rero bihinduka intego ye kuko ni byo aba yarubakiyeho ubuzima bwe. Nibyo bigirwamana bye

kuko yimuye Imana mu mutima we bikaba aribyo yimika. Nkuko Pawulo yabitubwiye mu **Befeso 5:5** ati: *"Kuko ibi mubizi neza y'uko nta musambanyi cyangwa ukora ibyononа cyangwa urarikira ariwe usenga ibigirwamana ufite ibyo azaragwa mu bwami bwa kristo n'Imana".*

Kwikunda, ni byo, ni inkomoko y'ibyaha byose, ariko kwikunda ubwabyo ni icyaha kuko ni ukurenga itegeko ry'Imana riruta ayandi yose ritubwira riti : *"Ukundishe Uwiteka Imana yawe umutima wawe wose, n'ubugingo bwawe bwose n'ubwenge bwawe bwose. Iryo ni ryo tegeko rikomeye ry'imbere".* **Matayo 22 : 37.** Iryo tegeko ni iryo kutwumvisha neza ko Imana ariyo igomba kuba mu bitekerezo byacu, kandi igomba kubayo yonyine kugirango itwiyoborere, kuko Imana itemera kuvangitiranywa.

Uku ni ko kubakira ubuzima bwacu ku Mana. Imana ni yo tugomba kwubakiraho ubuzima bwacu kuko ni yo izahoraho iteka ryose, ni yo idahinduka, niyo ivugisha ukuri , ni yo itibesha. Nituyubakiraho, ntituzanyeganzwa n'ikintu na kimwe. Ariko nitwubakira ubuzima bwacu ku kindi kintu, nicyatemba tuzatembana na cyo. Ngirango ntimusiba kwumva abantu biyahura kuko bahombye cyangwa batakaje imirimo bakora. Biterwa n'uko ubuzima bwabo baba babwubakiya ku butunzi. N'abubakiye ku bantu, iyo abo bantu bapfuye cyangwa babahindutse bata umutwe bakabura iyo berekeza.

Mu **Migani 23 : 26,** Imana yaratubwiye iti : *"Mwana wanjye, mpa umutima wawe".* Ni ukuvuga ko idusaba kuyemerera ko yiharira ibitekerezo byacu kugirango ibe ariyo isigara idutekerereza idukoreshe ibyiza. Iyo rero turarikiye ibindi bitari Imana, Imana irimuka, ikava mu mitima yacu, noneho Satani agafata icyicyaro, akuririra kuri bya bindi turarikiye, akatwosha kubishakira mu nzira mbi akadukoresha ibyaha. Ni cyo gituma irari ari inkomoko y'ibibi byose. Kuko iha urwaho Satani rwo kuba mu mitima yacu. Iyo ari mu mitima yacu, nta kindi adutekerereza atari ibibi gusa kuko ni we Sekibi. Kandi hano, tugomba kumenya neza ko umutima w'umuntu ko utigera uba wonyene. Iyo Imana itawurimo Satani acya awiharira.

Hari Abayuda bari baranze Yesu, banga n'amagambo yose yababwiraga, ntibashake no kuyamenya. Noneho, umunsi umwe Yesu arababwira ati :*"Ni iki gituma mutamenya imvugo yanjye? Mukomoka kuri So Satani, kandi ibyo so ararikira ni byo namwe mushaka gukora. Uwo*

*yahereye kera kose ari umwicanyi, kandi ntiyahagaze mu by'ukuri kuko ukuri kutari muri we. Navuga ibinyoma aravuga ibye ubwe kuko ari umunyabinyoma, kandi ni se w'ibinyoma".* **Yohana 8 : 43-44.**

Ibyo rero Satani ararikiye, ni byo atekereza, ni na byo aheza akadutekerereza igihe cyose tumurekuriye imitima yacu. Ubwo rero dukora ibibi kuko tuba twarekuriye Satani ibitekerezo byacu. Iyo Satani amaze kugufata mu bitekerezo, arakuyobora akagukoresha ibibi. *"Ni cyo gituma Imana idusaba kurinda imitima yacu kurusha ibindi byose birindwa kuko ari iby'ubugingo, ari iby 'ukurimbuka, byose ni ho bituruka" nk'uko twabivuzeho mbere.*

Twirinde rero Satani atadufata mu bitekerezo. Nadufata mu bitekerezo, azaba yadutwaye, azaba yaturangije kuko azadukoresha ibyo ashaka.

Irari rero, ni ryo ridukoresha ibibi by'ubwoko bwose. Nk'uko Ijambo ry'Imana muri **Yakobo 1 : 14 -15** ribitubwira riti : *"Umuntu wese yoshywa iyo akuruwe n'ibyo ararikiye bimushukashuka. Nuko iryo rari riratwita rikabyara ibyaha nabyo bimaze gukura bikabyara urupfu".*

Irari nk'uko twari tumaze kubivuga riha urwaho Satani akaboneraho uburyo bwo gukongeza mu mitima yacu ibintu bitatu bituma dukora ibyaha by'uburyo bwose :

1) ISHYARI : Umuntu ufite ishyari nta kibi adakora kuko nta cyiza yifuriza abandi. Anezerezwa no kubona abandi bagowe, bababaye; akababazwa no kubona abandi banezerewe. Nta cyo rero adakora kugirango ateze abandi imibabaro. Arica, arabeshyera abandi, aragambanira abandi kugirango ahaze irari ry'umubiri we n'ibindi byinshi….
2) UMUREREMBA . Umururumba, ni wo udushora mu mirimo y'urukozasoni nko gusambana, kuba umukunzi w'inda, gusinda mu Kinyarwanda cyangwa kuborerwa mu Kirundi, umuntu agahinduka imbata y' inzoga n'ibindi biyobyabwenge (Urumogi, amatabi…)
3) UBWOBA. Umuntu w'irari ahorana ubwoba bwo kudashyikira ibyo ararikiye, cyangwa ubwoba bwo kubitakaza iyo yabibonye. Umunyabwoba, nta kwizera agira, arirwanirira agahutiraho, ni umunyamujinya, ahorana intonganya mu kanwa ke no mu mutima we.

(Irari n'uburyo ridukoresha ibyaha, tuzabisobanura mu buryo burambuye mu gitabo kizakurikira kivuga ku ntambwe z'Agakiza mu gice kijyanye no kwihana ibyaha. Ni naho tuzasobanura neza icyaha icyaricyo, n'impamvu duhora twihana ibyaha ariko tugahora tubisubiramo)

Kwikunda lero, ni yo nkomoko y'Ibyaha byose ku bwo kuduteza irari. Kandi, ku bwa kavukire, uwo muzi turawuvukana nk'uko twabyeretswe n'imyitwarire y'umwana ucutse. Ntacyo twakoze rero ngo tuvuke turi abanyabyaha. Twararenganye mu by'ukuri.

Ijambo ry'Imana ribitubwira neza riti : " *Mbese mutekereza ko ibyanditswe bivugira ubusa ngo :* "Umwuka uba muri twe urararikira ukagira n'ishyari " **Yakobo 4 : 5.**

Muri **Zaburi ya 51 : 8** Dawidi yakoresheje aya magambo yihana icyaha kibi cyane yari yakoze cyo kuryamana n'umugore wa Uriya, yarangiza uwo mugabo yibye umugore we akamwicisha. Noneho asaba Imana imbabazi arayibwira ati : «Dore naremanywe gukiranirwa, mu byaha ni mo mama yambyariye» Uko lero ni ko tumeze, icyaha ni karande mu bantu, turakivukana.

Ndetse, uwo muzi wo kwikunda ni na wo uyobora ino si dutuyemo, kuko ni kuri wo hashingiye imibanire hagati y'ibihugu. Abanyapolitiques bo ubwabo barivugira bati : " Nta rukundo ruba hagati y'ibihugu, byose ni ikibazo cy'inyungu". Ni muri ubwo buryo twakolonijwe. Ni muri ubwo buryo abirabura bajanywe muri America kubera abanyamerika abacakara kuko bari bakeneye abakozi. Ntabwo kwari ukugirango baduteze imbere, kwari ukugirango bateze imbere ibihugu byabo.

Ni ku bw'iyo kamere, abayobora ibihugu banga kurekurira abandi ubutegetsi, bagashishikarira kubugundira kandi igihe cyabo cyararangiye. Ibyo bikavamo imvururu n'intambara zihitana abantu benshi. Ku bwo kwikunda, baremera abantu bagapfa aho guhererekanya ubutegetsi nk'uko byategekanijwe n'amategeko.

Ni ku bwo kwikunda kandi haba za coup d'Etats mu bihugu bimwe na bimwe. Intebe y'umukuru w'igihugu abantu benshi baba bayifuza. Bahorana ishyari mu mitima yabo, rigatuma bashakisha uburyo bwose bwo guhirika ubutegetsi ngo babe ari bo babufata.

Nkuko twari twamaze kubivuga, nahano turabishimangira ko iyo kamere yo kwikunda, ni yo yadusize mw'isezerano twagiraniye na Satani ryo kuba munsi y'ubutware bwe, no kurimbuka iteka ryose. Isezerano ryo kunga ubumwe na we, tukaba umwe, kuko twari twambaye ishusho ye y'icyaha cyo kwikunda, twari tubaye abe. Amazina yacu aba yanditse mu gitabo cyo kurimbuka ku bw'Icyaha tuvukana. Ni uko twatandukanye n'Imana kuko Imana itabana n'ibyaha. Kandi Imana ni urukundo. Utagira urukundo rero ntabasha kubana n'Imana. Ijambo ry'Imana mu **Bafilipi 1:21** riratubwira riti *: "Twari twaratandukanijwe n'Imana turi abanzi bayo mu mitima no kubw'imirimo mibi".*

Ku bwo kuba twari twaratandukanijwe n'Imana, twabikunda cyangwa twabyanga, twabyemera cyangwa tutabyemera, tuvukira munsi y'ubwami bwa Satani kuko tuvuka turi abanyabyaha. Ubwo bwami tukabugumamo, igihe cyose tutarahitamo Yesu ngo duhindure ubwami dukizwe. *"Ni cyo gituma igihe twakira Yesu tukamwemerera kuba abe, icyambere tumusaba ni ukutwandukura mu gitabo cyo kurimbuka akatwandika mu gitabo cy'ubugingo".* Ni twe tubyisabira. Igihe cyose tutabisabye, amazina yacu aguma yanditse mu gitabo cya Satani cyo kurimbuka.

Imana ku bwo urukundo rwayo ruhebuje, ntiyihanganiye kubona dukomeza kurengana, yatwoherereje Umwana we w'Ikinege ari we Yesu- Kristo kugirango aze kutubohora kuri iyo ngoyi y'icyaha adusubize mu rugo kwa Data. Imana nta kiguzi yadusabye kugirango dukizwe, nta n'igitambo yadusabye, ahubwo, ni we ubwe watanze igitambo kirengeye ibindi bitambo byose byari byaratambwe, yatanze Umwana we Yesu Kristo ngo atumenere amaraso ku musalaba tubashe kubabarirwa ibyaha byacu byose.

Muri **Yesaya 52:3,** Uwiteka Imana aratubwira ati***:*** *"Mwaguzwe ubusa, na none muzacungurwa ari nta feza mutanze".*

Umwanzi atwigarurira, akadukura ku Mana, nta kiguzi yahaye Imana. Ntacyo yadukoye, yadutwaje uburiganya bwe. Ntacyo twakoze ngo tuvuke turi abanyabyaha. Twisanze turi imbohe za Satani. Ni cyo gituma Umwami Imana Papa wacu yatanze Yesu-Kristo akatwigura kugirango tubashe gusubira mu rugo kwa Data. Umwanzi yari yaratugize imbohe ze. None twarabohowe.

# Igicye cya III

# DIKIZWA N'UBUNTU BW'IMANA

Umuntu wese yumvise iby'agakiza yabasha kwibaza ikidukiza icyo ari cyo nuburyo dukizwa, nange ibyo bibazo narabyibajije ndangije mbibaza Imana. Igisubizo cya kino kibazo kiri mu **Befeso 2 : 8**, aho Imana itubwira iti ***:*** «Mwakijijwe n'ubuntu ku bwo kwizera."

Ntabwo dukizwa ku bw'Imirimo twakoreye Imana ngo iyitwiture. Ntabwo dukizwa kuko dukiranuka cyangwa turi beza kuruta abandi. Nta n'ubwo dukizwa n'ubwenge bwacu, cyangwa ubuhanga bwacu, cyangwa imbaraga zacu, nta n'ubwo dukizwa kuko dusenga cyane, nta n'ubwo dukizwa n'imihango dutegekwa n'amadini cyangwa abandi bantu nka twe, dukizwa n'ubuntu bw'Imana ku bwo kwizera Yesu-Kristo. Gukizwa ni impano y'Imana. Kandi iyo mpano ni iya twese, kuko Yesu yaje gupfira abari mw'isi bose. Abazamwemera bose bakamwakira bazakizwa na we. Naho abazamwanga bose bazacibwaho iteka.

Mu ijambo ribanziriza inkuru nziza ya Yesu Kristo nkuko yanditswe na Yohana, Bibiliya Ntagatifu ibitubwira neza iti: «Ububasha bw'umwijima n'urupfu buzagerageza kuburizamo umurimo wa Yesu Kristo

ariko buzatsindwa. N'abantu bazanga ko abagabira ubuzima bazacibwa; abazabwakira bo bazarokorwa iteka ryose».

Nkimara gusoma ririya Jambo ry'Imana riri mu Befeso, numvise mbonye igicye cy'igisubizo cy'ibibazo byanje, noneho nsigara nibaza ubuntu bw'Imana icyaricyo, kuko numva ari imvugo ififitse. Ni koko, ubuntu bw'Imana ni urukundo rw'Imana. Ariko nagomba kumenya uburyo urwo rukundo rw'Imana rwigaragaza mu buzima bwacu n'ingene rudukiza.

Ubuntu bw'Imana nk'uko nabuhishuriwe n'Imana, yabutugaragarije mu kuduha ibintu bitatu bituruka ku Mana yo yonyine aribyo by'ibi :

- **Ijambo ry'Imana**
- **Imbabazi z'Imana**
- **Imbaraga z'Imana**

Kandi ibyo bintu bitatu, ni zo mpano z'Imana yarungikanye Umwana wayo Yesu –Kristo kugirango dukizwe na zo. Izo mpano eshatu rero, zibonwa n'abakiriye Yesu-Kristo nk'Umwami n'Umukiza wabo bakamwizera nk'uko Ijambo ribitubwiye ko dukizwa n'ubuntu bw'Imana ku bwo kwizera Yesu- Kristo. Abatemeye Yesu-Kristo, izo mpano z'Imana zibapfira ubusa.

Ijambo ry' Imana muri **Yohana 1 : 14, 16** riratubwira riti *:* «Jambo uwo yabaye umuntu abana natwe (tubona ubwiza bwe busa n'ubw'Umwana w'ikinege wa Se) yuzuye ubuntu n'ukuri. Kandi ibimwuzuye akaba aribyo twahaweho twese, ni ubuntu bukurikira ubundi, kuko amategeko yo yatanzwe na Mose, ariko ubuntu n'ukuri byo byazanywe na Yesu-Kristo».

Umwami wacu Yesu-Kristo nk'uko rino Jambo ribitubwiye, ntiyaje mw'isi imbokoboko, yatuzaniye ubutunzi bukomeye bw'Imana.

Ni we watuzaniye Ijambo riturutse mu kanwa k'Imana ritumenyesha Data uwariwe, n'ubushake bwe kuri twe, ko aruko tugira urukundo, kugirango tubashe gusa na Data duhinduke abana be, kuko Data ni urukundo.

Yesu yaje kutubwira ko Data adufitiye impuhwe n'urukundo rwinshi, abihamisha kutumenera amaraso ku musalaba, yo

yaduhesheje imbabazi z'Imana, none, tukaba twarababariwe ibyaha byacu byose.

Yesu yaje yuzuye imbaraga z'Imana ari wo Mwuka Wera w'Imana, ni wo yaduhayeho kugirango ubane natwe, uturinde kandi udukomereze mu bwiza bw'Imana.

Ku bemeye Yesu-Kristo bose bakamwakira, ziriya mpano 3 z'Imana zifataniriza hamwe mu kubahindura ibyaremwe bishya bishimwa n'Imana, ari bo bana bayo bavuye muri kamere –muntu irangwa no «KWIKUNDA», bagafata kamere y'Imana irangwa n' «URUKUNDO». Izo mpano uko ari eshatu, iyo tuzakiriye, tukazemera kandi tukizera ko ari iz'ukuri, ziduhindura ubwoko bw'Imana kuko twambara ishusho y'Imana tugasa na yo.

N'uko rero, umuntu iyo amaze kwakira Agakiza ari we Yesu-Kristo, ari we Jambo ry'Imana, agomba kwakira Ijambo ry'Imana by'ukuri. Agomba gushaka Bibiliya, agahora asoma Ijambo ry'Imana, agashakisha kurisobanukirwa, kandi akaryemera ko ari ukuri, akarishyira mu bitekerezo bye, agahora aritekerezaho, ni ko kuribika mu mutima we. Akarigira irye, akarigira incuti ye, akemera kuyoborwa na ryo, rikaba ariryo rigenga ubuzima bwe.

Agomba guca bugufi agasaba imbabazi Imana ku byaha yakoze byose atarakira Agakiza, kandi agahora yicuza igihe cyose aguye mu cyaha, kugirango Yesu amwuhagize amaraso yamumeneye ku musalaba amubabarire.

Agomba kandi guhora yambaza Imana, kandi agakora ibyo asabwa n'Imana kugirango imuhe ku Mwuka we Wera kuko ni we Mufasha twasigiwe na Yesu-Kristo kugirango tuzaneshe. Ni zo mbaraga z'Imana.

### III.1. IJAMBO RY'IMANA

Nk'uko twabikomojeho kare, hari abantu usanga barakiriye Agakiza bakavuga ngo barakijijwe, ukaba utamubaza utese Agakiza ni iki ? cyangwa uti Agakiza kamaze iki ?, cyangwa uti dukizwa iki ?, dukizwa dute? cyangwa uti dukizwa n'iki ngo abigusobanurire.

Agakiza ni Yesu, ni Ijambo ry'Imana, ni ubugingo buhoraho. Kwakira Agakiza lero, ni ukwakira Yesu, ni ukwakira Ijambo ry'Imana, ni ukwakira Ubugingo buhoraho. Ni uguhitamo inzira

ijana mw'Ijuru, ukava mu muhanda ujyana mw'irimbukiro warurimo. Ukava munsi y'Ubwami bwa Satani wavukiyemo ku bw'icyaha cy'inkomoko cyo kwikunda, ukimukira munsi y'Ubwami mw'Imana ku bwo guhitamo gusa na Yesu mu kwuzura urukundo.

*Umwami Yesu yivuze neza muri Yohana 14 : 6 ati : «Ni jye nzira n'ukuri n'ubugingo : nta wujya kwa Data ntamujyanye».*

Muri **Yohana naho, 1 : 1,** Ijambo ry'Imana rirongera rikatubwira riti*: "Mbere na mbere hariho Jambo, Jambo uwo yahoranye n'Imana kandi Jambo yari Imana . Muri we harimo ubugingo, kandi ubwo bugingo bwari Umucyo w'abantu. Uwo mucyo, ni we mucyo nyakuri, kandi ubwo ni bwo yatangiraga kuza mw'isi ngo amurikire umuntu wese".*

Uwo turimo kuvuga hano ni Yesu-Kristo Umwana w'ikinege w'Imana. Ni we Jambo ry'Imana kandi ngo ni we Mana. Iryo Jambo, ni rwo rumuri rwacu rutumurikira rukatwereka inzira y'ukuri itugeza mw'Ijuru kwa Data. Ijambo, ni ryo rigenzura imigambi yacu n'ibitekerezo byacu rikatugira inama mu byo dukora byose no mu myitwarire yacu yose. Ijambo ni ryo rigomba kugenga ubuzima bwacu, rikaduha icyerekezo gishya kandi kizima.

Mu **Baheburayo 4:12,** ibyanditswe byera biratubwira ko *"Ijambo ry'Imana ribangukira kugenzura ibyo umutima wibwira ukagambira"*. Ijambo, ni ryo ritumenyesha icyiza n'ikibi mu kudutekerereza, ni ryo rigomba kutuyobora mu nzira zacyu zose. Niba ugiye gukora cyangwa kuvuga ikintu, banza wibaze niba kijyanye n'Ijambo ry'Imana, ni ho utazayoba ngo ukore ibyangwa n'Imana. Kuko ubushake bwose bw'Imana yabuhishuriye mw'Ijambo ryayo.

Nkunda gutanga urugero ku byambayeho kugirango mbafashe gusobanukirwa. Nigeze njyana n'undu mumaman gusura abarwayi 2. Twagomba kujya mu ngo 2 zitandukanye. Twaragiye, tumaze gusura umurwayi wa mbere, turi mu nzira tugiye kureba uwa kabiri, umutware wanjye arampamagara ngo nimbanguke, kuko hari ahantu twagomba kujyana. Uwo mudamu twari kumwe arambwira ngo reka dutahe, uwo wundi tuzaza kumureba hanyuma tutarakaza muzehe. Narahagaze ndajunjumirana, nibaza icyo gukora kiranyobera. Ariko, nza kwibuka Ijambo Yesu yavuze

atubwira ko ariwe ugomba kuba uwa mbere mu buzima bwacu, ndetse na gahunda ze zikaba arizo duha agaciro karenze ako duha gahunda dufitaniye n'abandi bantu, cyangwa gahunda zacu bwite. Yaratubwiye ati : "*Ukunda se cyangwa nyina kubandutisha ntaba akwiye kuba uwanjye, kandi ukunda umuhungu we cyangwa umukobwa we kubandutisha, ntaba akwiye kuba uwanjye. Kandi utikorera umusalaba we ngo ankurikire, ntakwiriye kuba uwanjye. Urengera ubugingo bwe azabubura, ariko, utita ku bugingo bwe ku bwanjye azabubona*". **Matayo 10 : 37-39.**

Muri ako kanya, nahise rero nibuka iryo Jambo, ni ryo ryamfashije gutoranya icyo gukora icyaricyo. Ndamubwira nti dore uko Yesu yavuze , ndamusubiriramo iryo Jambo, noneho ndamubwira nti : Niducira hagati gahunda y'Imana, turaba dukoze icyaha. Nti noneho, reka dusengere umutware wanjye, Imana imuhe kwihangana, noneho tugende turangije gahunda y'Imana yatuzanye. Twaramusengeye turangije, turashishikara tujya gusura uwo murwayi wa kabiri tubona gutaha. Ndakubwiye ngo, icyambere, ntiyasubiriye kumpamagara, icya kabiri, nasanze antegereje yiturije nta n'uburakari afite, yanyakirije igitwenge.

Ikindi gihe, hari ku munsi wa mbere mu gitondo, nari ngwaje umwana, ariko noneho narabyutse nsanga umwana yarembye. Nagombaga guhitamo kubanza kumujyana kwa muganga cyangwa kujya kubwiriza kuri Radiyo. Nahagaze muri douche imbere y'uko niyuhagira njijinganya imitima ndibaza nti ese Mana nkore iki ?. Papa we, ntiyari mu rugo ngo abe ari we umujyana kwa muganga, ni jye nagombaga kubikora ntawe nari mfite niyambaza.

Noneho, nibutse amagambo 3. Nibuka ko Imana yari imaze iminsi imbwira ngo Satani arashaka kugucecekesha ngo ureke kumvugira. Ubundi nanjye nibuka ko nabwiye Imana ko nzayikorera mu bibi no mu byiza. Nibuka kandi ko Imana itubwira mw'i Jambo ryayo ngo : Nuja mu byange nanjye nzaja mu byawe.

Ayo magambo, ni yo yamfashije gutoranya icyo nshyira imbere. Nabwiye Imana nti Mana, ngiye kuri radiyo kuvuga Ijambo ryawe, nawe usigare ukiza umwana wanjye. Ngiye mu byawe, nawe, uje mu byanjye, ni we wabivuze. Ndamubwira nti ibyaribyo byose, nubishaka uramukiza, ikindi, naho najya kumuvuza udashatse ko akira ntabwo yakira, ubwo rero mpisemo kujya kugukorera.

Narakije imodoka ndagenda. Abakozi banjye ntibabyumvaga. Narikomeje umutima, mvuga ubutumwa uko bisanzwe, ndangije ndataha. Ngeze mu rugo, mbyutsa umwana ndamwuhagira kugirango mujane kwa Muganga, ndangije kumwuhagira arambwira ngo maman, banza undeke nsubire ndyame gatoya ndumva ndushye. Naramuretse arasinzira. Umwana yakangutse yakize nta n'umuganga nigeze mujyanaho.

IJambo ry'Imana rero, ni ryo ritumenyesha Imana rikatumenyesha ibyo Imana ikunda n'ibyo yanga kugirango duhitemo icyo tugomba gukora n'icyo tugomba kuba cyo. Iyaba twahoranaga Ijambo muri twe, tugahora turibaza, tukemera gukurikiza ibyo ritubwira byose, byatuma duhora tunezereza Imana, tukava mu byaha, tugahora tunesha.

Ijambo Imana yabwiye Yosuwa amuha umurimo wo kuyobora Abanyistraeli, natwe uno munsi ni iryacu. Yaramubwiye ati : *«Ukomere ushikame cyane kugirango witondere amategeko yose umugaragu wanjye Mose yagutegetse. Ntuzayateshuke uciye i buryo cyangwa i bumoso, kugirango ubashishwe byose aho uzajya hose. Ibiri muri iki gitabo cy'amategeko, ntukarorere kubihamisha akanwa kawe, ahubwo uje ubitekereza ku manywa na nijoro, kugirango ubone uko ukurikiza ibyanditswemo byose. Ni ho uzahirwa mu nzira zawe ukabashishwa byose»*. **Yosuwa 1:7-8.**

Iyo dukurikije ubushake bw'Imana, tukagendera mu mategeko yayo, tuba turi mw'Ijambo ryayo, tuba turi mu Mana, ni bwo bugingo buhoraho kuko icyaha kiba kituri kure. Umwami Yesu yaravuze muri **Yohana 17 : 3** ati : *«Ubu ni bwo bugingo buhoraho, ko bakumenya ko ari wowe Mana y'Ukuri yonyine, bakamenya n'uwo watumye ariwe Yesu-Kristo»*.

Ijambo ry'Imana ryatubwiye ko Jambo ari Yesu- Kristo kandi ni we Mana. Kandi kumenya Imana urumva ko tubihabwa no kumenya Ijambo rye. Uzi Ijambo ry'Imana akarigenderamo, ni we uzi Imana, ni we uzabona ubugingo buhoraho kuko ari we ukora ubushake bw'Imana, kandi agashobozwa na yo. Ni yo itubashisha byose kuko dufite amategeko yayo muri twe tukemera kuyoborwa na yo, tutayaca i ruhande nk'uko yabwiye Yosuwa.

N'Ijambo ry'Imana riri mu **Migani 4 : 4,13** na ryo riratubwira riti: *«Ukomeze amagambo yanjye mu mutima wawe ubone kubaho. Ukomeze icyo wigishijwe, ntukireke, ugihamane, ni cyo bugingo bwawe». Amen*

Ijambo ni ryo ritwereka icyaha icyaricyo, rikakidutesha, tukabatuka ku ngoyi za Satani z'icyaha, noneho tugahinduka imbata z'ibyiza, imbata z'ubushake bw'Imana. Icyo gihe ni ho tuzaba mu rugo kwa Data. Ntidushobora kubana n'Imana tukiri imbata z'ibyaha.

Muri **Yohana 3: 36** naho, Umwami Yesu yaravuze ati *: «Uwizera uwo Mwana, aba abonye ubugingo buhoraho, ariko utumvira uwo Mwana, ntazabona Ubugingo, umujinya w'Imana uguma kuri we. "*

Muri **Luka 11:23,** Umwami wacu Yesu-Kristo arasubira aravuga ati: *«Uwo tutabana ni umwanzi wanjye, kandi uwo tudateranyiriza hamwe arasandaza».* Nuko rero, utazabanira n'Imana mw'Ijambo ryayo ngo ayumvire, azaba yihinduye umwanzi wayo, ubwo rero ntazamenywa na yo ngo imurengere. None se mwibaza ko uwo Imana itarengeye ko yarengerwa na nde?

**Umwana** ariwe **Yesu-Kristo** dushobora kumusimbuza *«Ijambo ry'Imana».* Ni ukuvuga ko Uwizera ko Ijambo ry'Imana ari ukuri, akaryumvira, ni we uzabatuka ku cyaha, ni we uzanesha, ni we uzabona ubugingo buhoraho.

Muri **Yohana 10 : 34** Umwami Yesu arongera aravuga ati: *«Abo Ijambo ry'Imana ryajeho, yabise imana».* Abafite Ijambo ry'Imana muri bo, nibo tumana duto, nibo bana b'Imana. Umwami Yesu arongera arivugira ati: *«Umuntu niyumva Ijambo ryanjye atazapfa na rimwe».* **Yohana 8, 51** Mu rundi ruhande, birashaka kuvuga ko abatumva Ijambo ry'Imana ko bazapfa bakarimbuka iteka ryose.

Umwami wacu Yesu-Kristo yarongeye aratubwira ati : *«Nimuguma mw'Ijambo ryanjye muzaba abigishwa banjye nyakuri, namwe muzamenya ukuri, kandi ukuri ni ko kuzababatura. Ni ukuri ni ukuri, umuntu wese ukora ibyaha ni imbata y'ibyaha. Imbata ntiba mu rugo iteka, ahubwo mwene nyirarwo ni we urugumamo iteka. Nuko, Umwana nababatura, muzaba mubatuwe by'ukuri.* **Yohana 8:31, 34.**

Umwana ari we Jambo, ni we utubatura ku byaha, akaduhindura abana b'Imana. Abatumva Ijambo, abatarizi si Ab'Imana, ni ab'umubi, ntabwo bazaguma mu rugo kwa Data bazarusohokamo, kuko barurimo nk'imbata. Hari abantu benshi bibesha ngo ni abakizwa barakijijwe kandi ari imbata z'ibibi, kuko batazi Ijambo, batanaribamo. Abo ngabo hazagera igihe batisubiyeho bajugunywe hanze baje kwa se Satani, kuko bajugunye Ijambo ribasha kubabatura ku cyaha, bakaritera umugongo.

Rero, abana b'Imana, aribo bakizwa nyakuri, ni abasoma Ijambo ry'Imana, bakarisobanukirwa bakaribika mu mitima yabo, kandi bakarigenderamo, bagakora ibyaryo. Mu butumwa Imana yampaye kubagezaho, yo ubwayo, n'ijwi ryayo yivugiye iti *:"Udasoma Ijambo ryanjye si uwanjye, ntanzi, n'ukuvuga ko atanankunda "*. Uwo nguwo Imana yamwihakanye. Nta wushobora kuvuga ngo azi Imana ngo kandi akunda Imana kandi adasoma Ijambo ryayo. Nta wushobora gukunda Imana adakunda Ijambo ryayo.

None Ijambo ko ari we Mana Mwana, none wavuga gute ko ukunda umubyeyi kandi umwankira Umwana? Ijambo ry'Imana, ni bwo buryo Imana ivuganiramo n'abana bayo. Ijambo ry'Imana, ni ibaruwa umubyeyi wacyu yatwandikiye, ni ibaruwa y'urukundo. None wavuga ko ukunda Imana gute udakunda kuganira na yo?. Hari umuntu ukundana n'uwo badasabana? Cyangwa, niba udasoma ibaruwa ry'umukunzi wawe? Wavuga gute ko umukunda ibyo akubwira ubyirengagiza, utanabasha no kubimenya ngo umusubize kuko utabisoma? Ese ntibizatinda bikagaragara nk'agasuzuguro?.

Ubu wowe umufiance wawe cyangwa uwo mwubakanye akwandikiye ibaruwa, ntabwo ukiribona ako kanya utabura ibahasha ukarisoma wihuta, igitima kikudihagura ku bw'urukundo umufitiye? None, ko ibaruwa Imana yakwandikiye ko ntacyo rikubwiye, urumva uzahurirahe na we ? Ntuzi ko ubucuti bubagarwa n'akarenge ?. Erega Imana izabana n'abakunzi be. Niba udahindutse incuti y'Imana, ntuzigera uyibona. Rero, uwitaho Ijambo ry'Imana ni we wemerwa n' Imana ko ayikunda nk'uko Yesu yabivuze ati: *"Ufite amategeko yanjye akayitondera ni we unkunda, kandi unkunda azakundwa na Data, nanjye nzamukunda mwiyereke"*. **Yohana 14:21.**

Umuntu uhagaze kw'Ijambo ry'Imana ni we wenyine uzabona Imana. Mwibuke Ijambo Imana yabwiye Mose igihe yaramusabye ngo amwereke ubwiza bwe burabagirana. Imana yamusubije Ijambo rikomeye cyane, natwe uno munsi ni iryacu. Yaramubwiye ati : *"Kugirango umbone, hari ahantu bugufi bwanjye, na we uzahahagarare ku rutare, ati kandi ubwiza bwanjye bukikunyuraho, nzagushyira mu busate bw'igitare, ngutwikirize ikiganza cyanjye ngeze aho marira kunyuraho, maze ngutwikururerho ikiganza cyanjye urebe mu mugongo hanjye, ariko mu maso hanjye ntihaboneka"*. **Kuva 33 : 18-23.**

Urumva rero yabwiye Mose ati kugirango umbone, ugomba guhagarara bugufi bwanjye kandi bugufi bwanjye ni ku rutare, kandi turazi ko urutare ko ari Yesu-Kristo we Jamabo ry' Imana. Ati kandi, ndabanza nguhishe mu busate bw'igitare. Ubwo rero, tuzabona Imana aruko duhagaze kw'Ijambo kandi tukaba ari ryo twihishamo kugirango twirinde ibishuko bya Satani.

**Kwakira rero Agakiza, nta kindi bivuga, ni ukwakira Ijambo ry'Imana**. Buriya Imana iba iguhaye Bibiliya ngo uyisome kandi uyisobanukirwe, uyihozeho ibitekerezo byawe uyigenderemo. Kandi, Umwuka we Wera, uba witeguriye kugusobanurira Ijambo ryayo, no kugufasha kurishyira mu bikorwa. Imana yigeze impa Bibiliya irambwira iti: *"Iri jambo ryange rikubere inshuti nawe ndakwinginga ngo rikubere inshuti"*.

Birababaje lero kugirango abantu benshi biyita abakizwa usange nta na Bibiliya bagira cyangwa bazitunze nk'imirimbo, hanyuma bakiririrwa biyita abagenzi bajya mw'i Juru. Abenshi bibaza ko kubyina igisirimba mu rusengero ko ariko gukizwa, bakibaza ngo kuba wiririrwa uvuga ngo Yesu ashimwe ni ko Gukizwa. Tumenye ko kwakira Yesu nk'umuhango ko nta Gakiza karimo. Ni ukwikururira umujinya w'Imana. Bakijijwe iki kandi baranze kwakira Ijambo ry'Imana ari we Yesu. Imana yabahaye Agakiza barakanga, ni bashishikara, amaherezo yabo arazwi. *Tugomba kumenya neza ko abiyobagiza bose, Imana izabajyanana n'inkozi z'ibibi zose.* **Zaburi 125: 5.**

Umuntu wese akwiye kwisuzuma akamenya niba koko asoma Ijambo ry'Imana uko bikwiriye kandi akarizirika ku nkingi y'Umutima we, akarishyira mu bitekerezo bye kugirango

rimuhindure, rimurinde kandi rimuyobore ubuzima bwe bwose. Dawidi ni we yabwiye Imana ati : *"Nibikiye Ijambo ryawe mu mutima wanjye kugirango ntagucumuraho"*. **Zaburi 119 : 11.**

Muri icyo gice nyene ku murongo wa 105, arongera abwira Imana ati : *"Ijambo ryawe, ni itabaza ry'i birenge byanjye. Ni umucyo umurikira inzira yanjye"*. Nk'uko Umwami Yesu yabitwibwiriye ati: *"Amatabaza yanyu ahore yaka"*. Nukuvuga ko, tugomba guhora twuzuye Ijambo mu mitima yacu, kandi ko tugomba guhora turitekerezaho, kugirango ridutabare mu gihe cyose Satani ashatse kudutega imitego ngo adusubize mu mwijima.

Abantu benshi rero bagiye guhusha Ijuru kubera kwanjanjwa, kwiyobagiza, bashukwashukwa n'imibereho yo muri ino si, bakabura akanya ko gusoma Ijambo ry'Imana . Nyamara, byose ngo bizagira iherezo, kiretse Ijambo ry'Imana. Tureke lero gukomeza kwiruka inyuma y'ibishira, ahubwo tugerageze muri za Gahunda zacu nyinshi gushyira imbere Imana, dusoma Ijambo rye, ari ryo baruwa ry'urukundo yatwandikiye.

Pawulo ayobowe n'umwuka wera, ni we wahuguye Tito aramubwira ngo kugirango ube umuntu w'Imana ushyitse, ukiranuka, ubasha no gukorera Imana, ugomba kuba uzi ibyanditswe byera. Kuko, ni byo bikwigisha uko witwara, bikagutesha gukora ibyaha, ukagenda utunganye rwose.

Icyo gihe, ni we wabwirwaga, ariko uno munsi, ni twe turiho tubwirwa. Iryo Jambo turarisanga muri **2 Timoteyo 3 : 15-17 .** Yaramubwiye ati : *"Abantu babi n'abiyita uko batari bazarushaho kuba babi, bayobya, bayobywa. Ariko woweho, ugume mu byo wize ukabyizezwa kuko uzi uwakwigishije, kandi uzi yuko uhereye mu buto bwawe, wamenyaga ibyanditswe byera bibasha kukumenyesha ubwenge, bwo kukuzanira Agakiza gaheshwa no kwizera Yesu-Kristo. Ibyanditswe byera byose byahumetswe n'Imana kandi bigira umumaro wo kwigisha umuntu, no kumwemeza ibyaha bye, no kumutunganya, no kumuhanira gukiranuka kugirango umuntu w'Imana abe ashyitse, afite ibimukwiriye byose ngo akore imirimo myiza yose "*.

Yesu Kristo ni we Jambo ry'Imana, noneho duheshwa Agakiza no kwizera mw'Ijambo ry'Imana, tukemera ko ari ukuri ko kandi rifite imbaraga ku buzima bwacu.

Kandi, ikindi twamenya n'uko, gusoma Ijambo ry'Imana, ni byo bituma tumenya amategeko y'Imana yose. Noneho, tukabasha kuyubahiriza. Abagendera mu mategeko y'Imana, ni bo bonyine Imana yemera nk'abana bayo, ni bo yemera nk'ubwoko bwayo. Kandi abatayemera, nta mugisha w'Imana bazabona, ni ibivume byo muri ino si nk'uko rino Jambo rikurikira ribitubwira.

Muri **Yeremiya 11 : 3,** Uwiteka yabwiye ab'Istraeli ati: *"Havumwe umuntu utumvira amagambo y'iri sezerano, iryo nategetse ba sogokuruza wa munsi nabazanaga mbavanye muri Egiputa mw'itanura ry'ibyuma nti nimwumve ijwi ryanjye n'amategeko yanjye, muyakomeze yose nk'uko nayabategetse. Ubwo ni bwo muzaba abantu banjye, nanjye nkaba Imana yanyu ".*

**None se Ijambo ry'Imana ridukiza gute? ritubatura ku byaha gute ?**

Ubundi, Ijambo iryariryo ryose, n'iyo ryaba rivuzwe n'umuntu nkawe, iyo uryemeye, ukarifata nk'ukuri, rirakwica cyangwa rikagukiza, kuko ryinjira mu bitekerezo byawe rikabihindura, rikaba ari ryo rihinduka ibitekerezo byawe. Rikaba noneho ari ryo rikuyobora kuko tuzi neza ko buri muntu ayoborwa n'ibitekerezo bye. Umuntu ni imbuto y'ibitekerezo bye. Avuga uko atekereza, akora uko atekereza, kandi agenda uko atekereza. Mu magambo make umuntu ameze nk'uko atekereza nkuko twabibonye kare.

Hano, nashimangira mvuga ko indwara twavuze haruguru z'Imitima yacu ko zaturutse kw'Ijambo Inzoka yabwiye Eva, nawe akaja kuribwira Adamu noneho bose bakaryemera. Barigize ukuri, rihindura imitekerereze yabo ku Mana riboshya gukora ibyo Imana yababujije, kuko amagambo Imana yababwiye ibihanangiriza kutazigera barya kuri iriya mbuto, bari bamaze kuyagwiza n'ubusa, bayafata nk'ibinyoma. N'uko bafashe Imana nk'umunyabinyoma n'umugome.

Ibyo bitekerezo bibi ku Mana byononye ubwonko bwa Adamu na Eva bibatandukanya n'Imana, bahinduka abanzi b'Imana, kuko bahise batekereza Imana ukutariko, batakaza ibitekerezo by'Imana, bafata ibitekerezo bya Satani. Ntibari bagitekereza nk'Imana, bari basigaye batekereza nka Satani. Iyo mitekerereze, ni yo twarazwe na Adamu na Eva. Ibi nari nabivuzeho kare, ariko nongeye kubisubiramo kugira ngo mubikomeze mu mitima yanyu.

Kandi iyo mitekerereze mibi, ni yo yatumye mu gihe cya Nowa Imana irimbura isi. "Uwiteka abona ko ingeso z'abantu zari mbi cyane mw'isi, kandi ko kwibwira kose imitima yabo itekereza ari kubi gusa iteka ryose. Uwiteka yicuza yuko yaremye abantu mu isi, bimutera agahinda mu mutima. Uwiteka aravuga ati : Nzarimbura abantu naremye, mbatsembe mu isi uhereye ku muntu n'inyamaswa n'amatungo ... kuko nicujije yuko nabiremye . Imana ireba isi, ibona yuko yononekaye kuko abafite umubiri bose bononye ingeso zabo mu isi". ***Itangiriro 6: 5-7, 12.***

Aha, ni ho hagaragarira imbaraga z'ijambo. Ijambo ribi cyangwa ryiza rikugiraho imbaraga, rigahindura ibitekerezo bwawe, igihe cyose uryemeye ko ari ukuri.

Ndumva hano nabaha ubuhamya bw'uburyo Ijambo Papa yahoraga atubwira ryangizeho imbaraga ku buzima bwanjye rikamfasha. Iyo twabaga duteraniye hamwe n'ababyeyi bacu tuganira, Papa yakundaga kutubwira kenshi abisubiramo ashimangiye ati: «***Bana bange aho kuba imbwa waba imva»***, akajya atubwira ati : Iri jambo muribike rizabafasha. Nukuvuga ngo aho kuba imburamumaro muri ino si, wapfa ukavaho bakaguhamba ugahinduka imva.

Iryo jambo narishyize mu bwonko bwanjye, rirantabara. Mu buhamya bw'uburyo nabayeho, nababwiye uburyo Satani yari yaransikamiye akanteza abwoba, mporana ijwi muri njye ryancaga intege. Ubuteze amatwi ubwo buhamya, wakwibaza uburyo nagize icyo ngeraho mu buzima bikakuyobera. Iryo jambo Papa yatubwiye, ni ryo ryandeze rirandengera, kuko buri gihe numva ijwi rinca intege, ngahita ndisubiza ngo oya urambeshya, Data yaratubujije kuba imbwa. Sinzaba imbwakazi, nzaba intwari. Ibintu byose rero nabikora mu mbaraga, ngashyiramo ugushaka kwinshi, kandi nkabigeraho. Icyo nagambiraga, nashyirwa aruko ngishikiriye kugirango ntaba imbwakazi kandi Data yarabitubujije.

Nakundaga ababyeyi banjye cyane, numvaga ntakora ikintu kibababaza. Ku buryo, iyo nabaga ndi ku ishuri aho nigaga, icyo nakoraga cyose nabanzaga kwibaza niba ababyeyi bacyishimira. Muri njye, numvaga ababyeyi banjye nubwo babaga bari kure babona ibyo nkora. N'ubu iryo Jambo ndacyarigenderaho kandi ryaranyubatse.

Hano, sinareka guhugurira buri mubyeyi gutoranya amagambo abwira abana be. Ku bwo amagambo ubwira abana bawe, bashobora kuvamo intwari cyangwa abantu b'ibigwari batagira icyo bamaze. Guhora ubwira umwana wawe ngo wa kicucu we, wa mbura mumaro we, ngo wowe ubona uzimarira iki, n'ibindi bigambo bibi nk'ibi bisenya umutima w'umwana, bigasenya ibitekerezo bye byo kwiyubaka no kwigira, bituma umwana atakaza icyizere muri we, agahora ari umuntu utagira ishyaka mu byo akora. Kuko uko wamubwiye ni ko yitekereza.

Iyo Ijambo rimaze kuguhindura ibitekerezo byawe, riba rimaze guhindura icyerekezo cy'ubuzima bwawe, noneho rikakuyobora. Ubwo lero, nk'uko twabivuze kare, n'ubu turabisubiramo, ibyo bitekerezo umwanzi w'abantu yinjije mu babyeyi bacu ba mbere, ni byo tuvukana mu bwonko bwacu, bigatuma tutavukana urukundo, ahubwo, tukavuka twikunda. Tuvuka rero tunyuranije Kamere n'Imana, ku bwo ''KWIKUNDA'', kandi Imana yacu yo ari ''URUKUNDO'' .

Ijambo rero iyo umaze kuryemera ukarishyira mu bitekerezo byawe, ukarigira iryawe, rimera nk'irikwoza ubwonko, rikagukuramo ibitekerezo bya kera bya kamere, rikagushyiramo ibitekerezo bishya by'Imana.

Ibyo birasobanutse kuko Ijambo ry'Imana, ryaturutse mu bitekerezo byayo. Iyo uryakiriye ukarishyira mu mutima wawe, ugahora uritekerezaho, rihinduka ibitekerezo byawe. Navuga ahubwo nshyize amanga ko uba wakiriye ibitekerezo by'Imana. Mu by'ukuri, Imana yagaragarije ibitekerezo byayo mw'Ijambo ryayo.

Inkurikizi yabyo, ni uko ibitekerezo byose wari ufite binyuranije n'Ijambo ry'Imana, bikuvamo, ukagira noneho ibitekerezo biturutse ku Mana. Navuga ahubwo ko ugira ibitekerezo by'Imana biguhesha ingeso n'imyitwarire by'Imana. Uko, ni ko kuba abana b'Imana, ni ko kuba abana b'Isumbabyose, ni ko kuvuka ubwa kabiri. Tuba dusigaye turi bashya, kuko tuba dusigaye tuyoborwa n'ibitekerezo by'Imana, tukavuga nka yo, tugakora nka yo.

Abana b'Imana, dusa n'Imana mu bitekerezo byacu, ntabwo tuba tugitekerereza muri Kamere y'imibiri yacu, cyangwa ngo dutekerereze mu migani twaciriwe na ba sogokuru, ahubwo dutekerereza muri kamere y'Imana irangwa n' URUKUNDO. Ni cyo gituma Yesu – Kristo yavuze ko *"abamwemeye bose, bakizera izina rye, yabahaye ubushobozi bwo kuba abana b'Imana. Abo ntibabyawe n'amaraso cyangwa n'ubushake bw'umubiri, cyangwa n'ubushake bw'umugabo, ahubwo babyawe n'Imana.* **Yohana 1 : 12-13.**

Twabyawe bundi bushya n'Ijambo ry'Imana kuko ari ryo ritwozamo ibitekerezo bibi bya kavukire twari dufite ku Mana n'abantu, noneho tukagira ibitekerezo byiza biturutse mu kuri twakiriye.

Ijambo ry'Imana riri mw'i baruwa rya **Yakobo 1 : 18,** rivuga neza riti :*"Imana yatubyarishije Ijambo ry'ukuri, nk'uko yabigambiriye, kugira ngo tube nk'umuganura w'ibiremwa byayo"*. Hano, ni ukuvuga ko Ijambo ry'Imana ari ryo ryaduhinduye abana bayo . Ryadushushanije n'Imana ku bw'Ijambo ryayo ryahinduye ibitekerezo byacu, ntitwaba tugitekereza nka Satani, ahubwo, dusigara dutekereza nk'Imana. Tugomba gukizwa tukagera ku rugero rwo gusa nayo mu bitekerezo.

Umwami Yesu, mw'isengesho yasengeye intumwa ze n'abazamwizezwa n' Ijambo rye bose yasabye Se ati *: «Data, nabahaye Ijambo ryawe. Ubereshe ukuri, Ijambo ryawe ni ryo kuri»*. **Yohana 17 : 17**

**Muri Yohana 15 : 3,** Umwami Yesu arongera aratubwira ati : *«None mumaze kwezwa n'Ijambo nababwiye»*. Ijambo rero ritwozamo bya bitekerezo bibi byo guhora twitekerezaho, twihugiraho, twirwanirira, duhutiraho, dufite ubwoba n'ibindi, bigasimburwa n'ibitekerezo byiza byejeje by'urukundo dukunda Imana n'abantu, kandi ubwoba bugasimburwa n'amahoro duheshwa n'Ijambo ry'Imana ku bwo kuryizera noneho rikaturemesha kandi rikadukomeza. Ijambo ry'Imana rigatuma ibitekerezo byawe bihindukirira ku Mana. Imana ikaba ariyo isigara igutekerereza ikoresheje Ijambo ryayo riri muri wowe. Utekerereezwa n'Imana lero ntakora nabi kuko Imana ni iyera, ntiyoshya nabi, kandi Imana ni urukundo. Iyo igutekerereza, igutekerereza iby'Urukundo gusa, igutekerereza iby'amahoro, igutekerereza ibyiza.

Byongeye, ni cyo gituma Ijambo ry'Imana riri mu mu **Befeso 5: 26**, ritubwira ko twozwa na ryo imyanda yose. Ijambo ry'Imana riratubwira ko *"Kristo yakunze Itorero rye araryitangira ngo aryeze, amaze kuryogesha amazi n'Ijambo rye, aryishire ridafite ikizinga cyangwa umunkanyari, cyangwa ikintu cyose gisa gityo, ahubwo ngo ribe iryera ridafite inenge ".*

Hano, ndumva nakwanzura mvuga ko nta Jambo ry'Imana nta Gakiza. Nongera mpugurira umuntu wese wakiriye Yesu, kumenya kurusha buri munsi Ijambo ry'Imana, atari ukurimenya gusa ahubwo akaribika mu mutima we kugirango rimwezemo ibitekerezo bibi, rimushushanye n'uwamuhamagaye ariwe YesuKristo. Nk'uko Yesu ari uwera, natwe tube abera mu ngeso zacu zose. Tuve mw'irari ry'uburyo bwose, kugirango Yesu niyerekanywa tuzasange dusa na we, tuzabashe kubana na we mu Bwami bwa Data. Twimure rero ibyo twari twarimitse mu mitima yacu twimikemo Ijambo ry'Imana kugirango dukizwe.

Nuko tuzabasha kubyarwa na ryo, rikaduhindura abana b'Imana bazahorana nayo iteka ryose. Ijambo ry'Imana riri muri **1 Petero 1: 22** rirabitubwira neza riti : *"Nuko rero, ubwo mwiyejesheje imitima kumvira ukuri kugirango mubone uko mukunda bene Data mutaryarya, mukundane cyane mu mitima yanyu, kuko mwabyawe ubwa kabiri, mutabyawe n'imbuto ibora, ahubwo mwabyawe n'imbuto itabora mubiheshejwe n'Ijambo ry'Imana rizima rihoraho"* N'uko rero tubyarwa n'Ijambo ry'Imana kandi kuko ridashira, natwe ntituzashira iteka ryose, tuzahoraho.

Ndumva mpatwa gusoza kino gice mbagira inama yo gukunda kwisomera Ijambo ry'Imana kurusha uko mutega amatwi inyigisho mwigishwa n'abandi bantu. Mukwiye guhora kandi musobanuza Imana ku byo mudasobanukirwa mw'Ijambo ryayo kuko nta wakwigisha neza Ijambo ry'Imana nka nyiraryo, kandi ni isezerano ry'Imana twahawe ko azatwiyigishiriza, muri **Zaburi 32:8,** aho Uwiteka atubwira ati:*"Nzakwigisha nkwereke inzira unyura. Nzakugira inama, kandi ijijsho ryanjye rizakugumaho".*

Ndetse no muri **Yeremiya 31: 33,** Uwiteka ashimangira isezerano rye atubwira ati : *" Nzashira amategeko yanjye mu nda yabo kandi mu mitima yabo ni ho nzayandika, nzaba Imana yabo nabo bazaba ubwoko bwanjye. Kandi ntibazigishanya ngo umuntu wese yigishe mugenzi we, n'umuntu wese*

uwo bava inda imwe ati : "Menya Imana", kuko bose bazamenya uhereye ku uworoheje hanyuma y'abandi ukageza ku ukomeye kurusha bose, ni ko Uwiteka avuga."

Petero Intumwa ya Yesu-Kristo nawe yaraduhuguye atubwira ngo "Twiteho kunywa amata y'Umwuka adafunguye, kugirango adukuze atugeze ku Gakiza nyakuri." **1 Petero 2 : 2** Amata y'Umwuka ni Ijambo ryavuye mu kanywa k'Uwiteka. Dukwiye kunywa ayo mata adasutswemo amazi ngo bayafungure. Tukayisomera muri Bibiliya nk'uko yavuye mu kanwa k'Uwiteka. Buriya umuntu wese iyo yigisha Ijambo ry'Imana ashiramo amarangamutima ye, agashiramo ibyipfuzo bye, agashiramo imyumvire ye, cyangwa akarisobanura igice ntabashe kurisobanura neza kandi ryose, ugasanga Ijambo ry'Imana ritumvikanye uko ryagomba kwumvikana. Ni nko kurisukamo amazi. Ukuri kw'Imana kutavangiye, dusabwe kukwishakashakira dusoma Bibiliya kandi tuyisomana umwete n'ubwira. Ayo mata adafunguye, ni yo azabageza ku rugero rukwiriye rwa Yesu-Kristo.

Intumwa ya Yesu- Kristo Pawulo na we ayobowe n'Umwuka w'Imana yatugiriye inama mw'Ibaruwa rya **2** yandikiye **Abakorinto 11 : 2** ati : " Nabakwereye Umugabo umwe ari we Kristo ngo mubashyingire mumeze nk'umwari utunganye. Ariko ndatinya nk'uko ya nzoka yohesheje Eva uburyarya bwayo ko ariko intekerezo zanyu zayobywa mukareka gutungana no kubonera kwa kristo. Kuko iyo haje umuntu ubabwira Yesu wundi tutababwiye, mukakira undi mwuka mutakiriye mbere, cyangwa ubundi butumwa mutemeye mumwihanganira mubikunze".

Hano, Pawulo ariko atubwira ko uwo yaduhuje na we ngo atubere umuyobozi ko ari Kristo. Ni we wenyine ugomba kutuyobora atuyoboje Ijambo rye. Tugomba kwirinda abo bose baza kutubwira ubutumwa cyangwa bakaza kuduhanurira ibintu binyuranije n'Ijambo ry'Imana, kuko benshi bagenzwa no gushakisha muri mwe ibijanye n'irari ryabo. Imana yabo ni inda. Abandi bakabasobanurira ibyo nabo ubwabo badasobanukiwe kuko babyigiye mu mubiri, cyangwa bakaba barigishijwe n'abatagira Umwuka Wera, bakaba bacituriye mu mubiri.

''Nuko rero mwirinde cyane uko mugenda mutagenda nk'abatagira ubwenge, ahubwo mugende nk'abanyabwenge, mucunguze uburyo

umwete kuko iminsi ari mibi. Nuko ntimukabe abapfu, ahubwo mumenye icyo Umwami wacu ashaka. **Abefeso5;15-17**, Uwo Umwami wacu Yesu-Kristo twasezeranye kubana ubuziraherezo, nta handi wamenyera ubushake bwe busesuye atari mw'Ijambo rye. Tugomba kumenya kandi ko Yesu abana n'abamuzi kuko bakora ibyo ashaka.

### III. 2. IMBABAZI Z'IMANA

Imbabazi z'Imana ni ubuntu. Twaziheshejwe n'amaraso y'Umwami wacu Yesu-Kristo yatumeneye ku musaraba. Ni we wakubitiwe ibyaha byacu, ni we wabihaniwe, ni we wikoreye ku musalaba gukiranirwa kwacu, kugirango imbabazi zidashira z'Imana yacu zihore kuri twe. Iyo twemeye Umwami Yesu nk'Umwami n'Umucunguzi wacu tukamwakira kandi tukamwizera, Imana isigara iturebera mu maraso y'Umwana wayo, igihe cyose twicishije bugufi tugasaba imbabazi, ni nko kwibutsa Imana ko natwe twacunguwe n'amaraso ya Yesu-Kristo noneho ikatubabarira.

Muri **Yesaya 53 : 5**, Ijambo ry'Imana riratubwira riti : *"Nyamara, ibicumuro byacu ni byo yacumitiwe. Yashenjaguriwe gukiranirwa kwacu, igihano kiduhesha amahoro cyari kuri we. Kandi imibyimba ye ni yo adukirisha"*. Uyu tuvuga hano, ni Umwami wacu Yesu-Kristo. Kubabarirwa kwacu lero ni ubuntu. Nta mpongano dutanga, nta n'igihano duhabwa kuko twacumuye, nta n'inkoni dukubitwa kugirango tubabarirwe, twebwe icyo dusabwa, ni ukwicisha bugufi gusa tukabwira Imana ngo mbabarira.

Mu **Befeso 1: 3**, Ijambo ry'Imana rirongera rikatubwira riti: *"Imana y'Umwami wacu Yesu – Kristo ari we na Se ashimwe..., kuko yadutoranirije muri yo, isi itararemwa, kugirango tube abera tutariho umugayo imbere yayo. Kuko yagambiriye kera ku bw'urukundo rwayo ko duhinduka abana bayo, tubiheshejwe na Yesu-Kristo. Ni we waduhesheje gucungurwa ku bwo amaraso ye, ari ko kubabarirwa ibicumuro byacu nk'uko ubutunzi bw'ubuntu bwayo buri, ubwo yadushagirijeho bukatubera ubwenge bwose bwo kumenya."*

Nuko rero, amaraso ya Yesu-Kristo ni yo yaduhesheje kwezwa kw'imitima yacu yari yarirabujwe n'ibyaha byacu. (Ibi, tuzabisobanukirwa neza mu gitabo cyitwa **"Amaraso ya Yesu"** kivuga ku rufunguruzo rwa kabiri rufungura ijuru ).

Kandi, dufite amahirwe yo kuba tukiri mu gihe cy'imbabazi z'Imana. Imana yarabitubwiye muri aya magambo ngo : Ndi Intare yambaye ubwoya bw'Intama. Ababashije kwumva ubuhamya bwanjye cyangwa kubusoma, iryo Jambo Imana yararimbwiye nanjye ngo ndibabwire kuko Imana imaze kumpishurira ko Umwami wacu Yesu-Kristo ari bugufi, namusabye ko yaduha umwanya wo kwisuzuma, no gutunganya ibyo tutaratunganya. Iri Jambo yatubwiye, risobanura ko ari Umwami ukaze kandi ukomeye, ariko aracyadufitiye impuhwe n'imbabazi. Aracyicaye ku ntebe ye y'imbabazi. Arakiyoroheje nk'umwagazi w'intama. Uyu mwanya rero ntudupfire ubusa, tugire umwete wo guhora twihana dusaba imbabazi igihe cyose twasitaye.

Imbabazi z'Imana kugirango zikubeho, ugomba kuzisaba wowe ubwawe ubikuye ku mutima kandi wicuza by'ukuri nta buryarya, kandi wihanira kureka ibyaha wakoze. Imana ntabwo iha imbabazi abatazisabye. Ntitwibeshye rero ngo n'uko tuzi ko Yesu yadupfiriye ngo noneho dukore ibyaha nkana ngo byose byarababariwe. Hababarirwa abasaba imbabazi kandi bakazisaba bafite ishyaka ryo kuva mu bibi.

Nyamara, ni byiza ko buri wese yamenya uburyo asaba imbabazi, kuko hariho abantu usanga batazi uburyo bakwihana kugirango Imana ibababarire.

**Hari intambwe 5 mu gusaba imbabazi ariko kwihana, ni zo tugiye gusobanura kugirango buri wese amenye uburyo yasaba imbabazi kugirango ababarirwe.**

***a. Kwemera ko uri umunyabyaha***

Ugomba rero kubanza ukemera ko uri umunyabyaha kandi ukemera ibyo wakoze ko ari bibi kandi ko ari wowe wabikoze. Ugomba kwemera ko wakosheje, kandi ukababazwa no kuba warababaje Imana yawe n'abantu. Hari abantu benshi birarira, bakihagararaho, bakeza ibyaha byabo, bakabishakira impamvu, bagashaka kwemeza Imana ko nta kundi bari kubigenza, ahubwo, bagashaka ko Imana ijya mu ruhande rwabo. Nta na rimwe Imana izajya mu ruhande rw'abanyabyaha kugirango irengere amakosa yabo.

Ibyo duhore tubizi kandi tubisobanukirwe. Imana ntiyitiranya ibintu. Ifite ubwenge buturengeye. Ariko ikibazo abantu bamwe baba bafite, ni ugushaka kurusha Imana ubwenge, tugashaka kuba ari twe tuyitekerereza.

Imana irasobanutse, ifite ibitekerezo bisobanutse kandi biboneye. Ibyayo biragororotse, reka gushaka kuyijyana mu makorosi urimo, ubeshyabeshya. Igihe cyose ukoze icyaha, iga kucyirengera ugisabire imbabazi. Reka gushaka kwemeza Imana ko icyo wakoze atari icyaha. Imana ntawuyemeza, ni yo yo kutwemeza kuko ni yo igororotse yonyine. Hari n'abicara bitwaza abandi, ngo ni runaka yatumye mbikora. Reka kurega abandi imbere y'Imana, rega ibyawe abandi bazabazwa ibyabo. Uwagutsitaje, mwihorere, wowe urizwe n'uko waneshejwe. Uwo, ni igipimo cyari imbere yawe. Ubyitwayemo neza, biraguhesha umugisha, ariko ubyitwayemo nabi biraguhesha umuvumo. Abandi, bakitwaza Satani. Satani, ari ku murimo we wo kukuyobya.

Niwemera kwoshwa, ukayoba nka Eva na Adamu, noneho ukaza kwitwaza Satani, uzaba wishuka. None se Satani akurusha ubwenge cyangwa imbaraga ? Iga kwirengera ikibi wakoze ucyemange kandi kigutere umubabaro. Igihe cyose ugisuka amakosa yawe ku wundi muntu cyangwa kuri Satani, nta mbabazi uzabona. None se wabona iziki ?, kandi wowe wumva uri umwere ari abandi bagushoye mu byaha ?. N'uko Adamu na Eva batigeze babona imbabazi z'Imana kuko batamenye kuzisaba. Adamu yabwiye Imana ngo ni wa mugore wampaye yanyoheje. Eva na we ati ni Satani yatumye nkora ibyo wambujije. Ibyabayeho byose, n'ibyabaye ku batubanjirije bose, byabereyeho kutwigisha.

No mu makosa, iga kuba uw'Ukuri, reka kuba indyadya. Imana ntawabasha kuyidyadya kuko izi byose, ireba hose no mu mutima wawe. Izi impamvu z'ibyo ukora. Yifungurire uyibwize ukuri, irakubabarira.

Nk'uko Ijambo ry'Imana ribitubwira riri mu **Baheburayo 4: 13** riti: *"Nta cyaremwe kitagaragara imbere yayo, ahubwo byose bitwikuruwe nk'ibyambaye ubusa mu maso y'izatubaza ibyo twakoze "*.

Ibyacyu, byose, Imana irabizi, ibibi n'ibyiza dukora Imana irabizi kuko ibireba. Nta na kimwe kiyicika, izi n'ibyo tugambira gukora,

ikamenya ibyifuzo byacyu, tutaranabitekereza, ikamenya n'ibyo tuzakora tutaranabikora. Imana nta kiyitungura. N'ibibi ukora iba izi ko uzabikora, ariko noneho, yiteguye kukubabarira no kugukiza muri byose. Humura rero niba warakosheje, cya bugufi wemere ibyaha byawe, ubyihane ubabarirwe. Imana yanga icyaha, ntiyanga ugikora. Uyaba yatwanga ku bw'ibyaha byacu, twese yaba yaraturimbuye.

Hariho n'abantu batajya bemera ko hari ibyaha bakora. Abo bantu bafite imitima yinangiye itabasha kwemera ko hari amakosa bakora, Satani aba yarabakomeje, akababuza no kumenya ko bakora nabi. Icyo ni ikibazo gikomeye kiri ku bantu benshi cyane cyane abo twita ba ngeso nziza. Kuko bitiranya kugaragarira neza abantu no kuba abere. Bakitiranya gukizwa no kwiyerekana neza imbere y'abantu, bakora imirimo myiza. Nyamara uwasesengura mu mitima yabo, wasanga bakora ibiruta ibyabo twita ba ruharwa bakora. Urumva lero niba umuntu atemeye ko arwaye, ntabwo azagana umuganga ntaho yumva ababara.

Nyamara Ijambo ry'Imana riri muri **1 Yohana1:8** riratubwira riti:«*Nituvuga yuko ari nta cyaha dufite, tuba twishutse. Ukuri kuba kutari muri twe. Ariko nitwatura ibyaha byacyu, ni yo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu no kutwezaho gukiranirwa kwacu. Nituvuga y'uko ari nta cyaha twakoze, tuba tuyise umunyabinyoma, kandi n'Ijambo ryayo, ntiriba riri muri twe*". Twese turi abanyabyaha, kuko tutabasha gushikira ubwiza bw'Imana. Kandi abatagira Ijambo ry'Imana mu mitima yabo ribasha kubarega, ni bo bahora bumva ari intungane kandi ari inkozi z'ibibi.

Rero, abantu bari kwinangira imitima no kutagira Ijambo muri bo, kuko Ijambo nk'uko ibaruwa yandikiwe **Abaheburayo ribitubwira muri 4 : 12,** ni ryo ritugenzura rikaducira urubanza, riratubwira riti ***:*** *"Ijambo ry'Imana ni rizima, rifite imbaraga kandi rikagira ubugi buruta ubw'Inkota......... Ribangukira kugenzura ibyo umutima wibwira ukagambirira"* Naho iri jambo twari twarivuze kare, ni ngombwa ko na hano turisubiramo. N'ubundi, Ijambo riryoha risubiwemo nk'uko umugani w'ikinyarwanda utubwira.

Ijambo rero ni ryo ritugenzura rikatwemeza icyaha twakoze, rikatwereka n'uburemere bwacyo imbere y'Imana n'abantu. Ijambo ni yo ntwaro ya mbere y'abanesha icyaha.

**b. Nakora iki Mana ngo wemere ko nihanye, wakire ukwihana kwanjye ? Umbabarire ?**

Iyi ntambwe nuyigeraho, ugahagarara, ugatekereza neza, irakuganisha mu kumenya neza uburyo bwo kwihana noneho Imana yakire kwihana kwawe. Kugirango usobanukirwe neza, n'uko ugomba kubigenza, ugomba kumenya neza icyaha cyawe, wagikoreye hehe ? Wagikoreye nde ? Cyababaje bande ? Cyagushije bande ?, Cyagize ingaruka nki ? Kuri bande ?

Ibyo byose, ni ibibazo ugomba kwibaza kugirango umenye uko wihana, aho wihanira, n'uwo wihana ho.

Tugomba kwurura imitima y'abo twababaje, tukaba aribo dusaba Imbabazi, aho guhakana imbere yabo ko twabakoshereje, twarangiza tukajya imbere y'abakozi b'Imana gusabirayo imbabazi. Wowe, dufate nk'urugero, waramvuze nabi uranyandagaza umbeshyera, unkuraho urupfasoni, narabimenye, ndabikubaza urahakana urarahira urarengwa, nurangiza, ugiye gusaba imbababazi kwa Pasteur, umubwire uti Imana imbabarire har'uwo nabeshyeye.

Wibaza kw'Imana izabikubabarira kandi njye wababaje waranyishushanijeho? Cyangwa tuvuge waranyibye, menya ko ari wowe, ndakubaza urampakanira, urangije ujya kureba umukozi w'Imana uti nsabira imbabazi naribye. Cyangwa se warishe, imbere ya Sentare ukarahira ukirenga, urangije uti reka nge gusabira imbabazi kwa Pasteur. Mwa ndyadya mwe, mwibaza ko Imana na yo ari indyadya nka twe. Ni nko kubwira Imana ngo mbikira ibanga.

Imana nta banga yakugirira kuko atari yo yakoheje kubikora, ahubwo izagushyira ku mugaragaro. Ugenda wangiza abandi wabagera imbere ukigira intama, wigira hirya ugahinduka umusega uryana. Utiyerekanye uko umeze ngo ubisabire imbabazi ubyihane ubireke, nta kubabarirwa kuhari kandi ndabikubwije ukuri . Umwami Yesu we ubwe yarabitwibwiriye ati : *"Nuko, nujyana ituro ryawe ku gicaniro, ukahibukira mwene so ko afite icyo mupfa, usige ituro ryawe imbere y'igicaniro ubanze ugende wikiranure na mwene So, uhereko ugaruke uture ituro ryawe".* **Matayo 5:23.** Yesu arakubwira ati: ikiranure n'uwo mufitaniye ikibazo.

Kuko igihe cyose mutikiranuye, ikibazo kizagumaho, kandi uwo wahemukiye atari imbabazi z'Imana zitabara azakomeza ahindane umutima, ube uriho urimbura ubugingo bwe. Niwibaze ingaruka z'ibyo ukora n'ibyo uvuga kuri wowe no ku bandi. Umenye ko ushobora gutesha abandi ubugingo, n'ubwawe utabukijije kuko nukomeza kubera abandi igisitaza nawe nta juru uzabona.

**c. Nakora iki ngo sinzongere gukora icyo cyaha.**

Ugomba ubwawe kwisuzuma ukamenya neza impamvu zituma ukora icyaha runaka. Niba harabo mugendana bagusunikira mu cyaha cyo guhora uvuga abandi, cyangwa cy'ubusambanyi, cyangwa cy'ubusinzi…, bitaze, ubareke, ugabanye ibusabane bwawe nabo.

Kandi ubagire inama, nibanga ubahunge. Sohoka mu kiguri cy'abanyabyaha bagukururira mu byaha ibyaribyo byose. Fata ingamba yo kwitandukanya n'abanyabyaha bagukururira mu bibi. Ivangure. Mwibuke ko ubutumwa bw'Imana bwa 2013 ko bwaduhamagariraga kwivangura. Imana yaravuze iti: "Ni muve mubyo murimo ni mwivangure, abantu barivanze, abandi bameze imvi z'urutarutaru".

Ijambo ry'Imana muri **Zefaniya1 : 11** riratubwira neza riti *: "Yewe Siyoni wicaranye n'umukobwa wa Babiloni, iruka ucike. Kuko Uwiteka nyiringabo avuga ngo yantumye kumuhesha icyubahiro mu mahanga yabanyamahanga, kuko ubakoraho aba akoze ku mboni y'ijisho rye. "* Lero, mu mico yawe, tandukana n'abanyamahanga aribo banyabyaha kuko wahamagariwe guhesha Imana icyubahiro imbere yabo, kugirango nabo bayimenye bayikunde, ntiwahamagariwe kuyitukisha imbere yabo. Umuyuda ntakwiriye kwicarana n'umunyababiloni.

Senya imbere yawe ibyo bikuta bikubuza kugera kuri Yesu, kugirango Agakiza nyakuri kabane nawe kaguhindure. Va mu mvange ugirirane na Yesu ubusabane bwihariye, urebe ko ataguhindura. Erega uri umugeni wa Kristo ku giti cyawe. Sanga umutware wawe uri wenyine, umubwire ibikugoye byose, azagutabara. N'iyo Kamere yakunaniye, azayigukiza. Ndetse ashobora no kuguha incuti nziza mufatikanya urugendo mutaryaryana. Tumenye neza ko umukizwa nyakuri atavuga nk'abandi ntagenda nk'abandi kandi ntakora nk'abandi nta rya

nk'abandi kandi nta nywa nk'abandi. Yesu niwe cyitegererezo cye mwirinde rero kwishushanya n'abikigihe.

**d. Nasubiza mu buryo gute ibyo nangirije ?**

Reba uburyo hagati y'uwo mwagize icyo mupfa hasubira umubano mwiza, ubwumvikane n'urukundo. Kuko mukubanira abandi nabi, haricyo wangirije mu bugingo bwabo. Ihutire gusana ibyo wangirije. Niba waribye umuntu, musubize ibye, Imana ikubabarire. Wowe, urihana uti naribye, kandi icyo wibye uragifite uriho uragikoresha, none se wumva Imana izakubabarira gute ukomeza gukoresha ibyibano wambuye ababibiriye icyuya? Na we shyira mu gacyiro. Mbese wibaza kw'Imana ari umwana duhendahendesha bombon ? Cyangwa se Imana ni ikigoryi tubeshya uko dushatse. Hari igihe twebwe abana b'abantu twiha kurusha Imana ubwenge. Twarekeyaho koko gukomeza kwiyoberanya imbere y'Imana.

Niba hari uwo wabeshyeye, ukamutaranga, subira inyuma ugende ubwire abo wamubesheyeho ko wamubesheye, umusubizeho ubupfasoni, kandi na babandi wabibwiraga burya warabanduje kuko watumye bamutekereza uko atari, bituma banamwanga. Urumva, nturiho wica ubugingo bwawe n'ubwa wawundi wabeshyeye gusa, n'abo ubwira ibinyoma nabo uriho urabanduza, mu byukuri uriho urabaroga. *Kandi tumenye ko uwanga mwene Se wese ni umwicanyi, kandi nta mwicanyi uzajya mw'Ijuru.* **1 Yohana 3:15** Kuba igisitaza ugatuma abantu bangana ku bwo kubaremamo amacakubiri, ni icyaha gikomeye cyane. Ni ukurimbura ubugingo bwa benshi.

**e. Mbabarira, sinzongera**

Intambwe ya Gatanu, n'iyo gusaba imbabazi, uzi aho uzisabira n'uwo uzisaba. Kandi ugafata ingamba yo kutazasubira gukora icyo cyaha, ukihanira kureka, ugasaba Imana ikagufasha. Aha lero, ni ho ufata umwanzuro wo gusanga umukozi w'Imana, cyangwa guhagarara imbere y'Itorero ukatura ibyaha byawe, ugasengerwa, noneho Umwami Yesu akakwogesha amaraso ye akakubabarira.

Hano, hariho kutumvikana hagati y'amadini ku buryo abakristo bagomba gusaba imbabazi kugirango Imana ibabarire. Mu matorero

no mu madini amwe amwe, bavuga ko umuntu yipfukamira imbere y'Imana agasaba imbabazi ikamubabarira. Ntibemera ko umuntu agomba kwaturira ibyaha bye umukozi w'Imana, cyangwa ngo ahagarare imbere y'Itorero asabe imbabazi yatura ibyaha bye. Nyamara, tugendane ubwenge, kandi dukurikize icyo Ijambo ry'Imana ribitubwiraho.

Ijambo ry'Imana riri muri **Yakobo 5 : 16,** riratubwira neza riti: *"Mwaturirane ibyaha byanyu musabirane kugirango mukizwe"*. No mu **Migani 28:13**, Ijambo ry'Imana riradusobanurira neza riti : *"Uhisha ibicumuro bye, ntazagubwa neza, ariko ubyatura akabireka azababarirwa'* Nuko rero uko muteranye mw'Izina ry'Umwami wacu Yesu- Kristo, muhore mubanza mwaturirane ibyaha musabiranire kugirango mubabarirwe, mujye imbere y'amaso y'Imana mwejejwe mubasha kuvuga Imana ikabitaho.

Uko unyereye ugakora icyaha, sanga umukozi w'Imana umwaturire wihane, Imana ikubabarire. Ntugatindane icyaha mu mutima wawe. Nukora icyaha gira umwete wo kwihana vuba na bwangu. Kuko tuzi ko icyaha cyirukana Imana mu bugingo bwacu, noneho Satani tukaba ariyo tuba duhaye karibu mu mitima yacu. Nutindana na Satani, urasa nawe noneho akomeze agukoreshe ibyaha byinshi. Umenye ko uwo utindana na we, uwo uhorana nawe, ni we wishushanyaho, ni we usa nawe. Tugire rero umwete n'ishyaka byo kwiyunga n'Imana vuba na bwangu, igihe cyose twakoze ibitayinezeza.

Ikindi, niba hari umuntu wababaje, musange umusabe imbabazi akubabarire, kugirango mwiyunge

Kandi niba hari abatubabaje, tugomba kubababarira tudatinze kugirango natwe tubabarirwe. Umwami Yesu muri **Mariko11:25**, yaratubwiye ati*: "Kandi nimuhagarara musenga, hakaba hari umuntu wabagiriye nabi, mumubabarire kugira ngo So wo mw'I Juru na we ababababarire ibyaha byanyu. Ariko nimutababarira abandi, So wo mw'Ijuru, nawe ntazabababarira ibyaha byanyu "*.

Imana, irashaka ko tuyisenga tumaze kwikiranura n'abaturega. Irashaka ko tuyisenga twejejwe dufite amahoro mu mutima kandi twahesheje n'abandi amahoro. Imana ibana n'abejejwe kandi itegera

amatwi abakiranutsi bita ku mategeko ye, ndetse n'amaso ye ahora ku banyamakenga bitondera Ijambo rye.

Inyuma yo kuzuka kwe, Umwami Yesu yabonekeye abigishwa be arababwira ati: *"Amahoro abe muri mwe. Uko Data yantumye, nanjye ni ko mbatumye . Amaze kuvuga atyo, abahumekeraho ati: Nimwakire Umwuka Wera. Abo muzababarira ibyaha bose bazaba babibabariwe, abo mutazababarira bose, bazaba batabibabariwe."* **Yohana 20 : 21 -23.**

Hano, aya magambo yabwiye abigishwa be, yabahaye ubushobozi bwo kubabarira ibyaha by'abantu. None urumva bobabarira ibyo batabwiwe, batazi ?. Nuko rero, kuko twababariwe ku bw'Agakiza twahawe n'Imana, natwe, dufite ubushobozi twahawe n'Imana bwo gusabira imbabazi abandi Imana ikababababarira, umwami wacu Yesu-Kristo akabogesha amaraso ye.

Nkunda gutanga ubuhamya bw'ibyo Imana yagiye inyuzamo kugirango inyigishe, najye nzajye nigisha abandi, kuko yambwiye ngo: "Nagukijije ukuze. Uzage ubwira abandi ibyo nzakwereka byose n'ibyo nzakubwira byose kugirango bakizwe ". Ni cyo gituma na buno buhamya bw'uburyo Imana yahagurutse yonyine, ikaza mu Muhanuzi kunyihanisha ngiye kububaha kugirango buri wese amenye niba koko yarihanye neza. Kuko birababaje kubaho uzi ngo uri kumwe n'Imana kandi mutarikumwe ukibeshya ijuru kubera ubwenge buke. Nyamara tugire ubwenge kandi tugendane ubwenge, tugendere mw'Ijambo ry'Imana, tureke gukurikira amahame y'amadini nk' impumyi.

Nari mw'itorero ritajya riduhugurira kwatura ibyaha byacu. Nahora buri gihe ngiye gusenga mbanza gusaba imbabazi Imana z'ibyo nakoze bibi uwo munsi. Sinari nzi ko iyo umaze kwakira Agakiza ko ugomba kwaturira umukozi w'Imana cyangwa Itorero ibyaha wari warakoze byose utarakizwa kugirango ubabarirwe ubashe kuvuka ubwa kabiri. Ibi kandi mu matorero menshi niko bimeze, iyo umuntu amaze kwakira Agakiza yumva ko byose birangiye ababariwe ntacyo avuze. Nyamara, ni twebwe abakozi b'Imana tudasobanura neza ibintu. Simenya niba ari ukutabimenya cyangwa kubyirengagiza tubishaka. Nyamara, tugomba twebwe ubwacu kumenya ukuri twarangiza tukakumenyesha abandi. Kuko gushaka kuyobora abandi natwe tukiri impumyi, bizatubera urubanza.

Jye njya mbona hashobora kuba hariho kwitiranya amagambo 2, bigatuma abantu badakora ibyo bagomba gukora byose kugirango bakizwe. Muri **2 Abakorinto 5 : 17** Ijambo ry'Imana riratubwira riti : *"Umuntu wese iyo ari muri Yesu, aba abaye icyaremwe gishya, ibya kera biba bishize, dore byose biba bihindutse bishya".* Usanga lero akenshi abakozi b'Imana bitiranya iri Jambo kuba muri Yesu no kwakira Agakiza. Noneho no mu kwigisha ayo magambo bakayitiranya nk'aho wagirango asobanura kimwe.

Kwakira Agakiza, ni ukwakira Yesu nk'Umwami n'umukiza wawe, ni ukumwemerera ko akuyobora. Ariko noneho kuba muri Yesu, ni uko Umwami wawe aza akicara muri wowe akiharira umutima wawe akawuturamo. Kandi, Yesu ntashobora gutura mu mutima wuzuye ibyaha. Tugomba rero iyo tumaze gukizwa kwatura ibyaha byacu kugirango Umwami wacu atwuhagire aduturemo.

Ikindi cyatuma twumva neza ko tugomba kwatura ibyaha byacu inyuma yo kwakira Agakiza, n'uko mu **Baroma 10:9** Ijambo ry'Imana ritubwira riti : *"Niwatuza akanwa kawe yuko Yesu ari Umwami, ukizeza mu mutima wawe yuko Imana yamuzuye uzakizwa ".* Hano, gukizwa ni kazoza si nonaha. Ariko noneho iyo usomye muri **Yakobo 5 : 16**, haravuga hati ***:*** *"Mwaturirane ibyaha byanyu musabirane kugirango mukizwe* Rero, iyo mwaturiranye ibyaha mugasengerana, ni ho mukizwa. Ibi nabigereranya no kuba urwaye ugafata ingamba yo kujya kwa muganga. Uragenda ugatonda umurongo kugirango ubashe guhura n'umuganga akuvure. Ntabwo ukirira ku murongo, ukira aruko ushikiriye umuganga ukamubwira uko urwaye akakuvura. Aguha imiti ukayifata, nyuma ukabona gukira uburwayi wari ufite.

No mu Gakiza ni uko. Nk'uko nabivuze mbere, tuvukana imitima irwaye. Kugirango ikire, tugomba kuba twageze ku muganga w'imitima ariwe Yesu-Kristo, tukamubwira uko turwaye, noneho akatuvura, akaduhanaguraho imyanda yose, akaduturamo, noneho agatangira kuduhindurira kuba abere n'abaziranenge buhorobuhoro, akoresheje Ijambo rye atugaburira rigashishikara gukora umurimo ukomeye wo guhindura ibitekerezo byacu, ariko kuvura imitima yacu ivuka irwaye. Rero hano, navuga ko kuba muri Yesu-Kristo, ko ari ukuba mw'Ijambo ry'Imana. Kandi tugomba kumenya ko Ijambo ry'Imana ritabasha guhama mu

mitima yuzuye ibyaha. Iyo ni ya mirima irimo amahwa umubibyi yateyemo imbuto amahwa akaziniga. **Matayo 13 :1-23.**

Rero, nabaye mw'Itorero ritaduhugurira kwatura ibyaha byacu. Ubwo rero ntabwo nari mbizi. Maze Umwaka hafi n'igice nkijijwe, nasabye kubatirizwa mu mazi menshi kuko numva ari ngombwa. Narabatirijwe, ariko mbikorana ibyaha ntabizi. Maze kubatirizwa, Imana yarandakariye kuko kuva uwo munsi yanze kwakira amasengesho yanjye. Buriya, nagaragarije bose ko ndi umwana w'Imana kandi ncambaye ishusho ya Satani bibabaza Imana. Najya gusenga nkumva amasengesho yikubita ku kibambazi akangarukaho.

Noneho ntangira kwibaza nti mbe Mana, ko nari nzi noneho ko nabaye icyaremwe gishya ku bw'umubatizo, none nkaba numva utanyishimiye, ndagira nte ngo unyishimire? Namaze iminsi itatu n'amajoro atatu aruko bimeze numva naratandukanye n'Imana itakinyumva. Ku munsi wa kane, ni ho yanyoherereje umuhanuzi wo kunyihanisha. Yaraje ati : Imana ni yo inyohereje kukwihanisha. Ati yambwiye ngo genda umbohorere umwana wanjye nkunda cyane, araboshye kandi ntabizi. Ati none nje kukwatuza ibyaha byawe kugirango Imana ikubabarire, ikubohore.

Ndamubwira nti njye narababariwe, naranabatijwe mu mazi menshi, none uranshaka ho iki ? Nti kandi njye n'Imana ko imvugisha, wambwira gute ko Imana itambabariye? Kandi ni byo Imana yatangiye kumvugisha maze amezi atanu gusa nkijijwe, ni ho Imana yatangiye kumpamagara n'ijwi rirenga.

Arambaza ati none wowe, waratuye ibyaha byawe? Ndamubwira nti : Njyewe n'ibyo umbwira sindi kwumva ibyaribyo. Noneho, ni ho yansomeye ririya Jambo riri muri Yakobo 5 : 16. Kuri njye ryari rishyashya, sinari bwaryumve. Noneho, ndamubwira nti naho umbwira ibyo ngibyo, ntabwo nakubwira ibyaha byanjye ntakuzi. Twagiye impaka, arambwira ati, sinshobora kugenda ntakwihanishije Imana yanyica kandi aricyo cyamvanye mu Bugesera. Ndamubwira nti ibyo ni ibibazo byawe gose, nta byaha byanjye nkubwiye, kuko jye nzi ubwambere na mbere ko nababariwe kera kuko nta munsi ntasenga mbanje gusaba imbabazi.

Uwundi arambwira ati, noneho ko wanze kubivuga ku neza, urabivuga ku nabi, kuko sinshobora kugenda ntakoze ibyo Imana yantumye. Ati, ubu ngiye kukubwira icya mbere wakoze kuko Imana yanyeretse ibyaha byawe byose. Ati niwumva icyo cyaha waragikoze, noneho, nawe umenye icyo ukora icyaricyo. Ndamubwira namupinze cyane, nti ngaho vuga twumve kuko numva abeshya Imana nta n'ibyo yamweretse.

Arangije avuga icyaha cyarimo gikomeye nari narakoze. Naramuteze amatwi ndangije ndarira ndamubwira nti : "Rekeraho ibisigaye ndabyivugira". Naricyujije n'amarira hejuru, kuko numva ibyo nakoze binteye isoni ndetse n'agahinda. Ndangije aransengera ansabira imbabazi ajya mu Mwuka arambwira ati umva uko Imana ivugana nawe: "*Nifuje kugendana nawe kuva kera ariko nari narakubuze. None kuva uno munsi ubaye incuti yanjye, kandi incuti ikugeza ku yindi, ngiye kugutuma ku bakomeye n'aboroheje. Ati kandi wihangane ibigiye kukubaho muri ino minsi.* Noneho ndavuga nti ko mbaye incuti yawe, none ibyambaho bindi bibi ni ibiki ? Imana iricecekera.

Urumva rero, nari maze umwaka n'igicye narakiriye Agakiza ariko ntarahinduka incuti y'Imana, ntaraba umwana w'Imana mu by'ukuri, ntaraba icyaremwe gishya kuko nari ncuzuye ibyaha. Kandi , buri munsi sinasiba gupfukama imbere y'Imana nisabira imbabazi, ariko urumva ko yambabariye umunsi naciye bugufi, nkaturira umukozi we ibyaha byanjye.

Sinari bwandikwe mu gitabo cy'ubugingo, nabyo Imana yari yabimbwiye mbere yuko natura ibyaha. Urumva rero kugirango dukizwe, tugomba kwezwa twejejwe n'amaraso ya Yesu abonywa n'abatuye ibyaha byabo bakabyicuza, bakabisabira imbabazi. Ku munsi w'icyumweru cyangwa ku wa Mungu wakurikiye, Imana yampagurukije hagati mw'Iteraniro, irambwira ngo nimve hasi nsubire nature bya byaha imbere y'iteraniro. Nabanje gutinya, ambwira incuro 2 zose ndihoza, ku ncuro ya gatatu ni ho nihebye mva hasi kw'itegeko ry'ijwi rye ryari riteye ubwoba.

Narahagurutse nsaba micro Patseur, ndamubwira nti hari ikintu Imana imbwiye kuvuga. Yarampaye micro atangoye, noneho ndababwira uburyo nabatirijwe ntatuye ibyaha none ngiye

kubikora munsabire Imana imbabazi. Naratuye ibyaha nk'uko nategetswe. Bamwe ntibabyumva kuko batari babimenyereye. Hano, si ukuvuga ko ubwambere ntari nababariwe, ahubwo Imana ifite ubwenge bwinshi, kwari ukugirango incishe bugufi, kandi yigishe abo twasenganaga kwihana ibyaha.

Mu butumwa Imana yampaye, haraho ivuga iti : *"Ndi kubwira abapasteurs bayobya abantu batigisha Agakiza, batigisha kwihana, batigisha njye mu byukuri, ahubwo, babeshya abantu babigisha imihango y'abantu ".*

Rero twebwe abakozi b'Imana, nta kindi dukwiye gukora atari ugufasha abandi gukizwa, mu guhitamo Yesu no kwatura ibyaha byabo bakiyeza kuko abatejejwe batazabona Umwami Imana. Rero, nahugurira abakozi b'Imana kwitaho gufasha abakristo babo na cyane cyane abashumba baragiye intama z'Imana kwitaho ubugingo bw'abo bashinzwe baberekeza mu nzira y'Agakiza n'iyo kwezwa. Abiyobagiza ubugingo bw'intama zabo, ugasanga bitaho gusa imihango n'amahame y'amadini yabo, bikaba aribyo bubahiriza, kandi bazi neza ko ibyo ntawe bizageza mw'Ijuru, abo ngabo bafitaniye urubanza n'Imana. Umushumba wese agomba kumenya ko azabazwa ubugingo bw'intama aragiye.

Kandi ikindi, abakristo nabo batagendana ubwenge ngo bashakishe ukuri kw'Ijambo ry'Imana ngo kube ariko bagenderamo, bakishinga kugendera ku madini no mu kwaha kw'abiyita abakozi b'Imana, ndababwiye ngo abo mwishingikirijeho batari Imana, nibahirima muzahirimana nabo, kandi ni bazimira muzajyana. Mube maso kandi mutege amatwi mwumve icyo Imana ibereka n'icyo Imana ivugana namwe, mube aricyo mugenderamo. Mwirinde mumenye kwitaho iherezo ryanyu ndabinginze. Imana iratubwira iti : *" Mwirinde, hatagira umuntu ubanyagisha ubwenge bw'abantu n'ibihendo by'ubusa bikurikiza imihango y'abantu, iyo bahawe naba sekuruza ho akarande, kandi bigakurikiza imigenzereze ya mbere y'iby'isi bidakurikiza Kristo."* **Abakolosayi 2 : 8.**

Usanga rero tuvuka tugakurira mu madini y'ababyeyi bacu, nyuma ntitwigere na rimwe twibaza ukuri kuri muri yo ukwarikwo. Ababyeyi bacu abenshi ntibari bazi gusoma no kwandika. Ibyo bababwira, ni byo bemera. Ariko biteye agahinda kubona abantu ba none ari

bo twebwe tuzi gusoma n'ukwandika, ndetse abenshi muri twe twarize dufite n'impamyabushobozi zihanitse, ariko ugasanga tugenda nk'injiji zitazi iyo zerekeza. Ko twiga ubwenge bwo mw'isi buzaduhesha gusa kurya neza no kwambara neza, ariko tukananirwa kwiga ubwo mw'Ijuru buzaduhesha ubugingo buhoraho ? Nyamara tugire umwete wo gusoma Ijambo ry'Imana kugirango tumenye ubushake bw'Imana bube ari bwo butuyobora. Twari dukwiye kurekeraho kugendera mu bushake bw'amadini bunyuranije n'ubushake bw'Imana, kuko ari ubushake bw'abana b'abantu.

Kandi, tugire ishyaka ryo kwiyeza amanywa n'Ijoro, dusaba Imana imbabazi z'ibyo twakoze tutarakizwa, ndetse n'ibyo dukora buri munsi. Duhore twatura ibyaha byacu, hatagira usubira kudushuka atugira inama itariyo ngo tuzarimbukane ibyaha tutabizi, twibaza ngo turaboneye. Niba dushaka kurengera ubugingo bwacu, twiyeze ubutitsa kuko tuzi ko abatejejwe, abatababariwe, ko batazabona Umwami Imana nk'uko Ijamabo ry'Imana ribitubwira riti*:* *"Imana ntiyaduhamagariye kwanduzwa, ahubwo, yaduhamagariye kwezwa. Ni cyo gituma uwirengagiza ibyo ataba ari umuntu yanze, ahubwo, aba yanze Imana iha mwebwe Umwuka wayo Wera.* **1Abatesalonike 4 : 7-8.**

Kwirengagiza kwihana kugirango twezwe, ni ukwanga Imana, ni ukwanga Umwuka Wera. Ni ukwanga ubugingo buhoraho. Nk'uko irindi Jambo riri mu **Baheburayo 12 : 14** ribitubwira riti *: "Mugire umwete wo kubana n'abantu bose amahoro n'uwo kwezwa, kuko utejejwe atazabona Umwami Imana".*

### III. 3. IMBARAGA Z'IMANA

Imbaraga z'Imana, ni Umwuka Wera w'Imana. Umwuka Wera w'Imana, ni impano Imana iha abana bayo bizeye Yesu-Kristo, kugirango abafashe kunesha kamere y'icyaha. Ni ikimenyetso cy'abaraganywa na Kristo Ubwami bw'Imana.

Ijambo ry' Imana riri mu **Bagalatiya 3 : 26, 4 : 6 ,** riratubwira riti : *Mwese muri abana b'Imana mubiheshejwe no kwizera Yesu-Kristo, kuko mwese ababatirijwe muri Yesu-Kristo muba mwambaye Kristo. Ubwo muri aba Kristo, muri n'abaragwa nk'uko byasezeranijwe. Kandi kuko muri abana bayo, ni cyo cyatumye Imana yohereza Umwuka w'Umwana wayo mu mitima yanyu.*

**Kugirango dusobanukirwe neza n'Umwuka Wera icyaricyo n'icyo umaze, turasobanura ku bibazo bitandatu bikurikira :**

a. Umwuka Wera, ni nde, ameze ate ?
b. Umwuka Wera aturuka he ?

c. Umwuka Wera aba he ?

d. Umwuka Wera abonwa na bande ?

e. Umwuka Wera akora iki ?.

f. Imibanire y'Umwuka Wera hamwe n'amadini, amatorero, ndetse n'abakristo muri rusange

**a. Mwuka Wera ni nde ? Ameze ate ?**

Umwuka Wera, ni umwe mu Butatu Butagatifu bugize Imana. Ubwo Butatu Butagatifu, ni Mana Data, na Mana Mwana ari we Jambo ry'Imana, hamwe na Mwuka Wera w'Imana. (Roho mutagatifu, l'Esprit Saint en français. ).

Kubera ko Umwuka Wera agereranywa n'umuyaga, umuriro, amavuta, ndetse n'amazi atemba , abantu benshi bakunze kumwitiranya n'ibyo bimenyetso biranga imirimo ye, maze bigatuma bamusobanura nk'ikintu. Ariko ibyanditswe byera bitwereka ko Umwuka Wera w'Imana atari ikintu, ahubwo ni Umuntu mu buryo bw'Ubumana. Umwuka Wera ni nk'uwundi Muntu uba muri twe, akabana natwe. Umwuka Wera, ni Imana ibana natwe. Umwuka Wera, Umwami Yesu yamwise umufasha, umuhoza, umuhuza w'Imana n'abantu.

Abantu benshi bibaza uko Umwuka Wera ameze n'uko akora. Icyo namuvugaho hano, ni uko Umwuka Wera agira amarangamutima nk'umuntu.

Umwuka Wera aranezerwa, akanaseka ndetse akanaririmba ku bw'umunezero. Umwuka Wera w'Imana nta kindi kimunezeza atari ukukureba ugendera mu masezerano wahanye na Yesu-Kristo. Anezerezwa no kukubona ukorera Imana kandi ukiranuka. Anezerezwa no kubona umwumvira. Anezerezwa no kubona warahindutse umwana w'Imana wuzuye. Anezerezwa no kubona

wubaha Imana n'Umwana wayo Yesu-Kristo, kuko ni cyo cyamuzanye, ni ukububahisha.

Umwuka Wera arababara akagira n'agahinda, ndetse akanarira *"Kandi, ntimuteze agahinda Umwuka Wera w'Imana wabashiriweho kuba ikimenyetso, kugeza ku munsi wo gucungurwa.* **Abefeso 4 : 30** Pawulo yahugura Abefeso abasaba kwitwara neza no kubana mu rukundo no mu mahoro kugirango badateza agahinda Umwuka Wera w'Imana. Iyo tutari mu mwanya w'Imana, iyo turiho dukora ibinyuranije n'ubushake bw'Imana tukanga kuyoborwa n'Umwuka Wera, tugakora ibyo twishakiye, Umwuka Wera arababara akicwa n'agahinda kuko turiho duhemukira Imana n'abantu, kandi turiho tugendera mu nzira itujyana mw'ir'imbukiro, kandi icyamuzanye ari ukutuyobora akatugeza mw'I juru kwa Data wa twese. Tumenye Ko Umwuka Wera udukunda, ntuza wishimira ibitubabaza. Unezerenwa na twe, ukababarana na twe. Ni cyo gituma ku bafite Umwuka Wera, iyo wishimye, baraseka, iyo ubabaye bararira. Mu by'ukuri, ni wo uba ubikorera muri bo.

Umwuka Wera ararakara akaba yanahana abantu kuko bamurakaje. Mu **byakozwe n'Intumwa 5** : **1- 11** Ananiya na Safira bazize kurakaza Umwuka Wera bawubeshya ku biguzi bagurishije umurima wabo. Bamaze kubesha bakazanira intumwa amafranga makeya bakavuga ngo ni yo bagurishije ayandi bakayahisha, Petero, Intumwa ya Kristo yabwiye Ananiya ati : *" Ni iki gitumye Satani yuzuza umutima wawe kubeshya Umwuka Wera ". Abaza na Safira ati : " Ni iki gitumye muhuza inama yo kugerageza Umwuka w'Umwami Imana ? Muri ako kanya umwe wese akimubwira atyo Umwuka w'Imana wahise umukuramo umwuka arapfa."*

Aba bantu bakwiye kutubera akabarore. Tugomba kwitondera Umwuka Wera w'Imana ubana natwe. Ni nyakubahwa, ntitugomba kuwukinisha no kuvuga cyangwa gukora ibyo twishakiye kuko ntabeshwa, tumenye ko azi byose, kandi aba ari kumwe natwe, kandi ari muri twe. Igihe cyose aba areba ibyo dukora n'ibyo dutekereza . Ni byo dukorera mu rwiherero tukaza kwishushanya imbere y'abantu, we aba yabibonye. Ibaze kwishushanya imbere

y'Imana? Erega tumenye ko Umwuka Wera ko ari Imana yuzuye, ibana natwe mu buryo bw'Umwuka wayo.

Tugomba kwubaha Umwuka Wera w'Imana tubana na wo, ntitukigere tuwumenyera ngo tuwufate nka mubyara wacu. Umunsi umwe yarambwiye ngo : ***" Ntuzigere umenyera, ndi Imana itamenyerwa."*** N'Umwami Yesu yaratwibwiriye ati ***:*** *"Uwo tutabana ni umwanzi wanjye, kandi uwo tudateranyiriza hamwe arasandaza . Ni cyo gitumye mbabwira yuko abantu bazababarirwa icyaha cyose n'igitutsi, ariko gutuka Umwuka Wera ni icyaha kitazababarirwa. Kandi umuntu wese usebya Umwana w'Umuntu azababarirwa ariko usebya Umwuka Wera ntazababarirwa n'aho haba mu gihe cya none cyangwa mu gihe kizaza ".* **Matayo 12:30-32.**

Kandi gutuka Umwuka Wera, ntabwo ari ukuwubwira gusa amagambo awusesereza, ni no kutawumvira, ndetse no kuwubesha cyangwa kuwubeshyera. Hari nk'abantu bigira abahanuzi biririwa babeshyera Umwuka Wera ngo wavuze ntacyo wavuze, ngo waberetse birya na biriya kandi ntacyo waberetse kubera gushaka indamu mu bantu, cyangwa kwemeza abandi ko bafite Imana kandi ntayo bagira kugirango babone icyubahiro. Twitonde, Imana ntikinishwa. Hari abazashyira bakamera nka Ananiya na Safira.

Mwige kubana n'Umwuka Wera amahoro, mube ab'ukuri. Mwige kuba incuti z'Umwuka Wera, mwirinda kuwubabaza, ahubwo muhore mushakisha kuwunezeza mukora ibyo ushaka, na wo uzabanezeza.

**b. Umwuka Wera aturuka he ?**

Umwuka Wera uva ku Mana, kuko ni Umwuka w' Imana, Imana yawuduhaye nk'impano twebwe abizera bose, twebwe abihanye tukemera gucungurwa na Kristo tukava mu byaha. Kugirango atuyobore mu nzira yo gukiranuka kwose, tuzahabwe ubugingo buhoraho. Kuko Umwuka Wera, aturuka ku Mana akaba ari Umwe mu bagize Ubutatu Butagatifu bw'Imana afite imiterere nk'iy'Imana.

Umwuka Wera ahoraho iteka ryose. Aba hose, ashobora byose, amenya byose, akorera hose icyarimwe, akavugira hose icyarimwe. Umwuka Wera, nta mubiri ufite, ni cyo gituma utatugaragarira ngo tuwurebeshe amaso, Umwuka Wera ntupfa, ntunanirwa ariko kuruha, nturambirwa, ntusinzira, uhora uri maso. Mu by'ukuri, Umwuka Wera nk'uko twabivuze, ni Imana Data ibana natwe, ikabanira natwe mu Mwuka we Wera.

Muri **Zaburi ya 139 :7-10** Dawidi yabwiye Imana ati **:** *"Ndahungira Umwuka wawe he? Ndahungira mu maso hawe he ? Nazamuka nkaja mw'Ijuru uriyo, nasasa uburiri bwanjye i kuzimu, uriyo. ....."* Umwuka Wera, ni ukuboko kw'i buryo kw'Imana, ni we mutegetsi w'isi yose n'ibiri muri yo byose. Ni umukozi w'umuhanga. Imana yawukoresheje mu kurema awutegekesheje Ijambo rye, kandi n'ubu aracyakora imirimo y'Imana hano mw'isi. Umwami Yesu avuga ku bw'Umwuka Wera yaravuze ati : *" Ubwo azaza, azatsinda ab'isi, abemeze iby'icyaha, n'ibyo gukiranuka, n'iby'amateka; iby'icyaha kuko batanyizeye, n'ibyo gukiranuka kuko njya kwa Data".* **Yohana 16 : 8.**

Imana itegekesha Ijambo ryayo, Umwuka Wera ugakora, ugasoza ibyo Imana ivuze. Ni cyo gituma, ibyo dusengeye mw'Ijambo ry'Imana, cyangwa ibyo dusabye mw'Izina rya Yesu Kristo birakorwa n'Umwuka Wera kuko abereyeho kwubahisha Umwami Yesu ndetse n'Imana Data muri ino si nk'uko twabivuze. Tugomba lero guharanira kubona Umwuka Wera w'Imana, ndetse tugaharanira no kuba incuti ze, mu kugendera mu bushake bwe iteka ryose. Icyo gihe, icyo tuzasaba Imana cyose Umwuka Wera uzahagurukira kugikora.

**c. Umwuka Wera aba he ?**

Umwuka Wera w'Imana uba mu bemera Yesu-Kristo kandi ukabana nabo. Mu **Byakozwe n'Intumwa 4 : 31.** Ijambo ry'Imana ritugaragariza ko Umwuka Wera utwinjiramo ukatwuzuramo *"Bamaze gusenga, aho bari bateraniye haba umushyitsi, bose buzuzwa Umwuka Wera, bavuga Ijambo ry'Imana bashize amanga".*

Umwuka Wera ubana natwe uri no hanze yacu. Igihamya cyabyo, n'uko hari igihe wumva Umwuka Wera ukuvugisha nk'ijwi riri

hanze yawe. Ubundi, Umwuka Wera ukumvira Ijwi rye muri wowe. Ubundi ukumva ahubwo atariwowe uriho uvuga, ahubwo ariwo wivugira muri wowe. Mu **Byakozwe n'Intumwa 13:2** Ijambo ry'Imana riratubwira riti : Ubwo basengaga, (aba tuvuga hano ni Intumwa za Yesu –Kristo) Umwami Imana biyiriza ubusa, Umwuka Wera wabwiye intumwa ati :"Mundobanurire Barinaba na Sawuli, bankorere umurimo mbahamagariye gukora" Hano, tubona Umwuka Wera uvugira hanze y'abantu. Ntabwo Bibiliya itubwira ko wavugiye mu kanwa k'umuhanuzi.

Waravuze ubabwira uri kumwe nabo. Umwuka Wera rero ubana natwe, turagendana, tukicarana, tukaryamana. Aho turi hose uba uhari. Utugenzurira muri twe imbere, no hanze yacu. Umenya ibyo dutekereza, ukumva ibyo tuvuga byose, ukamenya ibyo dukora byose. Umwuka Wera uri hose, ni cyo gituma uzi byose. Umwuka Wera uratuzi kandi uzi n'ibyacu byose kuko uba muri twe kandi ukabana natwe. Umwuka Wera w'Imana uravuga kandi urakora, utarinze kuvugira mu muntu cyangwa gukorera mu bantu.

**d. Umwuka Wera abonwa na bande ? Twakora iki ngo tubone Umwuka Wera ?**

*d.1. Ubonywa n'abakiriye Yesu-Kristo mu bugingo bwabo, bakihana, bakizera Yesu-Kristo.*

Muri **Yohana 7 : 38-39**, Yesu yaratubwiye ati : "Unyizera, imigezi y'amazi izatemba iva mu nda ye nkuko ibyanditswe bivuga. Ibyo yabivuze yerekeje ku Mwuka Wera. Uwo abamwizera bendaga guhabwa " .

Na none, Ijambo ry'Imana mu **Byakozwe n'Intumwa 2:38-39** riratubwira na ryo riti : Petero yabwiye abari baje kwumva ubutumwa bwiza arababwira ati : "Nimwihane, umuntu wese muri mwe, abatizwe mw'Izina rya Yesu –Kristo, ngo mubone kubabarirwa ibyaha byanyu, kandi namwe muzahabwe iyi mpano y' Umwuka Wera, kuko isezerano ari iryanyu n'abana banyu n'abari kure bose, abazahamagarwa n'Umwami Imana". Abazahamagarwa n'Umwami Imana, bakamwitaba , bakihana ibyaha, bakizera Yesu-Kristo, bazahabwa Umwuka Wera arizo mbaraga z'Imana.

Nkuko nari nabivuze kare Umwuka Wera ubonwa n'abejejwe. Muri **1 Abatesalonike 4:7.** Ijambo ry'Imana ihoraho rirongera rikatubwira riti: *"Imana ntiyaduhamagariye kwanduzwa, ahubwo yaduhamagariye kwezwa. Ni cyo gituma uwirengagiza ibyo ataba ari Umuntu yanze, ahubwo, aba yanze Imana iha mwebwe Umwuka wayo wera"* Mu yandi magambo, uwanga kwiyeza, uwanga kwihana, aba yanze Umwuka w'Imana ihoraho. Imana rero biragaragara ko idaha Umwuka we Wera abantu batihanye, bacyuzuye ibyaha, kuko abo baba bakibana na Satani.

Kandi Imana ntibangikana n'Umwanzi mu mitima yacu. Iyo ukunze icyaha uba ukunze Satani , uba wanze Imana. Imana ibana n'abayikunda bakayikundira. Erega, tuje tumenya ko atari twe tugize Imana, ahubwo ni yo itugize. Kandi tumenye neza ko ari twe dukeneye Imana, si yo idukeneye. Gushaka Imana tukabana nayo, ni mu nyungu zacu. Ntitukayikangishe rero twitwara uko dushaka nk'aho wagirango turayihima, ni twe tuba twihima. Imana iha Umwuka Wera wayo abuhagiwe mu Maraso ya Yesu-Kristo ku bwo guca bugufi bagasaba imbabazi z'ibyaha bakoze, kandi bakihanira kureka. Kugirango rero tubone Umwuka wera, tugomba kuba twarapfuye ku cyaha. Tugomba kuba twarabatutse ku Cyaha.

Imana ntiha Umwuka Wera, abantu bakiri muri Kamere y'umubiri yo kurarikira no kwifuza. Imana iha Umwuka we Wera abantu bagerageza guhinduka, kandi bafite ubushake, bakaba barafashe ingamba zihamye zo gukizwa bakamaramaza. Imana iha Umwuka wayo abayubaha mu kuyumvira, nk'uko Ijambo ry'Imana riri mu **Byakozwe n'Intumwa 5 : 31-32** ribitubwira riti : *"Imana yazamuye Yesu-Kristo imushyira iburyo bwayo ngo abe ukomeye n'umukiza, aheshe Abisiraeli kwihana no kubabarirwa ibyaha. Natwe, turi abagabo bo guhamya ibyo, hamwe n'Umwuka Wera, uwo Imana yahaye abayumvira".*

Imana kandi, iha Umwuka Wera abo imaze kwizera ko batazayihemukira, ko batazayisebya imbere ya Satani n'abantu ngo basubire inyuma, abo abona bahagarara ku byo biyemeje. Abo, nibo yambika imbaraga ze, akababatiza kandi akabuzuza Umwuka Wera.

Ni cyo gituma hano nifuza guhugurira abamaze kubatirizwa mu Mwuka Wera  kugira kwirinda kwinshi kugirango badasubira inyuma ngo bagwe. Imana iba yarabashyizemo icyizere cyayo, mukomeze mube abizerwa, kuko bigoye cyane, ahubwo bitanashoboka ko basubira kubyuka iyo baguye. Kuko nk'uko twabibonye, Imana iyo yakwujuje Umwuka we Wera, iba imaze kugushyiraho ikimenyetso cyayo, kikwemeza ijana kw'Ijana ko uri uw'ijuru. Iyo wihakanye Imana, ukihakana So, ukamukoza isoni ku mugaragaro, ugatoneka  Yesu-Kristo, ni ha Mana gusubira guhindukira. Ijambo ry'Imana rirabitubwira neza mu **Baheburayo mu gice cyaho cya 6: 4- 6** riti*: "Kuko bidashoboka ko abamaze kuvirwa n'umucyo bagasogongera impano iva mw'I juru, bakagabana ku Mwuka Wera, bakanasogongera Ijambo ryiza ry'Imana, n'imbaraga z'igihe kizaza, maze bakagwa bakavamo, ntibishoboka kongera kubahindura bashya ngo bihane, kuko baba bongeye kwibambira Umwana w'Imana bakamukoreza isoni ku mugaragaro ".* Rero bene Data, tugire kwirinda no kwihangana kwinshi kandi tugendane ubwenge umwanzi atadutwara ikamba ryacyu.

Muri **2 Petero 2 : 20-22**. Ijambo ry'Imana rirongera rikatubwira riti: *"Niba kumenya neza Yesu-Kristo, Umwami wacu n'Umukiza wacu kwarabateye guhunga, bakava mu by'isi byonona, maze bakongera kubyizingitirizamo bikabanesha, ibya nyuma byabo biba birushije ibya mbere kuba bibi. Icyajyaga kubabera cyiza, iyaba batigeze kumenya inzira yo gukiranuka, birutwa ko basubira inyuma bamaze kuyimenya, bakareka itegeko ryera bahawe. Ibyabasohoreyeho, ni uby'uyu mugani w'ukuri ngo : Imbwa isubiye ku birutsi byayo, kandi ngo, Ingurube yuhagiwe isubiye kwigaragura mu byondo. "* N'uko, abantu twamaze kwakira Yesu-kristo, tugahunga, tukimuka, tukava munsi y'Ubwami bwa Satani twavukiyemo, tukavuka ubwa kabiri, tugahindurwa abana b'Imana, twarangiza tugasubira iyo twavuye, tukazinukwa Data waduhamagaye, tukamutera umugongo, tumenye ko turiho twikururira akaga k'iteka ryose. Nyamara, twisubireho amazi atararenga inkombe. Umunsi yarenze inkombe ntituzaba tukibasha kwambuka, tuzatwarwa.

*d. 2 ) Imana kandi iha Umwuka Wera abakunda gusoma Ijambo ryayo, bakagerageza no kurishira mu bikorwa.*

Ijambo Yesu –Kristo yatubwiye muri **Yohana 14:15** rirabitubwira neza riti ***:*** “Nimunkunda, muzitondera amategeko yanjye. Nanjye nzasaba Data, na we azabaha undi mufasha wo kubana namwe ibihe byose. Ni we Mwuka w’ukuri. Ntibishoboka ko ab’Isi bamuhabwa, kuko batamurora kandi batamuzi, ariko mwebweho muramuzi kuko abana namwe kandi azaba muri mwe iteka ryose ”.

Umwuka Wera uhabwa abafite Ijambo muri bo kugirango urikomeze, kandi ukomeze uribasobanurire kandi uribibutse igihe cyose bibaye ngombwa. Umwuka Wera ntabwo uba mu bantu batagira Ijambo ry’Imana muri bo. Uba mu mitima yuzuye Ijambo.

Nta na hamwe handitse ko Umwuka Wera ari uwa bose. Ni uw’abana b’Imana nk’uko Ijambo ry’Imana riri mu **Bagayatiya 4: 6-7** ribitubwira riti : “ Kandi kuko muri abana bayo, ni cyo cyatumye Imana yohereza Umwuka w’Umwana wayo mu mitima yanyu avuga ati : Aba, Data. Ni cyo gituma mutakiri imbata ahubwo muri abana , kandi rero ubwo muri abana, muri n’ubaragwa mubihawe n’Imana “ .

Rero, Umwuka Wera mu by’ukuri, uhabwa abagerageza gusa n’Imana mu guhinduka abana bayo . Noneho Imana ikabaha imbaraga zayo kugirango ibunganire, ibafashe, ibaneshereze.

Ikindi twamenya, ni uko, ntawuzashaka Umwuka Wera ngo awubure, uzuzuza ibyo Imana idusaba wese azawuhabwa, kuko Imana itanegurizwa izuru, kandi itagira nkunzi. Uko uje ni ko ikwakira. Icyo ireba ni umutima wawe gusa uyishaka kandi uyikunda. N’Umwami Yesu yaratubwiye ati : Nkunda abankunda, kandi abanshakana umwete bazambona. Imana rero, ntabwo ishobora kwanga abayikunda. Abayikunda arabagabira Umwuka Wera, ni ukubaha ku bugingo bwayo, ni ukubaha ku Bumana bwayo.

*d.3) Umwuka Wera abonwa n'abakunda gusenga, umutima wabo ugahora werekeje ku Mana no ku by'Ijuru, bakawuukura ku bantu n'ibintu.*

Ikindi gituma imbaraga z'Imana zituzaho, ni amasengesho. Umuntu udasenga ntashobora kubona imbaraga z'Imana. Imbaraga z'Imana zirahamagarwa n'amasengesho. Kandi n'iyo wamaze kubatizwa mu Mwuka Wera, ugomba guhora usenga usaba guhora wuzuzwa Umwuka Wera w'Imana. Twibuke Umwami Yesu, yahora asenga buri joro kugirango asubizwemo imbaraga kandi yari Imana. Agiye no gupfa yariherereye arasenga ngw'Imana imwoherereza Malayika wo kumusubizamo imbaraga. Igihe kimwe nacyo intumwa ze zananiwe gukura dayimoni mu mwana. Yesu abimenye arababwira ati *: "Ariko bene uwo, ntavanwamo n'ikindi, keretse gusenga no kwiyiriza ubusa".* ***Matayo 17 : 21.*** Urumva ko gusenga cyane cyane twiyiriza ubusa, niko kuzana imbaraga z'Imana muri twe zibasha kwirukana n'amadayimoni, zigakora ibitangaro n'ibitangaza.

Mu Byakozwe n'Intumwa, tubona Intumwa zihabwa Umwuka Wera kuko ngo bari hamwe, bamara iminsi 40 basenga kandi ngo basenga bahuje umutima. **Ibyakozwe n'Intumwa 2:1-2**.

### e. Umwuka Wera akora iki ?

Umwuka Wera ni ukuboko kw' Imana muri ino si. Ni we ukora imirimo Imana igomba kurangura muri ino si. Imana yabaniye natwe muri Yesu-Kristo igihe yarari muri ino si yambaye umubiri nk'uwacu, amukoreramo imirimo ikomeye. Ni yo mpamvu yiswe Emanweli na Marayika Gaburiyeli, risobanura ngo : Imana iri kumwe na twe. **Matayo 1 : 23**.

Umwami Yesu amaze gusubira mw'I juru, ntabwo Imana yaturetse twenyine, yatwoherereje Umwuka we Wera ngo ubane natwe iteka ryose.

Umwuka Wera akora imirimo myinshi :

*Aratwigisha,akanatwibutsa ibyo twibagiwe*. Muri **Yohana 14 : 26,** Umwami Yesu avuga ku Mwuka Wera yaratwibwiriye neza ati :

"Ibyo, mbibabwiye nkiri kumwe namwe, ariko Umufasha ari we Mwuka Wera, uwo Data azatuma mw'Izina ryanjye, ni we azabigisha byose, abibutse ibyo nababwiye byose".

*Arahamya, arumva, aravuga ndetse aranategeka.* Muri **Yohana 15 : 26,** Umwami Yesu yaratubwiye ati : "Umufasha naza, uwo nzabohereza, ava kuri Data, ari we Mwuka w'ukuri ukomoka kuri Data, azampamya. Kandi namwe muzampamya , kuko uhereye mbere na mbere, mwari kumwe na njye».

Umwami Yesu arongera abwira intumwa ze iby'Umwuka Wera ati : "Ndacyafite byinshi byo kubabwira ariko ubu ntimubasha kubyihanganira. Uwo Mwuka w'ukuri naza, azabayobora mu kuri kwose kuko atazavuga ku bwe, ahubwo, ibyo azumva, ni byo azavuga, kandi azababwira ibyenda kubaho. (Azabahishurira). Uwo, azanyubahiriza kuko azenda ku byanjye akabibabwira. Ibyo Data afite byose ni ibyanjye, ni cyo gituma mvuze nti azenda ku byanjye abibabwire. **Yohana 16 : 12- 15.**

*Umwuka Wera aratugira inama, ndetse akadutegeka.* Mu **byakozwe n'Intumwa 16 : 6- 10**, Ijambo ry'Imana riratubwira ingene Umwuka Wera ariwo wategeka intumwa, ukaberekeza aho ushaka. Bukeye, banyura mu gihugu cy'i Furugiya n'i Galatiya, babuzwa n'Umwuka Wera kuvuga Ijambo ry'Imana muri Asiya. Bageze ahabangikanye n'i Musiya, bagerageza kujya i Bituniya, ariko Umwuka wa Yesu ntiyabakundira. Nijoro Pawulo ararota, abona umugabo w'Umunyamakadoniya ahagaze amwinginga ati : "Ambuka uze i Makadoniya udutabare". Aho, ni ho baciye baja kwigisha Ijambo ry'Imana. Umwuka Wera, ni umutegetsi, ni umuyobozi wacu. Ikibazo kiri mu bantu benshi bitwa abana b'Imana, ni ukutagisha inama Umwuka Wera, abantu bakiyobora, ndetse no mu murimo w'Imana bagakora ibyo bishakiye, kandi bakabikora uko bashatse.

Nyamara tumenye ko Umwuka Wera wanga agasuzuguro. Abasuzugura Umwuka Wera w'Imana, bazahura n'akaga. Nyamara twitwararike kandi twinengesere, duhore duturije imbere y'Imana. Twirinde guhubuka dukora ibyo Umwuka Wera atatwemereye, cyangwa ngo tuve mu masezerano ye kubera kurambirwa no gucogora, bigatuma tuzinukwa iby'Imana tugakora ibijanye no kwifuza kwacu, kunyuranije n'ubushake bw'Imana.

*Umwuka Wera aratekereza,* agatekereza n'ibyo dukeneye, akadusengera, akadusabira ku Mana Data, akatwingingira. Mu **Baroma 8 : 26-27**, Ijambo ry'Imana riratubwira riti "Uko ni ko n'Umwuka adufasha mu ntege nke zacu, kuko tutazi uko dukwiriye gusenga ariko, Umwuka ubwe ni we udusabira aniha iminiho itavugwa, kandi, Irondora imitima, izi ibyo Umwuka atekereza, kuko Umwuka usabira abera nk'uko Imana ishaka" .

*Umwuka Wera agira ubushake* : "Ariko, ibyo byose uwo Mwuka ni wo ubikorera muri bo, agabira umuntu wese uko ashaka". **1 Abakorinto 12:11.** Umwuka Wera nta wuwushyiraho agahato, ntawuwutegeka, ukora icyo ushaka no mu gihe ushakiye, kandi ugakora uko ushatse. Umwuka Wera ufite ubuzima bwacu mu biganza byawo. Ni wo utubeshejeho. Iyo wafashe ingamba zo kutuvana mu mubiri turapfa nta gisibya. Ni cyo gituma twahora dushakisha kunezereza Umwuka Wera no kumubera inshuti, kugirango tumutere ishyaka ryo kutwitaho no gushakisha kutunezereza. Icyo gihe icyo tuzasaba Imana cyose tuzagikorerwa n'Umwuka Wera.

*Umwuka Wera ararema* : Muri **Zaburi ya 104 : 30** Ijambo ry'Imana riratubwira riti: "Wohereza Umwuka wawe bikaremwa "**Muri Yobu 33 : 4** naho haravuga ngo : Umwuka w'Imana, ni we wandemye, kandi guhumeka kw'Isumbabyose ni ko kwambeshejeho .

*Umwuka Wera atanga ubugingo.* Mu **Itangiriro 2:7,** Ijambo ry'Imana ritubwira ko Imana imaze kurema umuntu, mu mukungugu wo hasi, yamuhumekeyemo Umwuka w'ubugingo, ahinduka ubugingo buhoraho. Umwuka Wera Imana yamuhaye, ni wo wamuhaye kubaho iteka ryose. Umwami Yesu na we ibyo yabihamije muri aya magambo muri **Yohana 6 : 63** ati : "Umwuka ni we utanga ubugingo , umubiri ntacyo umaze " .

Ibyo iri Jambo ry'Imana riri kutubwira birakomeye. N'ukuvuga ko Iyo Imana iguhaye ku Mwuka we Wera, aba aguhaye ubugingo buhoraho. Imana yo iwufata nk'ikimenyetso gihabwa abanesha kugirango kibemeze nk'abana b'Imana. Mu butumwa bw'Imana yampaye kubagezaho, haraho Imana yavuze ngo: "Ikimubabaje cy'indengakamere, n'uko hariho abagiye gutaha batariho ikimenyetso cy'Imana, ngo abo ngabo ntibazabona mu maso he". Abo avuga batariho

ikimenyetso cy'Imana, ni abatagira Umwuka Wera w'Imana. Urumva rero, umuntu utagira Umwuka Wera w'Imana nta bugingo. Ahandi naho, Imana yarambwiye ngo mbabwire ngo**:** "Reba Umwuka wanjye uri bugufi bwanyu kugirango ubayobore, ariko se, mwarawuhaye kaze? None se mwayoborwa n'icyo mudafite kandi mutazi? Muhore muhagaze kigabo mwuzuye Umwuka Wera kuko ni yo mababa azabageza mw'Ijuru ".

Mu **Baroma 8 : 14,** Ijambo ry'Imana riratubwira riti : *"Abayoborwa n'Umwuka w'Imana bose nibo bana b'Imana, kandi ubwo turi abana b'Imana turi n'abaragwa, ndetse turi abaragwa b'Imana, turi abaraganwa na Kristo"* Iri Jambo riratubwira neza ko abemera kuyoborwa n'Umwuka wera w'Imana, nibo bana b'Imana kandi nibo baragwa be, bazaragwa ubugingo buhoraho bakicarana na Yesu mu Bwami bw'Imana. Ntawuyoborwa rero n'icyo adafite.

Isoko ry'ubuzima bushya bw'abana b'Imana aribwo bugingo buhoraho ni Umwuka Wera w'Imana. Twabyawe n'Umwuka Wera ubwa kabiri mu kuduha Kamere y' Imana ku bwo kwumva no kumenya Ijambo ry'Imana . Umwuka Wera niwo ushorera Ijambo ry'Imana twumva cyangwa twisomera. Ukarikomeza mu mitima yacu, ugakomeza kuridusobanurira, no kuridukundisha. Ukaritwibutsa igihe cyose dukeneye kurishyira mu bikorwa kugirango dukomeze guhinduka abana b'Imana nyakuri. Umwuka Wera ni wo ushyira mu bikorwa ibyo Ijambo ry'Imana rivuze ukabisoza, ugatuma ibitekerezo byacu bihinduka bishya, noneho tukaba bashya mu gukora iby'Ijambo ry'Imana ritubwira, dufashijwe n'Umwuka Wera uduha imbaraga, kumenya no gusobanukirwa. Umwuka Wera urinda Ijambo ry'Imana ukarisohoza. Icyo gihe ntituba tukiyoborwa n'imibiri yacu nka kera, tuba dusigaye tuyoborwa n'Umwuka Wera utuyoboza Ijambo ry'Imana. Umwuka Wera, ni wo wica ingeso za Kamere z'imibiri yacu, ukaduha Kamere y'Imana, tugasa nayo mu ngeso zacu.

Ni cyo gituma Umwami Yesu yatubwiye muri **Yohana 3 : 5** ko "utabyawe ubwa kabiri ngo abyarwe n'amazi n'Umwuka Wera ko atazabasha kwinjira mu Bwami bw'I juru". Aha, nta kindi Umwami wacu Yesu-kristo yatubwira atari ukutumenyesha ko utabyawe ubwa kabiri ko atazabona ubugingo buhoraho. Kuvuka ubwa kabiri, ni ukugira kamere y'Imana, ukava muri Kamere wavukanye. Ni

uguhinduka undi muntu ufite ibitekerezo bishya bitandukanye n'ibyo yavukanye. Ntube ukiri umuntu ku bw'umubiri n'amaraso, ahubwo ukaba uri umuntu winjiwemo na Kamere y'Imana ku bwo kuvuka ubwa kabiri. Twabyawe ubwa kabiri n'Umwuka Wera atubyarishije Ijambo ry'Imana. Umwuka Wera uduhinduza Ijambo ry'Imana aririyo Yesu yise amazi. Amazi hano Yesu avuga ntabwo ari amazi asanzwe, cyangwa amazi ya batisimu, ni Ijambo ry'Imana ihoraho.

Ijambo ry'Imana riri mu **Befeso 1 : 12-13** riratubwira neza riti : " Umwami Yesu ni we na mwe mwiringiye mumaze kumva Ijambo ry'ukuri ari ryo butumwa bwiza bw'Agakiza kanyu, kandi mumaze kwizera ni we wabashyizeho ikimenyetso ari cyo Mwuka Wera mwasezeranijwe, uwo twahaweho ingwate yo kuzaragwa wa murage kugeza ubwo abo Imana yaronse izabacungura. Ubwiza bwayo bushimwe " .

Umwuka Wera w'Imana, uhabwa rero abamaze kumva ubutumwa bwiza bw'Agakiza, bakizera Yesu-Kristo nk'uko twakomeje kubivuga. Uwo Mwuka Wera, Imana itubwira ko ari ingwate duhabwa nayo iduhesha ikizere cyo kuzabona ubugingo buhoraho. Nk'uko iyo banki iguhaye ideni, igusaba ingwati ituma yumva ifite icyizere cy'uko uzayishyura, ni ko n'Imana iguha Umwuka Wayo nko kuguha icyizere ko uri uw'Ijuru. Umwuka Wera ni nka Visa ituma wambuka ukajya mu kindi gihugu. Ni ikibare cy'Imana kiguhesha uburenganzira bwo kuba mu Bwami bwe. Umwuka Wera, ni ikimenyetso Imana ishyira ku bo yemera ko ari abana bayo.

*Umwuka Wera uzura abapfuye, ugakiza abarwaye.* Ijambo ry'Imana mu **Baroma 8 : 10-11** riratubwira riti **:** " Niba Kristo aba muri mwe, nubwo umubiri uba upfuye, uzize ibyaha, Umwuka uba uri muzima ku bwo gukiranuka. Ariko niba Umwuka w'lyazuye Yesu uba muri mwe, lyazuye Kristo Yesu izazura n'imibiri yanyu ipfa ku bw'Umwuka wayo uba muri mwe "**.** Naho umubiri wacu uzapfa, tuzi neza ko tuzazuka ku munsi w'amateka, tukazukira kubaho Iteka ryose, tubiheshejwe n'Umwuka Wera w'Imana uba muri twe.

*Umwuka Wera, ni wo uduhishurira impano zacu* ariwo murimo tugomba gukorera Imana, ukaduha n'ubushobozi bwo kuzikoresha dukora ubushake bw'Imana. Utwambika imbaraga ukaduha gushira amanga, ukaduha ubwenge n'ubuhanga mu

murimo w'Imana, ndetse no mu byo dukora byose, kuko, ni wo udutekerereza. Ijambo ry'Imana rirabitubwira neza riti : " *Icyakora hariho impano z'uburyo bwinshi, ariko Umwuka ni umwe. Kandi hariho uburyo bwinshi bwo kugabura iby'Imana, ariko Umwami ni umwe. Hariho n'uburyo bwinshi bwo gukora, ariko Imana ikorera byose muri bose ni imwe. Umuntu wese agahabwa ikimwerekanaho Umwuka kugirango bose bafashwe. Umwe agaheshwa Ijambo ry'ubwenge n'Umwuka, undi agaheshwa n'uwo Mwuka Ijambo ryo kumenya, undi agaheshwa n'uwo Mwuka impano yo gukiza indwara, n'ibindi...."* **1Abakorinto 12:4-11.** Tugomba lero gushakisha kubona Umwuka Wera w'Imana kugirango uduhishurire Impano Imana yaturemanye, tubashe gukorera Imana dukorera mu masezerano yacu, tudakorera mu mpano z'abandi zitari izacyu. Ngo duse n'abaherekeza abandi. Ni cyo gituma ari ngombwa ko duhaguruka gukorera Imana tumaze kwuzuzwa imbaraga z'Imana. Kandi tugakora umurimo twahishuriwe n'Umwuka Wera.

Ibi bintu turangije gusobanura, biratwereka neza Umwuka Wera w'Imana icyaricyo, n'umumaro wawo mu buzima bw'Umukristo wese.

**f. Imibanire y'Umwuka Wera hamwe n'amadini, amatorero, ndetse n'abakristo muri rusange**

Umwami wacu Yesu-Kristo, yaje mw'isi asanga amadini avuga iby'Imana ahari. Ariko Umwami wacu Yesu-Kristo, ntabwo yaje gukomeza amadini, ahubwo, yaje gushinga Itorero rye. Amadini yarasanzwe mw'isi, ayoborwa n'abafarisayo n'abanditsi, ntabwo yari yarashyiriweho kugarurira abantu ku Mana, ahubwo yari yashyiriweho bene yo kugirango bakomeze amazina yabo, bakomeze ibyubahiro byabo kandi bayaboneremo amaronko.

Amadini Umwami Yesu yasanze mw'isi yiyitirira ay'Imana, ni yo yagambaniye Umwami wacu Yesu-Kristo abambwa ku musalaba, kugirango apfe aveho adakomeza kubatwara abayoboke. Urumva rero ayo madini yiyitirira ay'Imana, yarangiza akarwanya Umwana wayo, urumva yari ay'Imana mu buryo ki ? Yari ay'abana b'abantu.

Muri **Yohana 12:12-19,** tubona igihe Umwami wacu Yesu-Kristo yagenderaga ku ndogobe, uburyo abantu batereye hejuru

bakamuramya, kubera ibitangaza yaramaze kubakorera, cyane, cyane, icyo gihe yaramaze kuzura Razaro : Baninahaje Yesu bavuga bati : *"Hosiyana, hahirwa uje mu Izina ry'Uwiteka, ni we Mwami w'Ab'Istraeli"*. Ibyo, babibonye, Abafarisayo baravugana bati ***:*** *"Murarora y'uko murushwa n'ubusa, dore rubanda rwose ruramukurikiye "* Umwami Yesu, kuko yari yaje gushaka icyubahiro cya Se, no gukomeza ingoma ya Se, yahinduye abantu abayoboke b'Imana, abambura amadini. Abayobozi b'amadini ntibabyihanganiye kuko bari barasimbuye Imana mu mitima yabo. Baramwishe, bagurira rubanda ngo rwihakane Yesu. Nuko, abamusasiye Imyenda bamuramya, nibo bwakeye baramuhinduka, baramwihakana, bavuga ko yigereranya mu kwiyita umwana w'Imana. Ibyo yabakoreye byose babihindura ubusa, bavugiriza induru icyarimwe ngo nabambwe.

Muri **Matayo 27 : 18,** Pilato, ntabwo yatanze Yesu ngo abambwe ku bwe, ahubwo, ni k'ubw'Abayuda bamubujije i buryo n'i bumoso, bose bavugira rimwe ngo Yesu nababwe. Yaramutanze na ho nta cyaha yamubonanye, nyamara yari yamaze kumenya neza ko ishyari ari ryo ritumye bamubamba.

N'ubu, amadini yihakana Yesu, ayandi akigisha amahame n'imihango yabo, ntiyigishe Yesu, nk'agakiza k'abantu, ngo bigishe abantu gukizwa no kwihana ibyaha, ayo nayo, ariho ayobya abantu kuko yabahushishije inzira. Bahinduye abantu abayoboke babo, ntabwo babahinduye abayoboke ba Kristo. Abo nabo, basa n'abasharika Yesu. Umwami wacu Yesu-Kristo, ni we washinze Itorero rya mbere ryari rigizwe n'intumwa ze. Akiri mw'isi yararyiyoboreraga, ariko amaze kugenda mw'I Juru, yaboherereje Umwuka Wera w'Imana ngo ube ariwo ushishikara kuyobora Itorero rye no kurifasha.

*Umurimo w'Umwuka Wera mw'Itorero rya kera, ugaragarira mu buryo butatu bukurikira*

**Umwuka Wera ni wo wafasha Itorero rya Kristo gukora umurimo w'Imana kuko ari wo utanga imbaraga no gushira amanga.** Umwami Yesu yari yarabujije Intumwa ze gutangira umurimo yabasigiye batarabona Umwuka Wera W'Imana, ubambika imbaraga, ukabibutsa ibyo yababwiye byose, ukabaha no gushira

amanga. Yarababwiye ati : " Ni ko byanditswe ko Kristo akwiriye kubabazwa no kuzuka ku munsi wa gatatu, kandi ko kwihana no kubabarirwa ibyaha bikwiriye kubwirwa amahanga yose mu izina rye, bahereye kuri Yerusalemu. Ni mwe bagabo b'ibyo. Kandi dore, ngiye kubohereza ibyo Data yasezeranye, ariko, mugume mu murwa, kugeza ubwo muzambikwa imbaraga zivuye mw'I Juru. **Luka 24 : 46-49.**

**Umwuka Wera, ni wo washyira abakozi b'Imana mu myanya y'Itorero,** kandi ntibashobora gushira mu mwanya n'umwe w'Itorero umuntu utuzuye Umwuka Wera w'Imana. Mu by'ukuri, Imana ni yo yitoranyiriza. Hari ingero zimwe zanditswe n'Intumwa, mu gitabo kirondora ibyo bakoze.

Mu gutoranya abadiyakoni ba mbere, Intumwa zatoranije abuzuye Umwuka Wera. Ibi turabisanga mu **Byakozwe n'Intumwa 6:2-6** "Abo cumi na babiri (ni ba bandi bagendanaga na Yesu, wongeyemo Matiyasi yasimbuye Yuda wagambaniye Yesu) bahamagara abigishwa bose barababwira bati : "Ntibikwiriye ko turekera kwigisha Ijambo ry'Imana kwicara ku meza tugabura. Nuko bene Data, mutoranye muri mwe abantu barindwi buzuye Umwuka Wera n'ubwenge, tubashyire kuri uwo murimo. Ariko twebwe ho, tuzakomeza gusenga no kugabura Ijambo ry'Imana ". Abahateraniye bose bashima ayo magambo, batoranya Sitefano umuntu wuzuye kwizera n'Umwuka Wera, hamwe n'abagenzi be bandi batandatu, babashyira imbere y'Intumwa, kandi bamaze gusenga, babarambikaho ibiganza ".

Kandi, mu gushyira umuntu mu mwanya, barasengaga, Umwuka Wera ukaba ariwo wirobanurira. Twafata urugero ruri hano mu **Byakozwe n'Intumwa 1 : 23- 26.** Hari hageze ko Intumwa za Yesu, zishyira undi muntu mu mwanya wa Yuda isikariyoti, noneho, baravuga bati, dukwiye gutoranya mu bo twagendanaga iteka ryose igihe Umwami Yesu yari akiri muri twe, kugirango abe umugabo umwe hamwe na twe wo guhamya Kristo. Bahitamo babiri, barasenga bati : "Mwami Mana, umenya imitima y'abantu bose, werekane uwo utoranije muri aba bombi abe intumwa, ahabwe uyu murimo Yuda yataye akajya ahe. Barabafindira, nuko , ubufindo bufata Matiyasi, abaranwa n'Intumwa 11.

Twafata n'urundi rugero mu **Byakozwe n'Intumwa 9:15-16** "Umwami Yesu amaze kubonekera Sawuli mu zuba, yohereje Ananiya ngo

ajye kumubatiza, aramubwira ati : Genda kuko uwo muntu ari igikoresho nitoranirije, ngo yogeze izina ryanjye imbere y'abanyamahanga n'abami b'Abistraeli, nanjye nzamwereka ibyo azababazwa na we uburyo ari byinshi bamuhora izina ryange".

**Umwuka Wera ni wo wabayobora muri byose,** ntibashobora no kuja kuvuga ubutumwa aho batoherejwe n'Umwuka Wera. Ibyakozwe n'Intumwa 16 : 6-10. Mushobora kubyisomera, kandi no mu gice kiri imbere twabivuzeho.

*Ubu, ibintu byarahindutse. Amadini menshi ntiyemera kuyoborwa n'Umwuka Wera mu murimo w'Imana. Ndetse n'amatorero, yiyitirira ay'Umwuka, usanga atemera kuyoborwa n'Umwuka Wera muri byose. Ibi nabyo bikagaragarira muri ibi bikurikira:*

**Amadini menshi n'amatorero, ntabwo yigisha abakristo Umwuka Wera ngo bawumenye.** Nyamara, ibyo babikora babizi kuko nta wuyobewe ko Umwuka Wera ko ariwo Yesu yasize mu cyimbo cye ngo umuyoborere Itorero uzarimushyikilize ritagira ikizinga n'umunkanyari. Usanga, abakristo benshi batigishwa umubatizo wo mu Mwuka Wera, noneho bakawitiranya n'umubatizo wo mu mazi menshi, abandi, bakemeza abayoboke babo, ko baboneshwa Umwuka Wera n'umuhango wo kubasiga amavuta ku ruhanga. Hari n'abakozi b'Imana birirwa bahuhira imyuka yabo mu matwi y'abantu, hafi kubamena amatwi, ngo bariho babaha Umwuka Wera. Umwuka Wera w'Imana utangwa na nyirawo ari yo Mana. Kandi ni yo imenya uwo iwuha, n'igihe iwumuhera, n'uburyo iwumuhamo, igatuma Umwami wacu Yesu-Kristo kuwudusukaho. Umwami wacu Yesu-Kristo rero, ni we utubatiza we ubwe mu Mwuka Wera.

Muri **Matayo 3 : 11,** Yohana umubatiza yaravuze ati **:** " Jyewe ndabatirisha amazi ngo mwihane, ariko uzaza hanyuma yanjye, andusha ubushobozi, ntibinkwiriye no kumutwaza inkweto. Ni we uzabatirisha Umwuka Wera n'Umuriro. "Yohana Umubatiza, yari intumwa Imana yari yaratoranyirije gutegura inzira ya Yesu-Kristo, abwira abantu ngo nibihane Ubwami bw'Imana bugiye kuza. Abihanye, yarababatizaga mu mazi menshi. Natwe, uno munsi, abungere bacu, nta kindi

bafitiye ububasha ataricyo Yohana yakora. Umwami wacu Yesu-kristo, ni we wenyine ufite ubwo butware n'ubushobozi bwo kutubatiriza mu Mwuka Wera, tukambara imbaraga zivuye mw'I Juru. N'Umwami wacu Yesu-Kristo yaratubwiye neza ko nagenda, agasubira ku wamutumye, azatwoherereza undi mufasha ari we Mwuka Wera. Ni we azamwohereza ku giti cye, ntawe azatuma, kandi mu byo yashinze abigishwa be, ibyo, ntabwo birimo.

Natwe tugendane ubwenge kandi tugire gutekereza no gushishoza. None se, abantu batagira nabo Umwuka Wera, bawuha abandi gute? Cyangwa se, twibaza ko Umuntu ashobora kugabanyiriza undi ku Mwuka Wera yaba yarahawe n'Imana ? Ibyo ntibishoboka, ni ibihenda bana. Kuki twemera guhendwa nk'abatagira ubwenge ?

**Amatorero menshi ntabwo akigisha inama Umwuka Wera mu gushyira abantu mu myanya y'imirimo y'Itorero ry'Imana.**

Uno munsi, hari amatorero menshi asigaye ashyira mu murimo w'Imana abayobozi n'abandi bo mu zindi nzego batabajije Umwuka Wera w'Imana. Umurimo w'Imana bawugize akarima kabo, bihindura abayobozi bawo kandi umuyobozi wawo ari umwe. Umuyobizi wawo ni Yesu-Kristo washizweho n'Imana nk'umutwe w'Itorero rye, n'Umutambyi mukuru w'Itorero ry'Imana.

Imana, no mw'isezerano rya kera, nta na rimwe yigeze ikoresha amatora mu gushyiraho abayobozi b'ubwoko bwe. Baba abatambyi, baba abami, baba abahanuzi. Imana ni yo yitoraniriza abo yishyimiye ku mpamvu ze bwite kuko ni yo yari izi umutima wa buri muntu n'ubushobozi bumurimo buzamushoboza kurangura umurimo wayo.

Muri bino bihe, abantu basimbuye Imana, bayimura ku ntebe y'ubuyobozi bw'Itorero rye. Ni bo basigaye bishirira abantu mu myanya inyuranye y'umurimo w'Imana bakurikije impamvu zabo bwite zitari iz'Imana. Kandi ikibabaje cyane muri ibyo byose, ntabwo kuba umuntu amaze kwuzuzwa Umwuka Wera bakibirebaho cyane. Basigaye batoranya abashirwa mu myanya y'imirimo inyuranye y'Itorero yaba ubushumba, kwigisha, kuvuga ubutumwa, kuririmba, ubudiyakoni n'ibindi, bashingiye

ku bucuti bafitanye, ku buvandimwe, ku mpamyabumenyi, ku butunzi bubashoboza gutura neza no gutanga kimwe mu icumi gitubutse n'ibindi. Aha, ntimunyumve nabi sindiho mbabuza gutura no gutanga kimwe mu icumi kuko iryo ni itegeko ry'Imana (Malaki 3). Nuko rero Itorero ry'Imana risigaye riyoborwa n'ab'isi batagira Umwuka Wera w'Imana. Nyamara, mu kanya twari twabonye ko Yesu ubwe yabujije Intumwa ze gutangira umurimo w'Ivugabutumwa batarambikwa Imbaraga zivuye mw'Ijuru. Ibaze, intumwa ze yari yaraziyigishirije ariko yarababujije kugendera ku bumenyi bwabo batarabona umufasha ari wo Mwuka Wera. Ibi rwose amatorero asigaye akora ni indenga kamere.

Mu butumwa Imana yampaye ngo mbagezeho buduhamagarira kwitegurira guseruka imbere y'Imana tudakorwa n'isoni, haraho Imana iheba ikavuga iti*: «Ndi kubwira Itorero ryanjye rirwaye, kuko abarigize bateshutse, kubera ko Satani yinjiye mu ngoro yanjye. Kandi nta n'icyo mukora ngo muyirukane, ahubwo murayakira mukayizimana».* Aha, nta kindi Imana yashatse kuvuga, ni ukutubwira ko Itorero rye, hariho abariyobora n'abarikorera bacyambaye Kamere y'umwanzi, bagikoreshwa na we, kuko batigeze bahinduka. Ntibigeze bavuka ubwa kabiri, baracari abantu buntu. Ikizira cyamaze kugera ahera.

Imana yambwiye ngo mbabwire ngo*: «Hari abantu bari gukorera Imana bakiri babi, bakiri ba mpemuke–ndamuke».* Abo, ni abantu bakorera Imana, bagitsikamiwe n'icyaha cy'inkomoko cyo kwikunda gituma bararikira, bagahorana kwifuza bagahemurwa n'akamanyu k'umutsima. Nabo usanga, ubutumwa bwabo bushingiye ku migisha yo kubaho mu buzima bwiza bworoshye bwo muri ino si, aho kuvuga ubutumwa buhesha ubugingo. Ahubwo, ubutumwa bwabo butera abakristo kurarikira cyane, ugasanga imitima yabo yerekeje ku by'isi gusa, iby'Ijuru yarabitaye kure. Ubu ni ubutumwa bw'inda, bukura abantu ku Mana bukaberekeza mw'irimbukiro kuko butuma bimura Imana mu mitima yabo, bakayimikamo ibyo bararikiye. Murumva rero ko abantu nk'abo bari kugusha Itorero ry'Imana.

Ni cyo gituma usanga mw'Itorero ry'Imana hakorerwamo ibyaha by'indengakamere, bidakorwa n'abakristo basanzwe gusa, ahubwo n'ababayobora na bo barabikora.

Uno munsi ukumva ngo : Umuvugabutumwa runaka yaraguye, umushumba runaka yaraguye, umuririmbyi runaka yaraguye, basigaye ari abasinzi, abasambanyi, abajura n'ibindi. Abantu nk'abo, ndemeza ntashidikanya ko baba bariyoberanirije mu murimo w'Imana batarakizwa by'ukuri. Nta mukozi w'Imana, wambaye imbaraga z'Imana, uyoborwa n'Umwuka Wera uzi icyo akora, yaba agikinisha icyaha. Abantu nk'abo, bari gukorera ubwami butari ubwabo, kandi Imana yarabitubujije mu Butumwa yampaye ngo mbagezeho.

Abantu bibeshya ngo barakorera Imana bakiri imbata z'ibyaha, ni ukuruhira ubusa. Abo, ni imperekeza z'abageni ba Kristo. Ni ba filles d'honneur nk'uko bivugwa mu gifransa. Nta mperekeza irongorwa. Harongorwa umugeni abamuherekeje bamaze kwikubura batashe. None se, ni nde udashaka kuba umugeni wa Kristo, akumva azanezerezwa no guherekeza abandi Umwami Yesu naza gutora Itorero rye we agahunga, akaja kwihisha, abandi bariho bazamuka gusanganira umukwe, banezerewe?. Ni nde wishimira kuzakorwa n'isoni ku munsi w'amateka? Ni nde wishimira kuzakingiranirwa hanze y'Ijuru kandi yitwa ngo yarakoreye Imana ? Ibaze wongere wisubize umenye icyo gukora icyaricyo.

Abantu nk'abo kandi Yesu yabagereranije n'imbata zo mu rugo kwa Se. Yaravuze ati: *«Ni ukuri ni ukuri, ndababwira yuko umuntu wese ukora ibyaha ni imbata y'ibyaha. Imbata ntiba mu rugo iteka, ahubwo mwene nyirarwo ni we urugumamo iteka».***Yohana 8:34-35.**

Abo, ni nk'ababoyi n'abayaya bo mu mago. Umuboyi n'umuyaya, nta na rimwe bazafatwa nk'abana bo mu rugo, kandi aribo barera abana ba shebuja, bakabatekera, bakabagaburira, bakaboza bakabasiga, bakabambika, bakabaryamisha, mbese, bakabitaho kugirango bakure neza. Ibyo byose barabikora, n'iyo boba babikora neza gute, bazapfa ari abakozi ntibazigera bahinduka abana. Hari ibyo badafitiye uburenganzira mu byo shebuja atunze. Bararya, bakaryama, bagahembwa amafranga, ariko, nta murage bazabona kwa shebuja. Kandi ntibazahaguma iteka, igihe kizagera basohoke bagende.

Ni ko n'abo bantu bameze imbere y'Imana. Izabahembera mw'isi nk'abagaragu, ariko nta murage w'Ubwami bwe bazabona, kuko batigeze bashakisha guhinduka abana b'Imana ngo bavuke ubwa kabiri. Ukwo rero ni kwo kuyoberwa, ni kwo kuneshwa, ni kwo gutahukana zero kandi warakoze. Ibi biratwereka neza ko tudahindurwa abana b'Imana n'imirimo dukorera Imana kuko itarya ruswa, duhindurwa bo, no kuvuka ubwa kabiri n'ubu ndabishimangira. Ibyaribyo byose, tubanze dushakishe kuvuka ubwa kabiri, noneho Umwuka Wera w'Imana uduhishurire Impano zacu, zibe arizo zidufasha kurangura umuhamagaro wacyu, tuyobowe n'Umwuka Wera, kugirango ibyo dukora byose byandikwe imbere y'amazina yacyu mu Gitabo cy'Ubugingo. Tubanze tumenye ko twanditswe mu Gitabo cy'Ubugingo noneho dukorere Imana, turi abana bakorera umubyeyi wabo.

Mwibuke uko Yesu yishuye intumwa ze zari zirase cyane zinejerejwe n'uko zagiye ku murimo w'Imana zikirukana Abadayimoni mu bantu. Yarababwiye ati : Icyo mugomba kwishimira si uko mwirukanye abadayimoni, ni uko mwanditswe mu Gitabo cy'Ubugingo.

**Abantu ku giti cyabo barihagurutsa bakigira Abashumba.**

Hari abantu ku giti cyabo bahaguruka bakiha umurimo w'Imana uko bashatse, nk'aho wagirango ntugira nyinewo. Kandi bamaze kugwira. Rero basigaye babyita kwihangira imirimo.

Umuntu, kuko ubushomeri bumwishe yabuze ikindi akora agahaguruka, akakira Agakiza, yamara kukakira, akihutira kwiga Theologie, yarangiza agashinga Itorero kugirango abone umushahara.

Umuhanuzi, yabona abantu bamwirukira, agahita agenda, akava mw'Itorero yakoreramo nk'Umuhanuzi, akaja gushinga Itorero rye, akihindura Umushumba kugirango yibonere amafranga atubutse.

Abandi bakihagurutsa bakigira abahanuzi n'abavugabutumwa b'ibinyoma kugirango bibonere indamu kandi bemerwe n'abantu.

Ijambo ry'Imana riri muri **2 Petero 2 : 1-3** rivuga neza ku bantu nk'aba riti : «Ariko, nk'uko abahanuzi b'ibinyoma badutse mu Bwoko bw'Abisirayeli, ni ko no muri mwe hazabaho abigisha b'ibinyoma, bazazana rwihereranwa inyigisho zirema ibice zitera kurimbuka, ndetse bazihakana na Shebuja wabacunguye bizanire kurimbuka gutebutse. Ingeso zabo z'isoni nke benshi bazazikurikiza batukishe inzira y'ukuri. Kandi irari ryabo rizabatera gushaka indamu kuri mwe bababwiye amagambo y'amahimbano, ariko iteka baciriwe ho uhereye kera ntirizatinda, no kurimbuka kwabo ntiguhunikira». Ibi ni byo byeze muri ino minsi cyane cyane y'imperuka kuko ab'ubu, barikunda kandi bakunze amafranga cyane nk'uko Imana yabihanuye mw'Ijambo ryayo riri muri **2 Timoteyo 3 :1-5.**

Mu by'ukuri, iyo umuntu abirebye neza yitonze, usanga ikibazo kinini kiri mu murimo w'Imana ari uko abantu badategereza Imana ngo ibe ari yo ibishirira mu murimo wayo kuko ariyo izi impano yahaye buri wese, n'uburyo agomba kuzikoresha, ahubwo, abenshi bari guhagurutswa n'irari ryabo nk'uko rino Jambo ry'Imana tumaze gusoma ribitubwiye.

Ni yo mpamvu amatorero akunze gucikamo ibice kuko abasangiye ubuyobozi bwayo, batabasha kwumvikana uburyo bagabura umusaruro babona. Ibi bikagaragaza ko baba bariho bakurikirana ubutunzi. Ntabwo baba bakurikirana ubugingo bw'intama z'Imana, baba bibereye mu nyungu zabo. **Muri Yohana 10,** muyisome kuva kuri **1-21,** aha ni ho Yesu yavuze ko ariwe mwungere mwiza kandi ko ariwe rembo ry'Intama. Avuga ko hari abinjira mu rugo rw'Intama batanyuze mw'Irembo, ahubwo, bakinjirira ahandi, haba mu cyanzu, cyangwa bagasimbuka igikuta, bakaza kwiba intama zo kuragira batazihawe na nyirazo, abo, ngo ni abajura, ni n'abambuzi. Ni bo akabazo gakubita, cyangwa babura ibyo bari bagamije bagata intama, nazo zigatatana, zikabura iyo ziva n'iyo zijya. Umwami Yesu yaratubwiye ati: «Ni jye Mwungere mwiza, umwungere mwiza apfira intama ze, ariko uragirira ibihembo, utari umwungere bwite kandi n'intama atari ize, iyo abonye isega rije, asiga intama agahunga, isega rikazifata rikazitatanya. Kuko ari uw'ibihembo, arahunga ntiyite ku ntama ze.....»

Hano, ndumva nasobanura neza nkoresheje impuguro zijyanye n'uko Imana yabinsobanuriye. Imana umunsi umwe yigeze

kunyigisha, inyereka uburyo Ubwami bw'Imana bumeze nk'umurima munini, urimo ibivi byinshi bigomba guhingwa. Kandi buri muntu afitemo ikivi cye. Ariko, nta numwe yamenya ikivi cye, cyangwa ngo amenye icy'undi muntu atari nyili umurima. Umuntu wese agomba gushyirwa mu kivi na nyili umurima kugirango buri wese abe ahagaze mu mwanya we. Kubera ko ibintu atariko bimeze uno munsi, ubona umurimo w'Imana warangiritse, ahubwo wajyemo akavuyo kenshi, ndetse no kunanirana warananiranye, kuko tuwiyinjizamo cyangwa tukawinjizwamo n'abandi bantu, tukawukora tutemera kuyoborwa na nyirawo. Yaba uwiyinjiza mu murimo w'Imana, yaba uwuwinjizamo abandi bagakorera mu mpano zitari izabo, bose, barakorera muri zero. Kandi bazabihanirwa. Uzi guhanirwa ibyo wakoze, kuko wakoze ibitakureba. Wakwitonze ukabanza ukagera ku rugero rushyitse, ukabanza ukavuka ubwa kabiri, Imana ikaguhishurira icyo yakuremeye. Erega, Imana ihishurira impano abana bayo gusa. Tugendane ubwenge, kandi tureke gushyuhagiza, iby'Imana ntibishyuhagizwa, biritonderwa.

Ijambo ry'Imana riri mu **1 Abakorinto 12 : 27 -30** , riratubwira neza ko ari Imana ishyira abantu mu mwanya y'Itorero, kandi ko ntawufite uburenganzira bwo kuva mu muhamagaro we ngo ajye mu w'abandi. «Nuko rero, muri umubiri wa Kristo, kandi umuntu wese, wo muri mwe, ni urugingo rwawo. Imana yashyize bamwe mu Itorero : Ubwa mbere intumwa, ubwa kabiri abahanuzi, ubwa gatatu, abigisha, maze ishyiraho abakora ibitangaza n'abahawe impano zo gukiza indwara, n'abahawe gufasha abandi, n'abahawe kuvuga indimi nyinshi. Mbese bose ni intumwa ? Bose ni abahanuzi ? Bose ni abigisha ? Bose bakora ibitangaza ? n'ibindi .....»

**Hariho n'amadini yicaye mu kibanza cy'Umwuka Wera.**

Hari amadini amwe usanga Ijambo ry'Imana rigomba kwigishwa buri munsi w'Umwaka, mu masengero ari mw'isi yose ari rimwe, ryaragenywe n'ubuyobozi bukuru. Ibyo se birumvikana ko abakristo bari mu Rwanda, ko bakenera Ijambo rimwe, mu gihe kimwe, n'abanyamerika? Ndetse, n'Abanyarwanda bose, ntabwo bakenera ubutumwa bumwe, mu gihe kimwe. Ni cyo gituma ubundi, ku bayoboza Umwuka Wera, ushobora gusanga Imana Ijambo yatanze mw'Itorero riri mu Kiyovu, atari ryo yatanze Kicukiro.

Imana ireba ubukene bw'imitima yaje kumushaka. Umuvugabutumwa wese agomba gusengera we ubwe ubutumwa agomba kujya kubwira abantu. Tugomba kumenya ko n'iyo twaba turi mw'itorero cyangwa idini rimwe, buri wese ni umukozi w'Imana ku giti cye, agomba rero gukora ayoboza Imana. Imana, ni yo igomba guha abavugabutumwa Ijambo rya buri munsi, bashyikiriza abakristo bagiye kubwiriza. Ntabwo ari umuyobozi w'idini ashiraho gahunga y'Ijambo rigomba kwigishwa kuko adashobora kumenya ubukene bw'abakristo ayoboye, keretse na we ubwe arisengeye akarihishurirwa. Ijambo ryigishijwe gutyo, ritahishuwe n'Umwuka wera, ni ryo usanga ntawe ryafashije, ahubwo nta nabo rihindura. Ubundi, ugasanga abantu bariho bisinzirira nk'aho wagirango si bo babwirwa, kuko usanga Ijambo ridakora ku mitima yabo kuko atari iryabo.

Hariho n'amadini yicaye ku ntebe y'urubanza, yiha ububasha bwo kwemeza abo bibaza ko bagiye mw'I Juru bakabita abatagatifu. Ni nde wamenya umutima w'Umuntu uko umeze , n'ibyo utekereza? Ako ni akabanga Imana yibikiye. Ni cyo gituma ntawacira urubanza umuntu amurebeye ku mirimo igaragara, kuko hariho abantu bashobora gukora imirimo myiza ataruko ari beza ku mutima cyangwa atar'uko babitumwe n'urukundo, ahubwo nyine bifitiye izindi mpamvu zabo. Bamwe bishakira ibyubahiro, abandi bishakira ibihembo, abandi bishakira kwamamara. Uzi ko hariho n'abashobora kwemera gutwikwa, impamvu igaragara ari ugupfira Imana, ariko umuntu we ashaka kwamamara, ngo Izina rye rizandikwe mu mateka?

Twebwe tukamwita umutagatifu kuko yemeye gupfira Imana, ariko Imana yo itamwemera nk'uwayipfiriye kuko yari afite izindi mpamvu ze bwite. Imana rero isoma mu mitima yacu, ireba impamvu zatumye dukora ikintu icyaricyo cyose ni yo yonyine izaducira urubanza. Kuko icyo tudakoranye urukundo cyose, ni zero imbere y'Imana **1 Abakorinto 13 : 1- 3,** Ijambo ry'Imana rirabitubwira neza ngo: «*Nubwo navuga indimi z'abantu n'iz'abamarayika, ariko singire urukundo, mba mpindutse nk'umuringa uvuga cyangwa icyuma kirenga. Kandi n'ubwo nagira impano yo guhanura, nkamenya ibihishwe byose, n'ubwenge bwose, kandi nubwo nagira kwizera kose nkabasha*

*gukuraho imisozi, ariko singire urukundo, nta cyo mba ndi cyo. Kandi, n'ubwo natanga ibyanjye byose ngo ngaburire abakene, ndetse nkitanga ubwanjye, ngo ntwikwe, ariko singire urukundo, nta cyo byamarira».*

Ibyaribyo byose, gucira abantu urubanza ni ukurenga akarimbi kuko uwo ni umurimo Imana yahaye Umwana we Yesu-Kristo wenyine. Ni we wambaye umubiri w'abantu, amenya uburyo umubiri uryana, n'uburyo ushukana, ariko ntiyigeze akora icyaha. Ntacyo tuzireguza imbere y'Imana kuko uko Imana yatsindishirije Yesu ku bwo ubuntu bwe yamusagirijeho, ni ko natwe ashaka kudukirisha ubuntu bwe. Ariko buzakiza abazabwemera.

Nakwanzura kino gice mbabwira nti : Ibyaribyo byose, icyo nahugurira buri muntu ni ukugendana ubwenge, mugashakisha Agakiza Nyakuri, kabonerwa muri Yesu-Kristo, ku bwo kwakira Ubuntu bw'Imana bugizwe n'Ijambo ry'Imana, Imbabazi z'Imana, n'Imbaraga z'Imana ariwo Mwuka Wera, mukavuka ubwa kabiri. Turekere aho kureba ku madini, Imana, ntabwo izakuziza idini usengeramo ngo ikwime Umwuka wayo. Imitima ikunda Yesu yose, yamwemeye ikamwizera, irayiha Umwuka wayo ngo ubakomeze, ubafashe kandi ubayobore.

Icyakora, ni byiza ko umenya niba uriho usengera mu rusengero rureka Umwuka Wera ugakora wisanzuye. Aho bemera imikorere y'Umwuka Wera, ni haba ariho usengera, bizagufasha na we gusobanukirwa no gushakisha Umwuka Wera, ndetse no gukorana nawo. Ntukizirike kw' i Dini na rimwe, izirike ku Mana. Idini ritagufasha kubana n'Imana mu kukumenyesha inzira y'Agakiza, n'uburyo uyigenderamo, waba uyizirikaho uyishakaho iki ? Cyangwa, idini rikuzirika rikakubuza gukorera mu mpano zawe Imana yaguhaye, waba urishakamo iki ?. **Ugomba buri munsi guhoza mu bitekerezo byawe ko waremewe gukorera Imana no kuyishimisha, ariko ukoza isoni Satani umwanzi w'Imana n'abantu. Icyo, ni cyo cyakuzanye kw'isi. Nupfa utageze kuri iyo ntego, uzaba ujyanye zero. Kandi zero ntihemberwa, irahanirwa.**

# IGICE CYA IV.

# GUKIZWA NI IKI ?

## IV.1. GUKIZWA NI UGUHINDURWA MUSHYA MU BITEKEREZO

Ugahinduka uhinduwe n'Ijambo ry'Imana wakiriye mu mutima wawe rikoza muri wo bya bitekerezo bya kamere byo kwikunda no kurarikira ibinezeza imibiri yacu, ukagira ibitekerezo byiza bigutekerereza iby'urukundo. Ni ko guhinduka abana b'Imana kuko Data ni ''URUKUNDO''. Noneho gukizwa, ni ukwuzura urukundo. Ni byo Imana idushakaho kuko ufite urukundo ntakora ibyaha. Pawulo mu **Baroma 13 : 8- 10** yaratubwiye ati : ''Ntimukagire undi mwenda wose keretse urukundo, kuko ukunda undi aba ashohoje amategeko, kuko ibi ngo : Ntugasambane, ntukice, ntukifuze, n'andi mategeko yose bihurira muri iri Jambo ngo : Ukunde mugenzi wawe nk'uko wikunda. Ufite urukundo ntagirira mugenzi we nabi, ni cyo gituma urukundo ari rwo rusohoza amategeko yose.''

Ijambo ry'Imana muri **2 Abakorinto 5 : 17** riratubwira riti : '' Umuntu wese iyo ari muri Yesu, aba ari icyaremwe gishya, ibya kera biba bishize. Dore byose biba bihindutse bishya''. Kuko tuzi ko Yesu ari Ijambo ry'Imana, ni ukuvuga ko uri mw'IJambo ko aba ahindutse mushya. Aba ahindutse undi muntu kuko aba afite ibitekerezo bishya bituruka

mw'I Jambo ry'Imana. Ku bw'ibyo, twavuga dushize amanga ko gukizwa ari ukugira undi mutima.

## IV.2. GUKIZWA, NI UKUGIRA UNDI MUTIMA

Tugomba gukizwa tugahinduka by'ukuri, tukagira umutima utandukanye n'uwo twavukanye. Ni KO KUVUKA UBWA KABIRI. Kuvuka ubwa kabiri, ni ukuba umuntu mushya ntaho uhuriye n'uko wari uri utarakizwa. Ni uguhindura imitekerereze yawe, ugahindura imivugire yawe, ugahindura imikorere yawe, ni uguhinduka mu mutima. Ni ukugira umutima mwiza w'impuhwe n'imbabazi, umutima w'amashyari n'inzigo n'ubugome ukakuvamo.

Pawulo yaratubwiye ati : *Kandi ntimukishushanye n'ab'iki gihe, ahubwo, muhinduke rwose mugize imitima mishya kugirango mumenye ibyo Imana ishaka ari byo byiza bishimwa kandi bitunganye.* **Abaroma 8 : 2.**

Umutima tugomba kugira twebwe abakijijwe uko umeze, turabisanga muri **Zaburi 51 : 12, 14, 19** , aho Dawidi asaba Imana ngo imuhe umutima mushya kuko yari yakoze icyaha, ava mu buntu bw'Imana, ntiyaba agifite wa mutima we wari umeze nk'uko Imana ishaka, asubira kumera nk'abandi bose. Yarayisabye imbabazi arayibwira ati : *"Mana, undememo umutima wera, unsubizemo umutima ukomeye. Umutima umenetse ushenjaguwe Mana ntuzawusuzugura. Unkomereshe umutima wemera, ni bwo nzigisha inzira yawe abacumura ".*

Turagomba lero kwerekana umutima udakijjijwe uko uba umeze, n'ukijijwe uko uba umeze, kugirango buri wese yisuzume amenye uruhande ahereреyemo urwarirwo.

| **Umutima tuvukana ukiri muri Kamere y' ububata bwa Satani.** | **Umutima ukijijwe wavuye muri Kamere w'abahindutse abana b'Imana.** |
|---|---|
| ***1.Umutima wirabura wuzuye ubugome*** buturuka ku kwikunda kubyara irari ry'umubiri n'iry'ibyisi, ari na ho haturuka ishyari, ubwoba n'umururumba bidukoresha ibyaha by'uburyo bwose nk'uko twabisobanuye kare. Ijambo ry'Imana rirabitubwira neza riti: "Mbese mutekereza ko ibyanditswe bivugira ubusa ngo : " Umwuka uba muri twe urararikira ukagira n'ishyari " **Yakobo 4 : 5** | 1. ***Umutima Wera*** : - Umutima wera, ni umutima wejeje utagira ikizinga ari cyo cyaha. Ugira kwirinda kwinshi kandi wanga icyaha. Ni umutima wavuye mu ngeso mbi ari yo kamere yo kwikunda, ukuzura urukundo n'impuhwe. Ijambo ry'Imana riratubwira riti : "Umuntu wese wabyawe n'Imana ntakora ibyaha kuko imbuto yayo iguma muri we, kandi ntabasha gukora ibyaha kuko yabyawe n'Imana" **Yohana 3 : 9** Kandi, imbuto y'Imana ni urukundo.<br>Ni umutima ukunda kwihana kuko utinya gutandukana n'Imana n'abantu ku bw'urukundo ruba muri wo. Umutima Wera, uraducira urubanza ukaturega, igihe cyose twakoze ibidakwiriye. Umutima Wera, ni umutima uvugisha ukuri, umutima utaryarya, utariganya, wanga ibinyoma. Ijambo ry'Imana ridusaba kugira imitima yejejwe. " Mugire umwete wo kubana n'abantu bose amahoro n'uwo kwezwa, kuko utejejwe atazabona Umwami Imana **Abaheburayo 12 : 14** |

| | |
|---|---|
| 2. **Umutima utizera :** Umutima umeze gutyo, urirwanilira. Ni umutima utanyurwa, ufite kwifuza kwinshi muri wo, ugahorana irari ribyara umururumba utera bene wo kwirwanilira, guturuka ku kutizera. Ni cyo gituma umuntu nk'uwo ahorana ubwoba bw'ejo hazaza. Ni umutima uhora uhagaze, akenshi hakavamo no guhahamuka. Hariho n'abiyahura. Ni umutima ushaka kuneshesha imbaraga zawo. Umutima ukimeze utyo urahubuka, uhutiraho, urangwa n'uburakari, ntugira kwirinda. Kandi uvuga nabi, uhorana intonganya no kwitotomba. Kandi Imana irabitubuza ngo: "Ntimwitotombane bene Data, mudacirwaho iteka dore umucamanza ahagaze ku rugi " **Yakobo 5 : 9.**<br><br>Ubundi, Imana ikongera ikabitubuza muri rino Jambo ngo : *'' Utonganya Iyamuremye, azabona ishyano, kandi ari urujyo mu zindi njyo»* **Yesaya 45 : 9 .** | **2. Umutima ukomeye:** Ni umutima ufite ukwizera. Ni umutima urinda ibigeragezo. Ntabwoucikaintege.Niumutima witonda, udahutiraho, ubasha no gutegereza no kwihangana. Uratekereza ukabaza Imana imbere yo kuvuga cyangwa gukora. Ni umutima ugenzura, kandi ushishoza. Ntabwo upfa kwakira ibije byose ngo ubyemere. Ni umutima utajya mu bihurura byose. Ugendana ubwenge, kandi uhagarara ku byo wemera. Umutima umeze gutyo, uhorana amahoro n'umunezero n'iyo rwaba rukambye. Uhorana kubabarira muri wo. Ni wo Bibiliya itubwira ko ari umutima utagira umunkanyari. Ni umutima uhora utuje. Ni umutima wirinda gukomeretswa n'ikintu icyaricyo cyose. Ibimubabaje byose, abitura umuremyi we, ubundi akicecekera, akivugira ati : ''Ntacyo bitwaye ''. Ni umutima uhorana ineza muri wo, haba mu bibi cyangwa mu byiza. Ni umutima uzi kunyurwa, utararikira. Umwami Yesu yaratubwiye ati :<br><br>«Mwirinde, imitima yanyu ye kuremerwa n'ivutu no gusinda n'amaganya y'iyi si, uwo munsi ukazabatungura, kuko uzatungura abantu bose bo mw'isi umeze nk'umutego». **Luka 21: 34.** |

| | |
|---|---|
| **3. Umutima winangiye**: Ni umutima wishyira hejuru, ni umutima wuzuye ubwibone. Ni umutima wirarira, ukunda kwihagararaho. Umuntu ufite umutima umeze gutyo, nta n'ubwo yemera amakosa ye.<br><br>Gusaba imbabazi kwe biva kure. Ntanakunda ko n'abantu bamenya uko ateye. Ahora yiyerekana ko ari igitangaza imbere y'abantu, ariko ibyo akora yihishe, biba ari bibi binyuranije n'uko agaragara. Ni umuntu azi kwishushanya. Akora uko ashoboye kugirango yemeze abantu ko Imana iri muri we kandi ntayo agira. | **3. Umutima umenetse:** Ni umutima wicisha bugufi, ufite ukwubaha kwinshi, ni umutima wuzuye ubuntu, ubabarana n'abababaye, ukanezeranwa n'abanezerewe. Ni umutima ubabarana n'uwa Kristo ku bw'Ibyaha bye, no ku bw'ibyaha by'abandi. Umuntu ufite mwene uwo mutima, ahora yicuza, kandi kwicuza kwe ni ukw'ukuri. Agaragara uko ari kuko atari indyadya. |
| **4. Umutima wigenga :** Ni umutima utumvira, ukora ibyo wishakiye. Ni umutima utemera kugengwa n'Imana cyangwa abategetsi. Ni umutima wuzuye agasuzuguro. Umuntu ufite umutima umeze gutyo, aba ari ingare. Akenshi ntava kw'izima, ahinduka intagondwa. Umugore umeze gutyo, ntiyemera no gutegekwa n'umugabo, ntamwubaha, ahora avuga mu rugo ashibaguzwa (asakuza). | **4. Umutima wemera :** Ni umutima wumvira. Wemera kwiga no kugirwa inama. Wemera kuyoborwa n'Imana. Ni umutima wemera ko ushobora no gukosa. Umuntu ufite umutima umeze gutyo, ahorana ishaka ryo guhora atera imbere mu gukiranuka no mu Gakiza ke. Yemera ko atazi byose kandi ko adashoboye byose akemera ubufasha bw'Imana n'ubw'abandi. Ijambo ry'Imana riraduhugurira kugira umutima umeze utyo, muri aya magambo: |

| | |
|---|---|
| Ni bo twita mu gifransa les femmes en culotte, mu kinyarwanda, ni abagore bambaye amakabutura. Baba barigize abagabo mu ngo zabo. N'umwana umeze atyo, ni ko aba ateye, ntiyubaha, kandi ntiyumvira ababyeyi, arabasuzugura. | *"Nuko, mwigane Imana nk'abana bakundwa, kandi mugendere mu rukundo nk'uko Kristo yadukunze, akatwitangira kuba ituro n'igitambo cy'Imana n'umubabwe uhumura neza".* **Abefeso 5 : 1-2.**<br><br>Tugomba guhora dushaka kumera nk'Imana muri byose, kandi tugahora twumvira Imana. |

## IV.3. GUKIZWA NI UKUVA MURI KAMERE Y'UMUBIRI UDUKUNDISHA IBY'ISI

Iyo kamere yo kwikunda, yadutegekeshaga irari rigahora ridusunikira gukora ibyo imibiri yacu yifuza, noneho ku bwo gukizwa, tugasigara tuyoborwa n'Umwuka Wera w'Imana utuyoboza Ijambo wateye mu mitima yacu, kugirango ikore ibyo Imana ishaka. Ni ko kuva mu byaha (ibi birasobanuwe neza mu gitabo kivuga ku ntabwe z'Agakiza).

Navuga kandi mu yandi magambo ko GUKIZWA ari ukwimura mu mitima yacu ibitekerezo byo guhora twifuza iby'isi n'ibinezeza imibiri yacu, noneho imitima yacu tukayishikamishamo Ijambo ry'Imana riduhesha kwakira ibitekerezo by'Imana muri twe, noneho ha kuyoborwa na kamere y'imibiri yacu tukayoborwa n'Umwuka Wera w'Imana. Uko ni ko kuba abana b'Imana nk'uko Pawulo yanditse ko umuntu wese utagira Umwuka Wera wa Kristo ntaba ari uwe. **Abaroma 8 : 9b**, kandi yandika ko abayoborwa n'Umwuka w'Imana bose ni bo bana b'Imana. **Abaroma 8 : 14.**

Pawulo yabivuze neza aravuga ati : *"Gukizwa, ni ukwiyambura umuntu wa kera uheneberezwa no kwifuza gushukana. Tugahinduka bashya mu Mwuka w'Ubwenge bwacu, tukambara umuntu mushya waremewe ibyo gukiranuka no kwera bizanywe n'ukuri nk'uko Imana yabishatse ".* **Abefeso 4 : 22-24 .** Kandi hano mwibuke ukuri ko ari Ijambo ry'Imana, ko ari Yesu-Kristo **Yohana 14 : 6**.

**GUKIZWA** rero, ni ukugera ku rugero rwo gutegeka umubiri wacu hako dutegekwa na wo. Kandi ibihimba by'umubiri bikunda kudutegeka ni igitsina, inda n'ururimi. Nitubasha gutegeka ibyo bihimba bitatu , tuzabasha gutegeka umubiri wose. Ni cyo gituma twavuga ko Gukizwa atari ukwezwa kw'imitima yacu gusa, ahubwo, ni no kwezwa kw'imibiri yacu itaba ikihutira gukora ibibi, ahubwo ikabangukira gukora ibyiza, igahesha Imana icyubahiro.

Iminywa yacu yahoraga itukana ikavuga Ijambo ry'Imana, igakomeza abihebye, amaguru yacu yahora ajya kwiba akajya gusenga no kuvuga ubutumwa bwiza, amaboko yacu yahoraga yiba agakora imirimo yo kudutunga kandi tukayarambura dushima Imana, dutabara n'abatishoboye. ….. *Imibiri yacu igomba kuba ibitambo bizima bishimwa n'Imana nk'uko Pawulo yabitubwiye mu* **Baroma 12 : 1** Nuko rero , Pawulo arongera araduhugura ati : *"Mwambare Umwami Yesu- Kristo, kandi ntimuhe urwaho imibiri yanyu ngo ibone uko ikora ibyo yifuza»* ***Abaroma 13 : 14.***

Tugomba kwambara Umwami wacu Yesu-Kristo mu mitima yacu atari ku mubiri, ni ukuvuga ko ari we tugomba gutuza mu mitima yacu ku bwo kumuhoza mu bitekerezo byacu kugirango abe ari we utuyoboza Ijambo rye. Icyo gihe, imibiri yacu ntizakora ibyo yipfuza, izakora ibyo Imana ishaka.

## IV.4. GUKIZWA, NI UGUHINDUKA UMUNYETORERO.

Hano, Itorero ntitugomba kuryumva nka za nyubako dusengeramo. Itorero rya Kristo, ni iry'Umwuka.

Ijambo Itorero rikomoka kw'Ijambo Ekklezia, rigizwe n'amagambo abiri : "Kaleo", risobanura *guhamagara* na "EK "risobanura *gutandukanya.* Imana ni yo yihamagarira abantu kugirango bitandukanye n'abakiri ab'isi, bitandukanye n'Ubutware bwa Satani, bitandukanye n'ubutware bw'umwijima binjire mu Bwami bw' Imana.

Abanyetorero, ni abizera Yesu-Kristo bose bakemera gucungurwa na we, kumukurikira, kumuyoboka no kuba abana b'Imana nka we. Kuko ariwe mfura yacu mu Mana. Bakemera gutandukana n'Umwuka uyobora iyi si. Ni abitandukanije n'Icyaha, bakivangura na Kamere z'imibiri yabo. Ni abantu bamaze kwiyambura iby'isi, bakiyambura abana b'abantu. Bakitandukanya n'abanyabyaha ku bwo gutoranywa. Ni abantu bamaze kwimuka by'ukuri, bakava mu bya kera, bakajya mu bishya bya Kristo.

Noneho bagafatanywa kuri Yesu-Kristo. Bagahinduka urugingo rw'umubiri we. Yesu ni we mutwe w'Itorero, kuko muri we, we Jambo ry'Imana , ni mo twitoreza guhinduka, tukaba ibyaremwe bishya ariko kuba abanyetorero. Itorero ni umubiri wa Kristo. Umunyetorero lero ni uwemera kuba urugingo rw'uwo mubiri. Ijambo ry'Imana rirabitubwira neza mu **Bakolosayi 1 : 18** riti : Yesu ni we Mutwe w'umubiri , ni we Torero kandi ni we Tangiriro, ni Imfura yo kuzuka mu bapfuye kugirango abe uwa mbere uhebuje byose, kuko Imana yashimye ko kwuzura kwayo kose kuba muri we. Kandi imaze kuzanisha amahoro amaraso yo ku musalaba we, imwiyungisha n'ibintu byose , ari ibyo kw'isi cyangwa mw'I juru. Namwe abari baratandukanijwe n'Imana kera, mukaba mwari abanzi bayo mu mitima yanyu no ku bw'imirimo mibi, none yiyungishije namwe urupfu rw'umubiri we, ngo abashyire imbere yayo muri abera n'abaziranenge mutagawa, niba muguma mu byo twizera mwubatswe neza ku rufatiro, mutanyeganyega kandi mutimurwa ngo muvanwe mu byiringiro biheshwa n'ubutumwa mwumvise, bwabwirijwe mu baremwe bose bari munsi y'ijuru, aribwo njyewe Pawulo nahindukiye umuvugabutumwa wabwo. Imana yongera kandi kubitubwira mu **Befesho 1:22** «Kandi yamuhaye gutwara byose abishyira munsi y'ibirenge bye imuha itorero ngo abe umutwe waryo usumba byose naryo ribe umubiri we ushyitse kandi ushyikirwamo na byose».

Umunyetorero rero nyakuri, ni uwitandukanije na Satani, akiyunga na Yesu-Kristo, agahinduka umwigishwa we, agahinduka inshuti ye, agahinduka uwe, kandi ibyo akabihamisha kumwizera, kumukunda no kumukorera akurikiza amategeko ye yose, kuko yemera ko ari we muyobozi we wenyine rukumbi. Umunyetorero ni uwubakiye ubuzima bwe kuri Yesu-Kristo. Ni cyo gituma tuvuga ko

gukizwa ari uguhinduka umunyetorero, kuko, tuba dutandukanye, tuba dukize, tuba ducitse Satani yari yaratuboheye mu cyaha kuva tukivuka. Gukizwa rero, ni ukuva mu cyaha tukinjira mu Bwiza bw'Imana duhabwa no kwizera Yesu-Kristo. Ni uguhinduka abana b'Imana nyakuri. Kandi, abana b'Imana barangwa no kugira kamere y'Imana irangwa n'ibintu 4 : **URUKUNDO, UKURI, UKWICISHA BUGUFI, KWUMVIRA,** bagatandukana burundu na kamere y'umwanzi irangwa no **KWIKUNDA, UBURYARYA, UKWISHIRA HEJURU, UKWIGENGA.** Aha nakwongera ho ko umunyetorero wese ariyizi kandi na nyili Itorero aramuzi**. Itorero rya Yesu riri mw'ibanga.** Ntugakorere kugirango abantu babe aribo bamenya ko uri umunyetorero, ahubwo, kora ku buryo umenywa kandi ukemerwa n'Imana ko uri uwe. Ni cyo gituma abakizwa batarangwa n'amadini basengeramo. Barangwa no guhinduka kwabo bagasa na Kristo we mutwe wabo, kandi tumenye neza ko umutwe ariwo uyobora ibindi bihimba by'umubiri.

### IV.5. GUKIZWA NI UKUROKOKA

Gukizwa ni ukwitandukanya n'abanyabyaha mwahoraga muri inshuti, bamwe mwafatanyaga mu gukora ibyo Imana yanga. Ni nacyo gituma Bibiliya yita n'abakizwa Abarokore. GUKIZWA mu yandi magambo, NI UKUROKOKA . Uba umeze nk'uwokowe, nk'uwukuwe mu kiguri cy'abantu benshi bafite imibereho imwe n'imyumvire imwe, bameze kimwe. Twese tuvuka turi abanyabyaha nk'uko Ijambo ry'Imana ribitubwira mu **Baroma 3 : 9-18** riti : "Nuko tuvuge iki ? Mbese turabaruta, Oya da, habe na gato. Kuko tumaze guhamya Abayuda n'Abagiliki yuko bose batwarwa n'ibyaha nk'uko byanditswe ngo : Nta wukiranuka n'umwe, nta wumenya, nta wushaka Imana, bose barayobye, bose bahindutse ibigwari, nta wukora ibyiza n'umwe......."

Urumva rero, uko ni ko tuvuka nk'uko twakomeje kubivuga, ntituvuka tuzi Imana, nta n'ubwo tuvukana inyota yo kuyishaka, ahubwo, tuvuka tudashaka Imana ku bwo kutayimenya, tuvukira mu buyobe, tudakora ibyiza, turi abagome. Iyo wamaze gukizwa, ariko kurokoka, uba utandukanijwe n'abandi bakimeze gutyo, ku bwo kudasubira kwitwara nka bo. Uba uvanywe muri bo. Uba ushyizwe ku ruhande. Uba uhinduwe undi muntu utameze nk'abandi bose.

Dufashe urugero ku banyarwanda, abaciste kw'icumu rya Genocide babise abarokotse, kuko mu bisanzwe, abatutsi bose bagomba kwicwa, ariko uwarusimbutse, ni ibintu bidasanzwe, ntiyapfuye nk'abandi bari basangiye imiterere. No mu buryo bw'Umwuka ni uko. Ubundi, mu bisanzwe, twarabo kurimbuka kubera ko tuvuka turi abanyabyaha ku bw'Adamu wa mbere, ariko noneho, Umwami wacu Yesu-Kristo, ni we waduhesheje kurokoka, nk'uko Ijambo ry'Imana ribitubwira riti :"Nuko, ubwo igicumuro cy'umuntu umwe cyateye ko abantu bose bacirwaho iteka, ni na ko icyo gukiranuka cyakozwe n'umuntu umwe cyahesheje abantu bose gutsindishirizwa, bagahabwa ubugingo. Kandi nk'uko kutumvira Imana k'umuntu umwe kwateye ko abenshi baba abanyabyaha, ni ko no kuyumvira k'umwe kuzatera ko abenshi baba abakiranutsi " ***Abaroma 5 : 18-19.***

Iri Jambo, riratwereka ko ku bw'urukundo Imana idukunda, yaduhaye inzira tunyuramo kugirango dukizwe, turokoke kurimbuka tuzabeho iteka ryose. Na yo ni inzira y'Agakiza, ni inzira yo kwumvira Imana tuyoborwamo n'Ijambo ry'Imana ari we Yesu-Kristo. Umwami Yesu yarabitwibwiriye ati: »Ni jye nzira n'ukuri n'ubugingo, Nta wujya kwa Data ntamujyanye» ***Yohana14:6.*** Kandi tumenye ko turokoka tukiri bazima. Umunsi twapfuye tutararokoka, kazaba katubanye, ntituzaba tukirokotse.

Ni cyo gituma twakwirinda gupfusha ubusa iminsi Imana yadutije yo kubaho kwacu. Kandi nk'uko Ijambo ry'Imana ribitubwira ngo niwumva Ijwi ryanjye, ntiwinangire umutima. Igihe kirageze ko tworoshya imitima yacu, tukorohera Imana tukitabira inzira y'Agakiza tutajijinganya, hakiri ku manywa, kugirango tutazabura Ijuru. Imana yarambwiye ngo : "Ubwire abagishaka ko mbabwira kuko abenshi banze kunshaka". Nyamara, twisubireho abahawe Agakiza bakanga kukakira, hari igihe muzagashaka katakiboneka. Ibihe bigeze kure, Umwami wacu Yesu-Kristo ari bugufi. Twite kw'iherezo ryacu duhindukirire Imana tugifite umwanya. "Gukina byararangiye bene Data ".

## IV.6. GUKIZWA NI UGUHINDURA UBWAMI

Gukizwa lero twavuga ko ari no guhindura ubwami kuko uba warokotse ku gitugu cya Satani. Ni ukuva munsi y'ubwami bwa Satani twavukiyemo ku bw'icyaha cy'inkomoko cyangwa cy'inyanduruko (Kirundi). Uwo mwanzi nta kindi yari atumariye atari ukudukoresha ibyaha, tukananirwa kubivamo nyamara duhorana ubwoba bwo kubipfana tukarimbuka. Tumaze gukizwa, twimukiye munsi y'ubwami bw'Imana ku bwo kwemera Yesu ko ariwe atubera Umwami n'umuyobozi, tugatandukana na Satani ku mugaragaro.

Ku bwo guhindura Ubwami, twahinduye n'icyerekezo cy'ubuzima bwacu. Kera tutarakizwa, intego y'ubuzima bwacu yari yerekeje ku by'ubu bugingo. None intego y'ubuzima bwacu yabaye iyo kuzabona ubugingo buhoraho. Tuberaho rero kwitegurira kuzabana n'Umwami wacu Yesu-Kristo iteka ryose, mu gushakisha gusa na we uko bukeye uko bwije, duharanira gutandukana n'ikibi icyaricyo cyose.

Mu **Bakolosayi 3 : 1- 10** , Ijambo ry'Imana riratubwira riti: Nuko rero niba mwarazuranywe na Kristo, mujye mushaka ibiri hejuru aho Kristo ari, yicaye iburyo bw'Imana. Mujye muhoza umutima ku biri hejuru atari ku biri mu isi, kuko mwapfuye kandi ubugingo bwanyu bukaba bwarahishanywe n'ubwa Kristo mu Mana. Kandi ubwo Kristo ari we Bugingo bwacu, azerekanwa namwe muzaherako mwerekananywe na we muri mu bwiza. Nuko rero mwice ingeso zanyu z'iby'isi : Gusambana no gukora ibiteye isoni, no kurigira no kurarikira, n'imyifurize yose ari yo gusenga ibigirwamana, ibyo ni byo bizanira umujinya w'Imana abatayumvira. Kandi namwe mwabigenderagamo kera ubwo mwahoraga muri byo. Ariko none mwiyambuye ibi byose: Umujinya n'uburakari, n'igomwa no gutukana, kandi ntihakagire amagambo ateye isoni aturuka mu kanywa kanyu. Ntimukabeshyane ubwo mwiyambuye umuntu wa kera n'imirimo ye, mukambara mushya uhindurirwa mushya kugirango ugire ubwenge, kandi ngo ase n'ishusho y'uwamuhamagaye. Amen

## Igicye cya V

## UMWANZURO

Nizeye ntashidikanya kandi ibyo ndabishimira Imana yambashishije kwandika kino gitabo kugirango umucyo w'Agakiza utambikire abakiri mu mwijima ko mwabashije gusobanukirwa kurusha icyo dukizwa ko ari kamere yo kwikunda idukururira mw'irari ry'imibiri yacu ridukoresha ibyaha by'uburyo bwinshi. Kandi nizeye ko mwabashije gusobanukirwa ko Gukizwa ari ukuvuka ubwa kabiri, ku bwo guhinduka bashya mu mitekerereze yacu duhinduwe n'ubuntu bw'Imana twakiriye bugizwe n'imbabazi z'Imana tubonera mu maraso ya Yesu – Kristo atwuhagiraho ibyaha byacu byose, Ijambo ry'Imana ryeza ibitekerezo byacu, kuko riduhesha kugira ibitekerezo bizima by'Imana, n'Imbaraga z'Imana ari wo Mwuka w'Imana ukomeza mu mitima yacu Ijambo ry'Imana twakiriye , ukaridusobanurira, ukaridukundisha, ukadufasha no kurishira mu bikorwa.

NUKO RERO, TWOZWA IBYAHA BYACU N'AMARASO YA YESU, TUKEZWA MU BITEKEREZO N'IJAMBO RY'IMANA, TUGAKOMEZWA N'IMBARAGA Z'IMANA. NI KO KUVUKA UBWA KABIRI.

Kwakira ubwo buntu bw'Imana bwuzuye, ni ko kuduhindura abana b'Imana basa na Se ari we Data wa twese wo mw'Ijuru. Tukiyambura wa mwitero wo gukiranirwa twari twambitswe na Satani wo kwikunda, tukambara umwitero mushya wo gukiranuka w'Imana ari rwo Rukundo. Ni ko kuvuka ubwa kabiri nyakuri, kuko duhinduka bashya mu bitekerezo. Kandi tugomba kubiharanira kuko Yesu muri **Yohana 3 : 3** yatubwiye ko *"Utazabyarwa ubwa kabiri ko atazabasha kwinjira mu Bwami bw'Imana "*.

Aha kandi ni ho mboneye akanya ko gusobanurira neza abacyitiranya GUKIZWA no KWAKIRA AGAKIZA. Kwakira Agakiza ni yo ntambwe ya mbere dukora itwinjiza mu rugendo rwo gukizwa. (Tuzayivugaho mu buryo burambuye mu gitabo kizakurikira kizasobanura Intambwe z'Agakiza) Nk'uko twabibonye, gukizwa ni uguhinduka. Kandi, umuntu ntabwo abasha guhinduka mu munsi umwe cyangwa ibiri cyangwa itatu.

Guhinduka, ni urugendo rurerure rungana n'iminsi dusigaje yo kubaho kwacu. N'ukuvuga ko buri munsi Imana iduhaye wo kubaho, tugomba kugira icyo tuwukoramo duhinduka. Gukizwa rero ni ukwa buri munsi, kandi gukizwa kwacu kuzaba kwuzuye ku munsi wacu wo kwitaba Imana. Ni cyo gituma nta wakwirarira ngo yumve ko yageze mw'Ijuru akiri mw'isi. Tugomba umunsi ku wundi gushakisha kurushaho kwuzuzwa Ubuntu bw'Imana busaga. Umunsi bwotuvaho, twasubira kuba ba bandi ba kera, abana ba Satani.

Ntitukigere twibagirwa ko Abanyisirayeli Imana yari yarabatoranije, ikabahamagarira kubatandukanya n'abanyamahanga ngo abajyane mu gihugu cyabo bwite cy'amasezerano. Ariko kuko Abanyistraeli benshi bakomeje kuba abanyamahanga mu bitekerezo byabo, barimbukiye mu butayu ntibigeze bagera i Kanani. Aba babereyeho kutubera akabarore. Ni cyo gituma ntawakwirarira ngo kuko yakiriye Agakiza gusa ntiyarimbuka. Ibi ndabivuga kuko nzi ko ariko benshi babizi. Nyamara, utazahinduka mushya, ntazabona Umwami Imana. Iri Jambo murikomeze mu mitima yanyu rizahora ribasubizamo imbaraga zo guhora mujya mbere kugeza aho muzaneshereza. Kandi kunesha kwanyu kugaragarira

*mu kwihangana no mu kwirinda kwanyu. Kandi kwihangana tuguheshwa no kwizera, kwirinda tukaguheshwa n'urukundo.*

Ni na cyo gituma Ijambo ry'Imana riri muri **1 Yohana 3:23** ritubwira riti: Itegeko ry'Imana ni iri : *"Ni uko twizera Izina ry'Umwana wayo Yesu-Kristo, tugakundana nk'uko yadutegetse".*

Ntimugacogore kandi ntimugatinye guhora muca bugufi imbere y'Imana igihe cyose mwaneshejwe mugakora icyaha, kandi ntimugacogore gusenga no gusoma Ijambo ry'Imana. Umunsi mwacogoye, muzaba muriho mwitandukanya n'Imana noneho umwanzi abone icyanzo anyuramo abasubiza mu bitekerezo bya kera byo kurarikira no kwifuza. Uko ni ko kugwa kw'umuntu. Agasigara akora ibibi biruta ibyo yakoraga kera.

Nahamagarira abaguye ko basubira vuba na bwangu mu buntu bw'Imana. Haracari ibyiringiro ko igiti cyatemwe gisubira kigashibuka. Ntimukemere ko Satani akomeza kubabyina hejuru.

Umukiza wacu aracyahali kandi azahoraho, ni muzima n'imbabazi ze ntiziragashira. Ni cyo gituma twakwegera intebe y'ubuntu bw'Imana tudatinya nk'uko Ijambo ry'Imana ribitubwira mu **Baheburayo 4 : 15** riti*: "Nuko, ubwo dufite umutambyi mukuru ukomeye wagiye mw'ijuru, ari we Yesu Umwana w'Imana, dukomeze ibyo twizera tukabyatura. Kuko tudafite umutambyi mukuru utabasha kubabarana natwe mu ntege nke zacu , ahubwo yageragejwe uburyo bwose nka twe, keretse yuko atigeze akora icyaha. Nuko rero twegere intebe y'ubuntu tudatinya, kugira ngo tubabarirwe tubone ubuntu bwo kudutabara mu gihe gikwiriye. "*

Nizeye kandi ntashidikanya ko kino gitabo gishobora kubabera indorerwamo mukamenya neza uko muhagaze muri runo rugendo turimo rwo kuja mw'Ijuru. Noneho mugafata ingamba nsha kugirango mutazahusha Ijuru.

Dukomeze duhugurane kandi dusabirane kugirango dufatane urunana tuzagere twese i wacu mw'Ijuru aho tuzabana na Data n'uwatumeneye amaraso ariwe Yesu-Kristo imfura yacu.

AMEN

# Umwirondoro

Iki gitabo, cyanditswe na Nyakamwe Christine. Navukiye i Burundi, taliki ya 25 Mata 1954, ahantu hitwa i Mugera, mu Ntara ya Gitega. Nize amashuri abanza n'icyiciro cya mbere cy'amashuri makuru aho nyine i Mugera.



Icyiciro cya kabiri cy'amashuri makuru nayize mu Bukeye no mu Rutovu, mu mashuri nderabarezi. Nize muri Kaminuza y'i Burundi, mu ishami ry'ubumenyi bwo kwigisha. Nabonye impamyabumenyi yo kwigisha abigisha mu 1981. Nubatse n'Umutware wanjye Polisi Denis mu 1980, dufitanye abana 6. Nakiriye Agakiza taliki ya 30 Mata 2006.

# Incamake

Nizeye ntashidikanya kandi ibyo mbishimira Imana ko abatarakizwa n'abaguye bazumva muri kino gitabo Ijwi ry'Imana ribahamagara rivuga riti : "Uyu munsi nimwumva ijwi ryange ntimwinangire imitima" **Abaheburayo 3:7-8**. Dore uwabakunze akabaha ubugingo bwe akabapfira ku musalaba ahagaze ku rugi arakomanga. Ni mwumva ijwi rye mugakingura urugi rw'imitima yanyu, arinjira musangire ibitekerezo abahe icyerekezo gishya cy'ubuzima bwanyu. **Ibyahishuwe 3:20**.

Umwuka n'umugeni barahamagara bati : "Ngwino !" kandi uwumva nahamagare ati : "Ngwino!". Kandi ufite inyota naze kwa Kristo amuhe amazi y'ubugingo ku buntu. **Ibyahishuwe 22 : 17.**

**AMEN**

© Umuhozaministries 2013